

A. Scheunpflug
S. Krogull
F. Rwambonera
S. Mutabazi

Imyigishirize yubaka ubushobozi mbonezamibanire mu bihe bya nyuma y'amakimbirane

Umusanzu wayo mu guteza imbere
umuco w'amahoro n'ireme ry'uburezi



Amashakiro

Ijambo ry’ibanze rya Dr Tharcisse Gatwa.....	3
Ijambo ry’ibanze rya Dr Claudia Warning.....	7
Iriburiro	9
1 Amahoro n’uburezi.....	13
1.1 Uburezi bwubaka umuco w’amahoro n’ubushobozi mbonezamibanire.....	13
1.2 Kumva ijambo “imbonezamibanire”	18
1.3 Ubumenyi n’ubushobozi bw’imbonezamibanire	25
1.4 Imbonezamibanire n’isano ifitanye n’amahoro na demokarasi	30
1.5 Imbonezamibanire n’isano yayo ku ireme mu burezi	33
1.6 Umusozo: Imbonezamibanire no kwiubakamo ubushobozi: Igisubizo cy’imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri mu bihe bya nyuma y’amakimbirane	38
2 Kwigisha ibijyanye n’imbonezamubano	40
2.1 Imyumvire y’abanyeshuri ku birebana n’inyigisho.....	40
2.2 Uburyo bugamije gukangura ubwenge	45
2.3 Imicungire y’ishuri ishingiyeye ku kongerera abanyeshuri ubushobozi no kugabanya ibihano hagambiriwe kwemerwa.....	48
2.4 Guhuza ibi bice bitandukanye nk’ikintu kimwe kandi muri gahunda y’ibihe runaka	53
3 Ishyirwa mu bikorwa ry’ubushobozi mbonezamibanire	56
3.1 Amahugurwa ya mwarimu	56
3.2 Intsinzi si iy’umuntu umwe.....	63
3.3 Ikurikiranabikorwa n’igenzura	65
3.4 Abahugura	69
3.5 Imicungire myiza	71

4	Umusaruro wavuye mu bushakashatsi	73
4.1	Isesengura ry'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri	73
4.2	Umwanzuro wa 1: Amahugurwa ku myigishirize iha uruhare runini umwana mu masomo iteza imbere umwuka mwiza mu myigire no mu myigishirize.....	77
4.3	Umwanzuro wa 2: Amahugurwa ku myigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu masomo kandi ishyigikira gutera imbere kw'abanyeshuri ku giti cyabo.....	79
4.4	Umwanzuro wa 3: Uburezi bushingiyeye ku munyeshuri buteza imbere umuco wa demokarasi igamije kubaka amahoro	80
	Umusozo.....	81
	Urutonde rw'ibitabo byifashishijwe	83
	Abanditsi	89
	Tumenye inama y'abaprotesitanti mu rwanda (CPR).....	91
	Tumenye ibiro bishinzwe uburezi mu mashuri y'abaprotesitanti mu Rwanda	95
	Urutonde rw'amwe mu magamboyakoreshejwe	103

Ijambo ry'ibanze rya Dr Tharcisse Gatwa

Amahugurwa ku myigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire, yitwa mu gifaransa “pédagogie active et participative” (PAP), yatangijwe mu mashuri y’Inama y’Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) mu mwaka wa 1998. Iyi myigishirize ishingiye ku ngamba zigamije guteza imbere uburezi bufite ireme. Muri CPR, uburezi bufite ireme bwatangijwe ku mugaragaro mu mwaka 1963 mu gihe Amatorero y’Abaprotesitanti yashyiragaho uwo Muryango; maze hafatwa ingamba zihamye zo gushyiraho uburezi bw’abana b’abaprotesitanti bari baravukijwe kwiga n’ubutegetsi bw’abakoloni b’Ababiligi. Mu gihe amatorero n’imiryango 23 bigize CPR byateguraga intumbero yabo mu burezi, hifujwe ko amashuri atagomba kuba gusa umuyoboro w’ubumenyi rusange, ahubwo agomba no kuba umuyoboro ugamije guteza imbere indangagaciro mbon- ezamibanire, indangagaciro za kimuntu n’iza gikristo hamwe n’umuco mwiza w’uko buri wese amenya gufata inshingano no kuzubahiriza.

Muri Kamena 2011, CPR yongeye kandi kugaragaza ko ishyigikiye bidasubirwaho uburezi mu gihe batangizaga igikorwa ngarukamwaka cyo gutanga ibihembo ku bigo by’amashuri y’Amatorero y’Abaprotesitanti byerekanye ibikorwa by’indashyikirwa cyane cyane mu gutsindisha abanyeshuri ku kigero gishimishije mu rwego rw’ikizamini cya Leta. Byaje kugaragara ko ibigo by’amashuri byakoze neza ibizamini bya Leta ari ibigo byahuguwe kandi bigashyira mu bikorwa imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu byo yiga (PAP). Byongeye kandi, muri Werurwe 2012, uburezi bufite ireme yari intego nkuru y’umwiharero ngarukamwaka w’abayobozi b’amatorero agize CPR. Uwo mwiharero wabereye i Gahini kandi unatangizwa kumugaragaro na Minisitiri w’Uburezi, Nyakubahwa Dr Visenti Biruta wari kumwe na bamwe mu bamu- fasha imirimo.

Iyi myigishirize yatangijwe mu myaka yakurikiye Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda, aho iki gikorwa ndengakamere mu mateka y’u Rwanda cyashenye bikomeye umuryango nyarwanda, kikangiza imibereho n’imibanire y’abanyarwanda, kigasenya bikomeye inzego za politiki, ubukungu n’umuco by’igihugu. Kugira ngo umuryango nyarwanda ushobore gusubirana, byasabaga ubushake bwa politiki n’imbaraga bidasanzwe. Nyamara, kubaka umuryango ntabwo bishingira gusa ku bushake bwa politiki n’imbaraga. Ibi bigomba kujyana no kubaka indangagaciro zishingiye ku mibanire myiza hagati y’abantu, ku muco, ku myemerere no ku burenganzira bwa muntu.

Ni yo mpamvu, mu bihe bikomeye bya nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda, Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge kandi ihamagarira amatorero n'imiryango yigenga itegamiye kuri Leta kugira uruhare rugaragara muri icyo gikorwa. Ni muri urwo rwego, Ibiro bikuru bishinzwe uburezi (BNEP) mu Nama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) byatangije gahunda yo guhugura abarimu mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye kandi yubaka umuco w'amahoro no kwimakaza indangagaciro. Iki gikorwa cyatewe inkunga na EED, umwe mu miryango nterankunga wo mu gihugu cy'Ubudage ufatanye ubufatanye bugaragara n'Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) kuva mu 1997.

Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare (PAP) igamiye guteza imbere ubushobozi bw'abarimu mu myigishirize iboneye kandi ishingiyeho ku munyeshuri no kongerera ubushobozi abayobozi b'ibigo by'amashuri n'abo bafatanyaga mu gucunga neza amashuri bashinzwe. Iyi gahunda itanga icyizere ko mu bihe biri imbere impinduka mu myigishirize no mu myigire hamwe no mu micungire y'amashuri zizagenda zigaragara kandi zigatanga umusaruro ufatika mu myitwarire y'abarimu n'abayobozi b'ibigo by'amashuri. Iyi gahunda kandi izazana impinduka nziza mu myitwarire no mu mikorere y'abanyeshuri ubwabo cyane cyane mu kurangwa no kugendera ku ndangagaciro mbonezamibanire, ku ndangagaciro za gikristo, ku ndangagaciro zubaha uburenganzira bwa muntu kandi zubakiye ku muco wa demokarasi. Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye ni imwe mu nzira zafasha mu kugera ku burezi bushobora gukiza umuryango nyarwanda wuzuyemo ibikomere byatewe n'intambara na Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Iki gitabo kigaragariza abasomyi ko iyi gahunda y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire (PAP) ishinze gufasha abarimu gutanga no gucunga neza amasomo yabo ku buryo butuma abanyeshuri ubwabo bagira uruhare runini mu kwiga no mu gutanga ibitekerezo. Biga bakorera hamwe mu matsinda ndetse bagakora ubushakashatsi hanzeho y'amasomo. Ibyo bikabafasha kwiyubakamo ubushobozi bwo gutekereza bashakira ibisubizo by'ibibazo babazwa cyangwa babona, gusobanura mu nyandiko no mu mamagambo imbere y'abandi ibyo bagezeho no kwigirira icyizere ko bashoboye gukora ibintu.

Mu bihe bya nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda, aho abantu benshi, cyane cyane abana n'urubyiruko wasangaga bakigaragaza ihungabana, kwishishyanya, ubwoba, ikiriyo kitabaye, kutita ku byo biga mu ishuri, ... Amatorero y'Abaprotesitanti yafashije, binyuze muri iyi gahunda ya PAP, umuryango nyarwanda gusubira mu buzima busanzwe no kwimakaza

imyigishirize n'ubuyobozi bwiza bishingiye ku mahame ya demokarasi mu mashuri. Iyi myigishirize n'imiyoborere nta kabuza izagira ingaruka nziza kuri sosiyeti nyarwanda muri rusange.

Mu myaka ya 1970, umugabo ukomoka mu gihugu cya Bresil witwa Paul Freire yamaganye bikomeye imyigishirize ishingiyeye ku mwarimu maze ashyigikira byimazeyo uburezi butuma abantu babohoka bakisanzura mu myigire no mu mibereho yabo. Ibi byabaye kwibohora gukomeye kuko abanyeshuri bahawe agaciro nk'abantu bashobora kugira uruhare runini mu myigire nk'imwe mu nzira zikingura imyumvire yabo, bikangura intumbero zabo, ndetse bikanoza imibanire yabo n'abarimu babo. Iyi myigishirize yakomeje gutera imbere no gushyigikirwa n'abandi bashakashatsi nka Alfred Binet, Pestalozzi n'abandi. icyakora, iyi myigishirize ntiyigeze igira abayoboke bayishyira mu bikorwa mu Rwanda mbere ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda. Ni yo mpamvu, abanyeshuri benshi barangiza amashuri mu Rwanda byakoroha ko bahindurwa ibikoresho by'abantu baba bagamije inyungu zabo bwite. Benshi batojwe gufata mu mutwe, hanyuma bagahitamo kubaha, kubahiriza no kugendera ku bitekerezo by'abandi ndetse harimo n'ibicamo abantu ibice, byuzuyemo urwango n'ingengabitekerezo ya Jenoside bakabyakira nta kubanza kubisesengura no kubijora.

Iki gitabo rero gikomoka ku isuzuma ryakozwe mu mwaka wa 2010 na 2011 n'abarimu bigishaga muri Kaminuza ya Nuremberg mu Budage, Prof. Dr. Annette Scheunpflug, Susanne Krogull bafatanyije n'itsinda ry'abakozi bo mu Biro bishinzwe uburezi mu Nama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR). Ibyavuye muri iri suzuma byaganiriweho n'abandi bafatanyabikorwa mu burezi harimo Minisiteri y'uburezi mu Rwanda n'abo bafatanya, Umuryango mpuzamahanga ushinze gufasha abana (UNICEF), Umuryango nterankunga w'abanyamerika (USAID), Ibiro bishinzwe Uburezi muri Kiliziya Gatorika, Ibiro bishinzwe uburezi muri EASJ, Kaminuza zinyuranye n'abandi.

Mu gusoma iki gitabo, buri wese ashobora kwibaza cyangwa akabaza abacyanditse ikibazo gikurikira: Ese CPR yageze ku ntego yayo? Ese hari impinduka mu burezi bwacu? Ibi bibazo biri muri bimwe byatumye CPR ikoresha ubu bushakashatsi kandi hakabaho no kwandika iki gitabo.

Prof. Dr. Annette Scheunpflug na Mme Susanne Krogull, abarimu bigishaga muri Kaminuza ya Otto-Friedrich Bamberg mu Budage, bafatanyije na Bwana Rwambonera François, umuyobozi wa BNEP hamwe n'itsinda ry'abakozi bakorana bishimiye kugeza ku basomyi ibyavuye muri ubu bushakashatsi bwakozwe n'abahanga ku rwego rwa kaminuza hamwe n'abakozi bashinzwe uburezi mu buzima bwa buri munsu bw'amashuri.

Mu izina ry'Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) nshimiye by'umwihariko itsinda ryakoze ubu bushakashatsi. Nshimiye abafatanyabikorwa, PPLM – EED, baduteye inkunga muri iki gikorwa. Ndashimira nanone abafatanyabikorwa ba CPR mu burezi mu Rwanda, by'umwihariko Minisiteri y'uburezi mu Rwanda idahwema kugaragaza ubufatanye bwiza n'Amatorero mu gushakira hamwe icyateza imbere uburezi mu Rwanda. Ndashima kandi abarimu n'abarezi bose, abanyeshuri n'abandi bantu bose bagize uruhare muri ubu bushakashatsi.

Mbifuriye kuryohereza no gusoma iki gitabo.

Kigali, Gashyantare 2013

Dr Tharcisse Gatwa
Umunyamabanga Mukuru wa CPR

Ijambo ry'ibanze rya Dr Claudia Warning

Ni icyubahiro ndetse n'umunezero kuri nyewe kugira icyo mvuga kuri uyu murimo w'ingenzi wakoze wo kwandika kuburezi bwa nyuma y'ibihe by'amakimbarane mu batuye igihugu. Iki gitabo gishingiye ku bufatanye bw'imyaka 15 hagati y'Ibiro Bikuru bishinzwe uburezi (BNEP) mu Nama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) n'Umuryango ushinze iterambere mu matorero y'abaprotesitanti mu Budage (EED) waje guhinduka PPLM (ni ukuvuga mu gifaransa Pain Pour Le Monde – Service Protestant de Developpement).

Iki gitabo kiratanga inkongi y'ubumenyi bwerekana ibigomba kwitabwaho mu mahugurwa y'abarimu mu bihe bya nyuma y'amakimbarane hitawe ku ngero zifatika z'imiryango dufatanye ubutwererane. Ikindi niuko iki gitabo kigezweho kubera ubufatanye bw'igihe kirekire mu rwego rw'uburezi.

Mu 1997, Ibiro Bikuru bishinzwe uburezi (BNEP) bikorera mu Nama y'Abaporotesitanti mu Rwanda (CPR) byatangije gahunda yo guhugura abarimu ku bufatanye n'umuryango nterankunga w'abadage witwaga EED. Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994 ibibazo byari byinshi. Hari amashuri menshi adafite inyubako n'ibikoresho byangombwa kandi abarimu benshi bari barahunze kubera ibihe by'umutekano muke. Ahantu hose hari abantu bahungabanye cyane. Ibibazo byari uruhurirane: Ni gute uburezi bwakomeza nyuma y'ihohoterwa ndengakamere ry'ikiremnamuntu? Ni gute abana bakomoka ku babyeyi bishoye mu bwicanyi batangirana ubuzima bushya n'abana bakomoka ku babyeyi bicwaga? Ni gute ishuri ryashobora kugira uruhare mu kubaka ubwiyunge n'amahoro? Ni gute amashuri y'Abaporotesitanti n'imyigishirize yabo by'umwihariko byagira akarusho?

Kwemera no kwizera ko uburezi bushobora kuzana impinduka nini, byatumye Ibiro Bikuru bishinzwe uburezi (BNEP) bikorera mu Nama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) bidusaba inkunga yo guhugura abarimu n'abayobozi bashinzwe uburezi. Duhereye kubyagezweho mbere mu gihugu cya Kameruni aho imyigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu byo yiga, BNEP/CPR ifatanyije n'impuguke mu by'uburezi ikomoka mugihugu cy'Ubusuwisi Dr Christian Grêt bashyizeho iyi myigishirize ifite intego yo kubaka ubumwe n'ubwiyunge. Iyo myigishirize irangwa no kubaka ubumuntu, kwirinda icyabangamira umunyeshuri cyangwa umwarimu, gushyigikira auruhare rw'abagore. Iyimyigishirize kandi iha buri wese uruhare mu gukemurira hamwe ibibazo n'amakimbarane biboneka mu masomo. Ibi byose bikubakira ku ndangagaciro za giporotesitanti.

Muri 2011, mu gihe amahugurwa y'abarimu mu buryo bushya bw'imyigishirize yari amaze imyaka 12 akorwa, hakoze igenzura rya gihanga ryari rigamije kureba impinduka. Iryo genzura ryakozwe n'abarimu bigisha muri Kaminuza yo mu Budage yitwa Otto-Friedrich Bamberg ryagaragaje ibitekerezo by'ingenzi bikurikira:

Mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye (PAP), ubwoba buba buke mu banyeshuri, abanyeshuri bumva neza uko isomo rikurikirana kandi bakagaragaza ubufatanye mu myigire. Ihohoterwa rikorwa n'abarimu rigenda rigabanuka. Abanyeshuri bize mu buryo bwa PAP bigirira icyizere gihagije cyubakiye kukugira ubwigenge mu mitekerereze no miterere y'umuntu.

Abarimu ntibakunze kuyoborwa no kurushanwa mu gutanga amanota ahubwo bubakira imyigishirize n'imirimo yose ku banyeshuri. Abigisha bakoresha uburyo bwa PAP bashobora guhangana n'amakimbirane ku buryo bwubaka. Iri genzura risoza rigaragaza ko PAP iganisha ku bwisanzure buri hejuru mu bushobozi bwo kubaka amahoro.

Turashimira abagize uruhare runini muri iyi gahunda yo guhugura abarimu ndetse n'abakoze igenzura rya gihanga. Nejejwe cyane n'umuhati bakoresheje ndetse n'intsinzi berekanye ukurikije ingorane zariho. icyifuzo cyanyje ni uko iki gitabo nigisohoka cyazafasha mu kungurana ibitekerezo mu by'uburezi bw'amahoro kandi kikagira uruhare mu gufasha uburezi buba buri mu bihe bigoranye.

Bikorewe i Berilini, Gashyantare 2013

Prof. Dr. Claudia Warning

Umuyobozi ushinze imishinga mpuzamahanga n'iyi mu gihugu (mu Budage)
Pain Pour Le Monde – Service Protestant de Développement

Iriburiro

Iki gitabo ni incamake y'ikindi gitabo cyanditse mu cyongereza: *Teaching Social Competencies – a Contribution to Peace in Society and Quality in Education in Post-Conflict Societies* – cyanditswe na Susanne Krogull, Annette Scheunpflug na François Rwamboneranyuma y'inyigo bari bamaze gukora kuri gahunda y'Iburo Bikuru bishinzwe uburezi mu Nama y'Abaprotesitanti mu Rwanda yo guhugura abarimu mu buryo bwo kwigisha uha uruhare runini umunyeshuri mu myigire ye.

Muri rusange, icyo gitabo cyerekana ingingo zikurikira:

- Ingorane zigaragara mu burezi nyuma y'ibihe byateye ihungabana mu bantu. Mu gihe rero abantu bagenda basubira mu buzima busanzwe, amasomo yigishwa akwiye gutegurwa mu buryo abanyeshuri n'abarimu bashobora kwiyubakamo icyizere n'ubushobozi byo kubaho no gutera imbere kandi ayo masomo ubwayo akaba agamije kubaka no kwimakaza umuco w'amahoro n'imibanire myiza mu bantu.
- Inararibonye mu ishuri ku birebana n'imyigire n'imyigishirize bigamije kubaka no kwimakaza umuco w'amahoro nyuma ya Jenocide yakorewe abatutsi mu 1994 mu Rwanda.
- Gushishikariza abafatanyabikorwa mu burezi mu guha icyerekezo gihamye uburezi buganisha ku guteza imbere abanyeshuri kandi bubaka ubufatanye busesuye bwubahiriza ihame rya demokarasi n'ubwisanzure bwa buri wese mu myigire ye.
- Nyuma y'igihe cy'amakimbarane, amashuri afite umurimo munini kandi utoroshye mu gihe ubuzima bugenda bugaruka:
 - Imibanire hagati y'abantu iba irimo kutizerana n'urwikekwe; bityo rero bigasaba imbaraga nyinshi kugirango ishuri rishobore kubyigobotora.
 - Amashuri menshi mu Rwanda aba ahuriweho n'abantu bagezweho n'ingaruka za Jenocide yakorewe Abatutsi n'abandi bakoze ibyaha. Ibi bikaba bigora ishuri mu kuzuza inshingano z'uburezi.
 - Akenshi na kenshi ntibikunda gushoboka ko abantu bavuga ibyabayeho ngo bashobore kwiyunga n'amateka yabo. Ibi bituruka cyane cyane ku mpamvu za politiki ndetse no kuburemere bw'ibyabaye ubwabyo cyangwa se byombi bifatanye. Bisaba ishuri guhora rishaka umwuka mwiza wo gukoramo.

- Kuvuga ku byabaye usanga kenshi bidahabwa uburemere bukwiye, ahubwo hakibandwa cyane cyane ku myumvire y'amateka ishyigikiwe na politiki y'igihugu. Ibi bituma ubwisanzure mu kuvuga ibyabaye budashoboka uko bikwiye.
- Mwarimu n'abanyeshuri bakeneye kwita ku bihe by'ihungabana banyuzemo n'ibindi bibasunika bikaba byabaviramo ihungabana.
- Ibyo ishuri risabwa n'abenegihugu kugira ngo bifashe mu bworohereye n'ubwumvikane ni byinshi cyane.
- Mu rwego rwo guhangana n'izo ngorane zimaze kuvugwa hakwifashishwa inzira igamije guteza imbere no gushyira mu bikorwa uburyo buteza imbere umuco wa demokarasi mu ishuri. Hakoreshwa uburyo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu myigire ye.

Ubu buryo bw'imyigishirize n'imiyoborere y'ishuri ni umusanzu ukomeye uganisha mu kubaka amahoro. Muri bene ubu burezi, agaciro n'umutimanama bya mwarimu n'abanyeshuri byitabwaho, bigashyigikirwa kandi bigahabwa imbaraga. Ni muri urwo rwego, ubu buryo bufasha abanyeshuri n'abarimu mu guhangana n'inzitizi zidindiza iterambere rishingiye ku mahoro no kuri demokarasi.

Iki gitabo dukorera incamake, gishingiye ku byagezweho mu gihugu cy'u Rwanda aho iyi gahunda y'imyigishirize yatangiye gushyirwa mu bikorwa n'Amatorero agize Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda.

Imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri

Igihe cya nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda cyari kirimo ingorane nyinshi zagombaga gushakirwa ingamba z'uburezi mu kuzikemura. Muri Nzeri 1994, amashuri yongeye gutangira, nubwo bwose ibihe byari bikigoranye. Abarimu benshi babifitiye ubumenyi n'ubushobozi bari barishwe, abandi barahunze igihugu. Hari ibibazo bikomeye by'ubukene bw'ibikoresho, inyubako nyinshi z'amashuri zari zarasenyutse, izindi zarangiritse, ndetse n'ibishingiye ku mibanire mbonezamubano n'imitekerereze ya muntu nabyo byarahubanganye.

Muri rusange, amashuri yatangiye gukora mu gihe cyarimo urusobe rw'ibibazo byinshi. Bimwe bigaragarira amaso ya buri wese, aha twavugaga nk'ibibazo by'ibikomere ku mubiri, ibibazo by'ubukungu, ibibazo byo kubura

ibikoresho. Ibindi bibazo bikomeye cyane bitagaragariraga amaso kuko byabaga byihishe mu mbamutima z'abantu. Akenshi abantu bageragezaga uko bashoboye kose bakabipfukirana muri bo banga ko byabasohokamo bikavaho bigaragarira buri wese. Aha twavugaga nk'ibibazo bishingiye ku mitekerereze ya muntu, ku mbamutima n'iby'ihungabana. Birumvikana ko abarimu n'abanyeshuri nabo bagezweho n'izo ngaruka.

Hari hakenewe uburyo bushya bw'imyigishirize n'imyigire bwafasha mu gukemura ibyo bibazo. Niyo mpamvu, amatorero y'Abaprotesitanti yibumbiye muri CPR yafashe umwanzuro muri ibyo bihe bikomeye wo guteza imbere *imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye (PAP)*. Batewe inkunga n'itsinda ry'abakozi b'Umuryango w'Amatorero ushinze iterambere n'ivugabutumwa mu matorero yo mu Budage (EED), mu mwaka wa 1997, Ibiro Bikuru bishinzwe uburezi muri CPR mu bufatanye n'impuguke Dr. Christian Grêt ukomoka mu gihugu cy'Ubusuwisi, bateguriye hamwe gahunda yo guhugura abarimu muri iyo myigishirize mishya. Iyo gahunda yaje gutangira gushyirwa mu bikorwa mu mwaka wa 1998.

Hagati y'umwaka wa 1998 na 2013 abarimu bangana na 2704 mu mashuri arenga 391 barahuguwe. Ni ukuvuga 21.33% by'amashuri y'incuke, 40.94% by'amashuri abanza na 25.89% by'amashuri yisumbuye y'Amatorero yibumbiye muri CPR. Abanyeshuri barenga ibihumbi 980.550 nibo bigishijwe n'abarimu bahuguwe muri ubwo buryo bw'imyigishirize mishya.

Iki gitabo kigabanyijemo ibice bine by'ingenzi: Igice cya mbere gisobanura isano iri hagati y'imyigishirize iteza imbere indangagaciro mbonezamubano n'uburezi bugamije kubaka amahoro mu bihe bya nyuma y'amakimbirane. Igice cya kabiri gisobanura inyito y'imyigishirize ndetse n'impinduka bitera mu ishuri rishyira mu bikorwa iyo myigishirize. Igice cya gatatu cyibanda ku kibazo cyo kongera ubushobozi bw'abarimu bijyanye n'igihe kandi bigategurwa neza. Igice cya kane kigaragaza ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe n'akamaro ka gahunda y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye.

Abantu bakurikira bagize uruhare rukomeye kugira ngo iki gitabo (twashinyiyeho iyi ncamake mu kinyarwanda) gishobore kwandikwa: Pierre Claver Bisanze, Christian Grêt, Esther Grêt, Immaculée Mukantabana, Samuel Mutabazi, Jean Baptiste Ndamukunda, Monique Nyirandikumana, Athanase Rutayisire, Zacharie Zikama ndetse n'abarimubenshi bo mu mashuri atandukanye haba mu buhamya no mu bitekerezo batanze.

Turashima kandi isuzuma ryakozwe n'itsinda ngishwanama ryari rishinzwe kugira inama abakoraga inyigo y'isuzuma ku bitekerezo bishyigikira kandi byubaka baduhaye. Iryo tsinda ryari rigizwe na: Dr. Tharcisse Gatwa, ari nawe

wari urikuriye, Mgr. Augustin Mvunabandi, Mgr. Alphonse Rutaganda, Rév. Dr. Elisée Musemakweli, Dr. Erasme Rwanamiza, Dr. Faustin Habineza, Dr. Joyce Musabe, Mr. Narcisse Musabeyezu hamwe na Mme Fortunée Kubwimana.

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara na CPR mu bufatanye bwatewe inkunga n'imiryango inyuranye yo mu gihugu cy'Ubudage ikurikira: Brot für die Welt; GIZ; Stiftung Bildungspakt Bayern; Sparda-Bank Oberbayern. Turashima iyi miryango yose ku bw'inkunga baduteye ndetse no ku bw'icyizere batugiriye. Turashima kandi abo dukorana ndetse n'ubuyobozi bwa Kaminuza ya Otto-Friedrich Bamberg mu Budage.

Annette Scheunpflug
Susanne Krogull
François Rwambonera

1 Amahoro n’uburezi

Uruhare rw’imyigishirize ishingiyeye kubushobozi mbonezamibanire mu kubaka umuco w’amahoro n’ireme ry’uburezi nyuma y’ibihe by’amakimirane

1.1 Uburezi bwubaka umuco w’amahoro n’ubushobozi mbonezamibanire

Uburezi n’ibihe bikurikira amakimbirane

Hashingiwe ku bushakashatsi butandukanye ku bijyanye n’ingaruka z’amakimbirane mu burezi (UNESCO 2010), amakimbirane atera intambara nayo igatera mu baturage ingaruka zinyuranye: abajya mu mashuri baragabanuka, n’abajyiyemo bakajyamo batinze, ijanisha ry’abazi gusoma no kwandika riragabanuka, haba impfu cyangwa kwimuka kw’abarimu, abakozi n’abanyeshuri. Ibihe by’amakimbirane yabaye mu Rwanda byatumye igihugu gihura n’ingorane zitandukanye; aha twavugaga nk’inyubako z’amashuri zasenyutse, ibikoresho by’ishuri byangiritse, abarimu bake no gukoresha abarimu batabifitiye impamyabushobozi cyangwa badafite uburambe buhagije.

Muri icyo gihe kandi igihugu kiba kigomba no kwita ku banyeshuri n’abarimu bahungabanyen’abakomeretse mu mitekerereze. Ikiva muri ayo makimbirane ni ukutitabira ishuri ku banyeshuri ndetse n’abarimu. Mu bihugu byose bivuye mu ntambara, gahunda nyinshi zisubira inyuma ku buryo bugaragara. Ireme ry’uburezi naryo riradindira bitewe n’ubuke bw’ibyangombwa bikenewe nk’ibiryo, amazi n’ibikoresho bitandukanye. Umwaka w’amashuri ushobora kubangamirwa n’ayo makimbirane. Umubare munini w’abafite ubukene bukabije utuma abana bava mu ishuri bakajya gushaka imirimo kugira ngo bashobore kubaho.

Urugero: Ibihe byakurikiye amakimbirane mu Rwanda

Abarenga 2/3 by’abarimu mu mashuri abanza n’ayisumbuye barishwe abandi barahungu mu gihe cya Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu 1994 (Buckland 2005). Abarimu nabo bari mu byiciro byashakishwaga ngo bicwe. Ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994 ku bana bari bageze mu myaka yo kwiga zaragaragaye: Akresh na Walque (2008) berekanye ko icyo Jenoside

yagize ingaruka ku bana kuko bamaze igihe batiga. Ibi rero byagize ingaruka mbi mu gusubiza gahunda y'uburezi inyuma muri rusange (Akresh na Walque 2008; Lopez na Wodon 2005).

Byongeye kandi akazi no gushaka kuja mu gisirikare byakuruye cyane abana bari mu myaka yo kwiga mu mashuri yisumbuye, bigaterwa cyane cyane n'igihe ubukungu bwifashe nabi. Ubukene butuma habaho umubare munini w'abana badafite amahirwe yo kwiga uburezi bw'ibanze. Ibi na byo bituma habura imirimo hakaba n'ubwihebe bishobora kubashora mu mitwe yitwaje intwari ihungabanya umutekano.

Mu Rwanda kandi byagaragaye ko abenshi bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda ari abantu batari bafite akazi hamwe n'urubyiruko rutageze mu ishuri. Ni yo mpamvu mu Rwanda kandi, gahunda yo kwaka intwari abazitunze ndetse no gusubiza mu buzima busanzwe abavuye ku rugerero byatumye bamwe muri abo bana basubira mu mashuri ariko cyane cyane mu mashuri y'imyuga (reba UNESCO 2011, 20).

Uburezi bwubaka amahoro nyuma y'ibihe by'amakimbirane

Ku bijyanye n'icyifuzo cyo gushyira mu bikorwa ubumwe n'ubwiyunge mu buzima bw'ishuri, izi ntego zikurikira ni zimwe mu ntego zinyuranye kandi zuzuzanya zakwitabwaho mu guteza imbere uburezi:

- Ishuri ryatanga umusanzu ku bwiyunge binyuze mu muco wo kwibuka, kuvugisha ukuri ku byabaye ndetse n'abanyeshuri bakigishwa amateka y'ingeri zitandukanye. Uburyo bw'imyigishirize mu bihugu byabayemo amakimbirane bufatwa kimwe hose. Urugero: Nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose, inyigisho zo kwamagana amahano yabaye muri iyo ntambara zashyizwe mu bikorwa mu Budage n'Abanyamerika. Mu mashuri hashyizwemo filimi z'Abanazi n'ubutegetsi bwabo. Izi nyigisho zari zigamije guha abishe n'abiciwe urubuga rwo gushyira ahagaragara ukuri ku byabaye.
- Inyigisho zo mu ishuri zigira uruhare mu kubaka amahoro n'ubumwe mu mibanire y'abantu; zikagaragaza icyerekezo n'ishusho nshya ku baturage; zikavuga ukuntu ihohoterwa no guhezwa kw'abantu bamwe atari ikintu cyo gushyigikirwa. Aha rero kwamagana akarengane n'ihohoterwa, irondabwoko, ikibazo cy'uburinganire n'ubwuzuzanye ni amwe mu masomo y'ingenzi agomba kwigishwa. Ubu buryo bushya bwo kwiga bugamije

guhindura imitekerereze no kugira imvugo yumvikana kandi ihuriweho na bese.

- Imyigishirize y'ishuri ifasha kandi kwigisha urubyiruko kugira ngo bagire uruhare mu gufata ibyemezo bibareba mu miyoborere bityo imiyoborere y'igitugu no kubeshya ntibihabwe umwanya. Ni muri urwo rwego, uburezi bugomba gushimangira imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye kandi igashimangira umuco wo kwigirira icyizere hamwe no gukora umurimo unoze. Igitegerejwe mu myigishirize iteza imbere umuco wo kwigirira icyizere no kunoza umurimo ni uko nabyo bizamura icyubahiro cya muntu no kudahutazanya mu mibanire n'abandi. Ubu buryo rero buha umunyeshuri guhitamo kandi bugashingira ku byo umunyeshuri akeneye.
- Imyigishirize y'ishuri ishobora nanone kunganira mu mahugurwa yo mu buryo busesuye agamije gukemura amakimbirane mu gihe amategeko yubahirizwa mu bwisanzure mu buzima bw'ishuri, bityo ibihano by'inkoni bikarekwa, ahubwo bakimakaza umuco w'ibiganiro maze umwanzuro ugafatirwa hamwe. Ubu buryo bugamije kwimakaza umuco w'ubwisanzure, demokarasi n'ubufatanye mu ishuri. Hategerejwe ko ubushobozi abana bagezeho buzakoreshwa mu bihe bizaza mu bwisanzure mu buzima bw'igihugu (Retamal na Aedo-Richmond 1998; Arnold et al. 1998, Bush na Saltarelli 2000; Schell-Faucon 2002; Smith na Vaux 2003; Tawil na Harley 2004; Seitz 2004; Lenhart 2010).

Uburyo bw'imyigishirize buha umunyeshuri uruhare mu myigire buvugwa muri iki gitabo, burashyigikira intego eshatu zavuzwe haruguru mu kuba uburezi bushingiye ku myigishirize yemewe mu bihe bikurikira amakimbirane. Bugamije guhindura imyigire n'imyigishirize, kongerera abanyeshuri n'abarimu umuco wo kwigirira icyizere no kunoza umurimo hamwe no kwimakaza umuco wa demokarasi, ubwisanzure n'ubufatanye mu ishuri aho guhora mu gukemura amakimbirane gusa. Ni yo mpamvu ubu buryo bwiswe "Gushyigikira imyigishirize mbonezamibanire" cyangwa se "Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye" (PAP). Mu ndimi z'amahanga PAP bivuga "Pédagogie Active et Participative/ Participatory and Active Pedagogy".

Impamvu Amatorero y'Abaprotesitanti mu Rwanda yahisemo gutangiza iyi gahunda y'imyigishirize mu mashuri

Nk'uko Bwana François Rwambonera, ukuriye Ibiro Bikuru bishinzwe uburezi (BNEP) mu Nama y'Abaprotestanti mu Rwanda (CPR) abivuga, iyi myigishirize ijyanye n'ibihe u Rwanda rwari ruvuyemo; aho uburyo bw'imibereho bwari bushya kuri benshi. Ntacyo byari bikimaze kongera gukoresha uburyo bw'imyigishirize bwariho mbere ya 1994. Byongeye kandi ntibyari no gushoboka ko ubuzima bwo kw'ishuri bwari gukomeza nk'uko bwari mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda ngo hirengagizwe ibyabaye bikagira ingaruka ku buzima, imitekerereze, amarangamutima n'imytwarire ku muntu.

Ibihe igihugu cyose cyarimo, by'umwihariko ubuzima bw'ishuri, byari byahindutse ku buryo bukomeye. Hari icyifuzo kitari gusubizwa inyuma cyo gukoresha uburyo bw'imyigishirize bwafasha mu gukemura ingorane abantu bahuraga nazo. Imyigishirize yari ikenewe yo kwemera gukora mu bihe bitandukanye by'umuntu, cyane cyane ku banyeshuri no ku barimu. Ubu buryo bushya bw'imyigishirize bwashoboraga guteza imbere uburezi, bukanashyigikira ubwiye no kubana mu mahoro maze bikubaka umutekano n'amahoro mu banyagihugu, bikagarura icyizere no kwiubaha byari byaratakaye.

Guhera mu mwaka wa 1995, habaye inama nyinshi n'abayobozi baturutse mu turere dutandukanye hagamijwe kuganira ku ngorane bahura nazo mu mashuri zijyanye n'umurimo, imibanire n'imatekerereze. Byari ibihe bikomeye atari ku banyeshuri gusa ahubwo no ku barimu. Zimwe mu ngorane bashyize ahagaragara twavugaga: ihungabana, kutizera umuntu n'umwe, kwanga kurya, kwiheba, kubura amahoro yo mu mutima, gusubira inyuma mu bwenge, guhorana ubwoba, kubura umuhate mu ishuri, urwikekwe, kwiya, kwivumbura, uburakari bwa vuba, umutekano muke, kwigunga n'ibindi.

Itsinda ry'abakozi mu Biro Bikuru bishinzwe amashuri y'abaporothesitanti ryagombaga gushaka uburyo bw'imyigishirize kwasubiza ibyo bibazo. Niy mpamvu BNEP yatangiye uburyo bw'imyigishirize butuma umwana agira uruhare rugaragara mu kwiga kwe, akivumburira, akavuga icyo atekereza kandi akagerageza gutanga ibisubizo by'ibibazo afite. Hari hakenewe uburyo bw'imyigishirize butuma mwarimu areka kuba umugabura w'ubwenge gusa ahubwo akaba umukangurambaga n'umufasha w'abanyeshuri kugira ngo bashobore gukora imirimo mu matsinda mu ishuri. Muri make hari hakenewe imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri.

Iyi gahunda y'amahugurwa y'abarimu igamije guteza imbere uburyo bw'imyigishirize bushingiyeye ku mahame ya demokarasi n'ubwisanzure mu mashuri.

Iyi myigishirize kandi igamije gukangurira abarimu kureka umuco wo guha abanyeshuri ibihano bibabaza umubiri ahubwo hakabaho gushyikirana no kumvikana n'abanyeshuri ibigomba gukorwa. Ibi bituma barushaho gusobanukirwa inshingano zabo, ejo hazaza habo no guharanira kubaho muri sosiyeti y'amahoro (reba EED 2011, p.11).

Iyi gahunda kandi igamije gufasha abarimu gutegurira abanyeshuri amasomo bashingiye ku byo abanyeshuri bakeneye kandi bakanayigisha bakoresheje uburyo bw'imyigishirize ishimangira amahame ya demokarasi, nta terabwoba kandi nta bihano bibaca intege mu myigire yabo. By'umwiha-riko, abarimu bakigisha bibanda ku gukoresha uburyo bw'imyigishirize ituma abanyeshuri ubwabo bavumbura, bagera ku ntego kandi bagafata ibyo bize. Ni yo mpamvu, uburyo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye yita mbere na mbere ku kwiga abanyeshuri bakora kandi bafashanyaga ubwabo (Paccolat 2012).

Ibitekerezo bikurikira byerekana ko mu gukora gahunda z'uburezi bisaba kwibanda ku bibazo bituruka ku makimbirane:

- Ni ngombwa ko mu bigo by'amashuri, uburyo bw'imyiborere yabyo bukiye gutekerezwaho cyane kugira ngo burushaho kwaguka hagamijwe guha abantu bose amahirwe amwe no kugira isura ya gahunda zihuriweho n'abantu b'ingeri zose bafite imyitwarire n'imico itandukanye.
- Ibigo by'amashuri bigomba gushyira mu bikorwa umuco w'imyigishirize ishingiyeye kuri demokarasi nuguha buri wese urubuga mu rwego rwo guteza imbere uburyo bwubaka umuco wo gukumira no gukemura amakimbirane. Ni ngombwa kandi gushyiraho uburyo bw'imikorere bwimakaza uburezi bushingiye ku bwisanzure kugira ngo ingufu zose zihurizwe hamwe mu guteza uburezi imbere.
- Ibigo by'amashuri bigomba kwita cyane cyane ku itandukaniro ry'abantu bagize umuryango kugira ngo birushaho guteza imbere ibiranga abantu hadashingiye ku muco w'ivangura ahubwo bigashingira ku muco wo gushima no kunenga ibyo abantu batandukanyeho mu bworoherane no mu bwubahane (reba Seitz 2004, 11).

Ni muri urwo rwego, abashinzwe uburezi bagomba kumenya neza ko gushyiraho gahunda y'uburezi bidahagije kugira ngo uburezi bugere ku nshingano yabwo yo guteza imbere umuco wa demokarasi no kubaka amahoro arambye mu bantu. Ni ngombwa ko habaho imyigishirize iboneye ituma amahame ya demokarasi n'amahoro bicengera mu banyeshuri.

Uburezi bw'amahoro cyangwa uburezi bwimakaza amahoro?

Mu bushakashatsi mpuzamahanga, abahanga bagaragaza itandukanirwo hagati y'uburezi bw'amahoro n'uburezi bwimakaza amahoro. Uburezi bw'amahoro bufatwa nk'uburyo bukoreshwa buturutse hejuru nko muri Leta cyangwa umuryango-nterankunga. Ibi rero bituma habaho imyumvire itandukanye ishingiyeye kuri ibi bisobanuro. Aha twavuye guhindagura amateka hitawe ku nyungu za politiki no gukoresha uburezi nk'intwari mu gukandamiza umuco. Mu gushyira mu bikorwa uburezi bw'amahoro, hakoreshwa ingamba zibanda ku mahugurwa, aho abantu bahabwa ubushobozi n'uburyo bwo kubafasha gusa mu rwego rwo guhangana n'ibihe byihariye mu gihe cy'amakimbirane.

Uburezi bwimakaza amahoro ni uburyo bushingiye ku guhana ibitekerezo bivuye hasi mu muryango ubwawo wahuye n'ibibazo by'intambara n'amakimbirane. Guhana ibitekerezo no gufata ingamba zafasha mu kwimakaza umuco w'amahoro bishingira ku nararibonye n'ubushobozi byabo. Ubu buryo bushinze imizi mu mibereho ya buri muni y'abantu aho kugendera ku ibitekerezo cyangwa se inyigisho za bamwe. Muri icyo gihe, ishyirwa mu bikorwa ry'uburezi bwimakaza amahoro riroroha kandi rigira ireme ntirigarukire gusa mu ishuri (reba Bush & Saltarello 2000, 23).

Mu burezi bwimakaza amahoro, uburezi bufatwa mu buryo bwuzuye: uburezi bukorwa mu mashuri asanzwe, uburezi bwo mu miryango n'uburere butangwa mu buzima bwa buri muni. Inyigisho n'uburyo bw'inyigishirize bishingiye ku mwana.

Iki gitabo cyahaye agaciro igisobanuro cyaguye cy'uburezi bwimakaza amahoro nk'uko Susan Fountain abivuye muri aya magambo twasobanuye:

"Uburezi bwimakaza amahoro (...) nk'uruherekane rugamije guteza imbere ubumenyi, ubushobozi, imyitwarire n'indangagaciro kugira ngo abana, urubyiruko n'abantu bakuru bashobore kwirinda amakimbirane n'urugomo haba mu mvugo no mu migirire hagamijwe gukemura amakimbirane mu mahoro no guhanga ibyatuma amahoro arushaho kwimakazwa haba umuntu ku giti cye, mu mibanire y'abantu n'abandi, mu mibanire mu matsinda, ku rwego rw'igihugu cyangwase mpuzamahanga" (reba Fountain 1999, 1).

1.2 Kumva ijambo "imbenezamibanire"

Ntabwo byoroshye gusobanukirwa n'ijambo "imbenezamibanire" kabone nubwo imyigishirize imbonezambano ndetse n'inyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ari ibyo gushyigikira.

Mu myumvire yaguye, Hannah Arendt asobanura ijambo “imbenezamibanire” nk'ubushobozi butuma abantu babana hamwe muri iyi isi. Mu gisobanuro cyaroshye kumva kandi cyakwirakwiye henshi, abashakashatsi Welsh & Biermann bavuga ko “imbenezamibanire” zikubiyemo *ubushobozi mbenezamubano*, *ubushobozi mbamutima n'ubushobozi mu by'ubwenge* hiyongereyeho imyitwarire abantu bakenera kugira ngo bashobore kubana neza n'abandi (Welsh & Biermann 2001). Naho Argyle (1972) asobanura ko “imbenezamibanire” ari ubumenyi buganisha mu ishyirwa mu bikorwa ry'imyitwarire ya ngombwa mu bihe by'imibereho n'imibanire n'abandi (Argyle, 1972).

Kwifata uko bikwiye mu bantu no kugira imyitwarire ibereye mu mibanire n'abandi bisobanura ko umuntu afite ubushobozi bwo kugira icyo akora nk'urugingo rwuzuye rugize umuryango runaka. Bisobanura kandi kugira ubushobozi bwo gushyira ku munzani igipimo cy'ibyo umuntu akeneye n'iby'abandi bakeneye. “imbenezamibanire” rero igomba kwita ku miterere n'imihindagurikire y'umuryango, y'ishuri, y'akazi ndetse no ku ngingo zimwe na zimwe zihariye nko kwifatanya n'abandi mu byiza no mu byago, kumenya kwifata, kwigirira icyizere, kubaha abandi no kwitangira igihugu (reba Schoon 2009, 4).

Ubunararibonye bwo mu Rwanda

Twifuje uburezi bushimangira imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri urubuga runini n'agaciro haba mu by'ubwenge, mu by'imbamutima, mu mibanire no mu bundi bushobozi (Gordon, 1981).

Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda, twashakaga uburyo bw'imyigishirize bwafasha abanyeshuri guteza imbere imitekerereze yabo, gutanga ibitekerezo birasa ku ntego hamwe no kugira umuco wo gusesengura no kujora. Iyi ntumbero y'uburezi yagize icyo ifasha mu guhindura uburyo bw'imyigishirize ya mbere yari ishingiyeye cyane ku mwarimu uzi byose kandi ariwe kamara mu gutanga ubumenyi mu banyeshuri. Bene iyo myigishirize yahinduraga abanyeshuri nk'ibikoresho, uruhare rwabo rukagarukira ku kumva no kwandika ibyo babwiwe no kubifata mu mutwe nka gasuku (Muhimpundu 2002, Grêt 2009).

Twashakaga kandi abarimu bashobora gufasha abanyeshuri kwiga babigizemo uruhare kandi baharanira gutsinda neza. Abanyeshuri bagatozwa kwimenyereza kwiga ntawe ubahagarikiye kandi bakagira uruhare rusesuye mu myigire, bakamenyerezwa gukora ubushakashatsi umunyeshuri ku giti cye ndetse no mu matsinda. Abanyeshuri bahabwa umwanya mu ishuri bagasobanura ubwabo imbere ya bagenzi babo n'imbere ya mwarimu ibyo bagezeho mu bushakashatsi bwabo.

Byaragaragaye rero ko ubu buryo bw'imyigishirize buteza imbere imyumvire n'imikorere y'abanyeshuri aho usanga bavumbura kandi bagashyira mu bikorwa ibyo bagomba gukora ntawubahagarikiye. Ubu buryo kandi ntibutuma abanyeshuri biga gusa mu buryo buboroheye kandi babigizemo uruhare, ahubwo bunateza imbere umuco mwiza mu banyeshuri ku birebana no kwiwigisha no gusohozza inshingano zabo mu bwisanzure bwa buri wese (Legendre 2005).

Imirimo mu matsinda mu ishuri no mu gihe cy'amahugurwa y'abarimu ni uburyo bw'agaciro kanini. Gukorera mu matsinda byongera umwete n'ubushobozi abiga no kuzana umwuka mwiza mw'ishuri kuko imibanire hagati y'abanyeshuri ubwabo no hagati y'abanyeshuri n'abarimu babo irushaho kuba myiza. Abanyeshuri bagira uruhare mu kurangiza akazi bahawe mu matsinda ari nako baba biga umuco wo gufashanya, umuco wo kumva no guhana ibitekerezo byuzuzanya ndetse no gufata imyanzuro ntaguhutazanya kandi ntawe uniganwe ijambo. Ubu buryo bw'imyigishirize butuma umunyeshuri yumva afite agaciro, ko na we ari mu bagize itsinda. Ntibuha umwanyaimyigishirize ishingiyiye ku gufata mu mutwe nka gasuku yagaragaye mu mashuri menshi yo mu Rwanda.

Ijambo imbenezamibanire ntabwo rifite igisobanuro gihuriweho, ariko hari inyito nyinshi zigenda zifashishwa mu rwego rwo gusobanura icyo rishatse kuvuga:

Ijambo “imbenezamibanire” ryerekeza ku bantu

Ijambo “imbenezamibanire” rikoreshehagamiye ku kuvuga umuntu n'imibanire ye n'abandi. Ntabwo rero iri jambo ryakoreshehagamiye hitawe gusa ku isano y'umuntu ku giti cy' ngo hirengagizwe isano afitanye n'abandi. Abantu batekereza kandi bagakora mu buryo bunyuranye no mu bihe binyuranye. Aho umuntu atuye hashobora kugira ingaruka ku mikorere n'imyitwarire ye ndetse no mu ihindagurika ry'imbenezamibanireimuranga. Bityo rero ijambo imbenezamibanire rifitanye isano itaziguye n'imibereho n'imyifatire y'abantu ubwabo.

Akarango k'umwihariko k'imbenezamibanire

Abayobozi bakoresheha igitugu hari igihe bagaragaza ko bafite ubushobozi n'ububasha ubu n'ubu ariko ubwo bubasha ntabwo buteza imbere imibanire myiza hagati y'abantu n'abandi. Kuri bo, ikiba kigambiriwe ni ukwiteza imbere ubwabo no gusagasira inyungu zabo. Itandukaniro rero z'ubushobozi bukoreshehagamiye n'abanyagitugu ni uko usanga imbenezamibanirezishingira ku bushobozi

bw'umuntu, ku nyungu rusange ziganisha ku mibereho myiza y'abantu bose no ku ndangagaciro ziteza imbere ubwisanzure n'uburenganzira bwa muntu.

“imbonezamibanire” yerekana imiterere ya sosiyeti

“imbonezamibanire” zifite aho zihuriye n'indangagaciro kuko zishingiye ku muco. Imibanire y'abantu mu gihugu runaka itandukanye n'imibanire y'abantu mu kindi gihugu. Niyo mpamvu ari ngombwa ko habaho imbonezamibanire zinyuranye mu rwego rwo kunoza imibanire hagati y'abantu. Imihindikire y'isi ituma irushaho guhinduka umudugudu bityo indangagaciro na zo zikagenda zihinduka zitera imbere (reba Schoon 2009, 2).

Kuva kera na kare, abantu cyangwa se amatsinda y'abantu bubahaga bidasubirwaho imbonezamibanirezabo, ariko muri kino gihe usanga mu bihugu byinshi umuco wo kwikunda ugenda uganza imbonezamibanirezikwiye kuranga abantu.

Urugero: Imbonezamibanire zihindura umuntu n'abantu abana na bo

Abantu ntibagomba kumva imbonezamibanire nk'aho ari uburyo bwo kuyoboza abandi ibitekerezo n'agahato by'abantu bamwe cyangwa se kubatega kugendera ku mategeko y'itsinda ry'abantu runaka. Imbonezamibanirezigira agaciro n'umumaro mu gihe zishingiye ku bitekererezo binyuranye. Niyo mpamvu hari isano ya bugufi hagati y'inyigisho z'imibanire myiza n'imyigishirize igamije gukemura amacakubiri. Mu mihindikire y'ubukungu, abantu bakenera imbonezamibanirezibashoboza guhangana n'ingaruka zikomoka kuri iyo mihindagurikire. Muri icyo gihe, abantu bakenera imbonezamibanirenko kwihesha agaciro, kwigirira icyizere, guharanira kwihaza, kwiyobora, n'ibindi.

Ubuhamya bwa Rwambonera François: Kwigisha abanyeshuri bafite ibibazo

Uru rugero rurebana n'umunyeshuri. Nagiye mpura n'ingero nyinshi mu gusura amashuri abanza igihe yari amaze gutangira mu mwaka wa 1994.

Mu kwezi kwa Gashyantare 1996 nasuye ishuri ribanza mu majyaruguru y'igihugu aho umwarimu yigishaga isomo ry'imibare mu mwaka wa 5. Umwarimu yatanze ibisobanuro ku cyigisho hanyuma akurikizaho guha abanyeshuri imyitozo yo gukora buri wese ku giti cye. Bamwe barabikoze naho abari barangaye ntacyo bashoboye gukora.

Umunyeshuri umwe wari ufite imyaka 11 n'amezi 6 yakoze ibinyuranyije n'iby'abandi ku buryo bugaragara. Yakoze igishushanyo kivanzemo n'amagambo bidasobanutse. Ubwo mwarimu yagendaga areba iby'abanyeshuri bakoze, yaramwegereye atangira kumutonganya. Umunyeshuri yubuye umutwe amureba mu maso ahita yihagurukira aragenda ava mu cyumba cy'ishuri.

Narahagurutse mfata urupapuro rwe yari yasize ku ntebe y'ishuri ndamukurikira nsanga ari hanze yegamije umugongo n'umutwe ku rukuta rw'icyumba cy'ishuri. Yari yifashe mu mifuka, ahinnye ukuguru kumwe ikirenge agishinze ku rukuta asa nk'utumbiriyi ikintu kiri kure adahumbya. Ntabwo yanyeganyegaga kandi amaso ye yari yuzuyemo amarira menshi atemba agwa ku shati ye.

Nkurikije ibyo nabonye icyo gihe, numvaga nta bushobozi na buke mfite bwo kugira icyo nakora. Nahise ngira amarangamutima menshi ikiniga kiramfata ku buryo numvaga amarira ashaka kwisuka. Nagerageje kwikomeza no gucunga amarangamutima yanjye ariko kugeza uyu muni iyo shusho y'umwana iracyanza mu bitekerezo.

Nyuma nagerageje kumusuhuzwa mu Kinyarwanda murambitseho ikiganza. Aho kunsobiza mu magambo yubitse umutwe ampereza akaboko. Nahise nanjye muhereza ikiganza ndamufata ndamukomeza musaba ko twavugana akanya gato. Amaze kubyemera, twagiye ahantu hitaruye twicara ku bibuye binini. Twaraganirye ambwira ibirebana n'umuryango we. Yari imfubyi arerwa na nyirakuru ubyara se. Yambwiye ko yumvaga adashaka kwiga, ko atari ashoboye gukurikira neza ibyo mwarimu yari yamusabye gukora, ko atari gushobora kwihanganira amabwiriza ya mwarimu kandi ko yumvaga rwose kwiga bitamushishikaje.

Nyuma y'ikiganiro cyamaze iminota iri hagati ya 40 na 50, twasubiye mu ishuri. Nari maze kumva no gusobanukirwa neza ko uwo mwana w'umuhungu yari mu kiriyo, mu gihe cy'akababaro yatewe no kubura ababyeyi be, ariko umwarimu akaba atarabyitaye ngo amugaragarize ko yifatanyije nawe muri ibyo byago. Mbere yo kuva mu cyumba cy'ishuri, mwarimu yambwiye ko uwo mwana yari umuhanga mu ishuri kandi atsinda neza, ariko nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda umwana yaje kuba umunembwe, ntiyige neza kandi akagira n'imico mibi ivanzemo no kugirira urugomo abandi bana. Nasabye mwarimu kugaragaza indi myitwarire iboneye imbere y'uwo mwana mu rwego rwo kumwerekana ko yifatanyije na we mu byago yagize ndetse no kumufasha mu buzima bwe bw'ubupfubyi.

Namenye ko mwarimu akeneye ubundi buryo bw'imyigishirize n'ubundi bumenyi byamufasha kumenya uko yitwara imbere y'abanyeshuri mu bihe nk'ibyo bya nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 mu Rwanda kugira ngo ashobore kwigisha uko bikwiriye. Ibi byatumye nta gushidikanya ko ari ngombwa guhindura uburyo bw'imyigishirize, ko ari ngombwa gukoresha uburyo butuma ibibazo n'ingorane nk'izo abarimu n'abanyeshuri bahura nabyo bigabanuka.

Kwiyumvamo ko uri uw'agaciro

Kwiyumvamo ko uri uw'agaciro kw'abanyeshuri bishingiye ku guteza imbere ibirebana n'imibanire myiza, imbamutima, imiterere y'umubiri n'umyumvire. Ibi byose bifataniriza hamwe ku guteza imbere indangagaciro yo kwiyumvamo ko uri uw'agaciro (reba Shavelson et al. 1979).

Imyumvire y'umunyeshuri ku birebana n'ishuri bikomatanya ubumenyi bw'umunyeshuri n'ubushobozi afite mu bintu bimwe na bimwe byihariye. Ibyo umunyeshuri yiga mu ishuri bigira ingaruka ku myumvire ye ku birebana n'ishuri ariko bikanazigira ku birebana n'imibanire, imbamutima no ku miterere y'umubiri we.

Ingaruka nziza ku myumvire iboneye ku birebana n'ishuri bijyana no kwiyumvamo agaciro n'ubushobozi. Abantu babayeho bakoresha imbaraga n'ubushobozi byabo kandi bagaragaza umurava mu bikorwa batitaye kubibaca intege, benshi bakunze kugera ku ntego mu mirimo no mu buzima bwabo. Niyo mpamvu, urwego rw'imyumvire y'umuntu mu kumva ko hari icyo ashoye ari ikintu cy'ingenzi kimuganisha mu kurangiza neza inshingano ze.

Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye no kwiyumvamo ko uri uw'agaciro

Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye iharanira gutoza abanyeshuri n'abarimu kugira imyumvire myiza ishingiyeye ku kwiyumvamo ko uri uw'agaciro mu gukora umurimo ukwiye kandi unozwe. Ubu buryo bw'imyigishirize kandi bugamije guteza imbere imibanire myiza n'amahoro mu bantu. Abarimu bahugurwa kugira ngo bite ku byo abanyeshuri bakeneye mu by'imibanire no kubaha umwanya usesuye mu rwego rwo kurushaho gushimangira umuco wo kwiyumvamo ko uri uw'agaciro no kwigirira icyizere. Byongeye kandi ubu buryo burushaho guteza imbere imibanire myiza ituma imyigire y'abanyeshuri igera ku ntego kandi n'abarimu bakaba abahuza bafasha abanyeshuri mu myigire yabo.

Ubuhamya bwa Mukayisenga Violette: Kwihesha agaciro

Mu gihe natangiraga kwigisha mu ishuri ry'incuke, natekerezaga ko bamwe mu bana badashobora guhindura imyitwarire yabo mibi. Buri gihe natumagaho ababyeyi nkabasobanurira ibirebana n'abana babo. Nyuma y'amahugurwa nahawe mu mwaka wa 2007 ku myigishirize iha umwana uruhare rusesuye mu myigire ye, nahise mbona ko byose bishoboka. Muri uwo mwaka, umwana w'umuhungu w'imyaka 4 witwa Mose, yimukiye mu mwaka wa 2 ari ryo nigishagamo.

Uwo mwana yamaze amezi abiri nta jambo nta rimwe avuga mu ishuri kandi atanyeganyega. Mu gihe nyina yazaga ku ishuri, yambwiye ko uwo mwana agira ibibazo by'umutima kuva afite amezi atatu avutse. Uwo mwana nahise mushyira mu matsinda y'imikino arimo n'abandi bana ariko namubaza ntasubize. Nyuma y'igihe, namuhaye inshingano mu ishuri: nko guhagarara imbere mu ishuri akareba abana bakinye neza kurusha abandi. Mu ntangiriro, yakoresheje gutunga urutoki nta kuvuga ariko buhoro buhoro yatangiye kuvuga mu ishuri. Ababyeyi be baje gutangara babonye impinduka nziza ku mwana wabo. Uyu muni, Mose ni umwana wa mbere ukunda kubwira abandi inkuru, kandi avuga inkuru nyazo kubera gukunda kuvuga.

Ubuhamya bwa Mukaruberwa Anastasie: Uruhare rw'ibikorwa byo hanze y'amasomo mu guteza imbere indangagaciro yo kwiyumvamo ko uri uw'agaciro

Mbere y'uko imyigishirize mishya iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire itangira gukoreshwa mu kigo cyacu mu mwaka wa 2007, abanyeshuri benshi babaga bigunze kandi bafite ubwoba bwo kuvuga mu ruhame. Ariko tumaze kuyihugurwamo na CPR, natangije mu kigo cy'ishuri mbereye umuyobozi gahunda zinyuranye z'ibikorwa by'abanyeshuri hanze y'amasomo: amatsinda yo kuganira, gukina ikinamico, itsinda ribyina imbyino nyarwanda, n'ibindi. Hateguwe amarushanwa yahuje ayo matsinda yose, ayabaye aya mbere ahabwa ibihembo. Itsinda rikina ikinamico ryabaye mu ya mbere, abarigize batumiwe n'ubuyobozi ku rwego rw'ikigo kugira ngo berekane umukino wabo imbere y'abayobozi, abarimu na bagenzi babo b'abanyeshuri.

Mu gihe nabazaga abanyeshuri ibanga bakoresheje kugira ngo bashobore gutsinda, bambwiye ko insinzi yabo bayikomora ku barimu n'uburyo bushyashya bakoresha mu kwigisha. Ibikorwa abanyeshuri bakora hanze y'amasomo byagize uruhare rugaragara mu kongera icyizere hagati yabo n'abarimu kuko ubuyobozi, abarimu n'abanyeshuri dukorera hamwe twese tugamije intego zimwe. Byatumye duhinduka abafatanyabikorwa hagati yacu. Iyo mibanire yagize

akamaro mu guhindura umwuka mwiza mu ishuri nk'icyumba cy'amasomo. Turashima ko ubu buryo bushya bwavuguruye imitsindire y'abanyeshuri.

1.3 Ubumenyi n'ubushobozi bw'imbonezamibanire

Ni ubuhe bumenyi n'ubushobozi bukenewe ngo umuntu agire imyitwarire n'imibanire myiza mu bandi?

Ubushakashatsi ku mitekerereze bushyigikira ko ubushobozi bushingiye ku bintu by'ibanze bikurikira: ibintu bireshya umuntu, imyifatire, indangagaciro, ubushobozi, ubumenyi n'imiterere y'ubwenge. Imbonezamibanire igizwe n'ibintu bibiri by'ingenzi: Hari imbonezamibanire zijyana n'imyitwarire y'umuntu ku giti cye, hakaba imbonezamibanire zirebana n'imyitwarire n'abandi. Buri mbonezamibanire kandi irangwa n'ibintu bitatu bikuru, aribyo: ibishingiye ku bwenge, ibishingiye ku mbamutima n'ibishingiye ku ndangagaciro.

Muri make, imbonezamibanire zirebana n'umuntu ku giti cye ndetse n'abo babana, bityo gushyikirana no gufashanya bikaba inkingi y'imibereho yabo. Imyitwarire yabo iganisha mu kubana neza hagati yabo n'abandi, mu kwigirira icyizere no kurangiza inshingano za buri wese. Imbonezamibanire kandi ni imbaraga umuntu yifitemo zimushoboza kwifata, kumvira, kumenya gushima no kunenga, kumva amarangamutima y'abandi no kwifatanya nabo, kubana neza no gufashanya n'abandi. Imbonezamibanire zishoboza umuntu kubahiriza indangagaciro z'abantu bikamuha umurongo unoze w'imibereho mu bo babana. Umuntu akora ibyo agomba ntaguhutaza abandi, ahubwo akabikora mu bwubahane, mu bufatanye, mu butabera no mu guharanira uburenganzira bw'aba nyamuke.

Imbonerahamwe yerekana ibigize ubushobozi mbonezamibanire:

	Ibishingiye ku bwenge	Ibishingiye ku mbamutima	Ibishingiye ku ndangagaciro
Imbonezamibanire zirebana n'imyitwarire y'umuntu ku giti cye	• Imyitwarire irebana no gukora ibyo ushinzwe • Ubushobozi mu mivugire	• Ubushobozi bwo kwitangira no kwigarura • Kumvira, kumenya gushima no kunenga	• Kumenya no gushyira mu biko-rwa uko bikwiriye inshingano zawe • Kugira imyitwarire idahutaza abandi • Ubworoherane
Imbonezamibanire zishingiye ku mibanire n'abandi bantu	• Kumva no kwakira ibitekerezo binyuranye • Ubushobozi mu gusobanukirwa iby'abandi bavuga ndetse • N'imbamutima zabo	• Kwifatanya n'abandi mu mbamutima zabo • Kugira icyerekezo mu mibanire • Kugira intego z'imyitwarire mu mibanire n'abandi • Kumvira, kumenya gushima no kunenga	• Kumenya no gushyira mu biko-rwa uko bikwiriye inshingano zawe • Kugira imyitwarire idahutaza abandi • Ubworoherane • Imyitwarire ishyigikira ubufatanye n'ubwisanzure • Imyitwarire ishyigikira uburenganzira bwa ba nyamuke

Inkomoko: Hifashishijwe ibyanditswe na Stanat & Kunter 2001.

Muri kino gihe, hari n'ubundi bushobozi umuntu akenera kugira ngo agere ku mbonezamibanire z'ingenzi zimushoboza kubaho ndetse no kurangiza inshingano ze mu bo babana. Umuntu akenera ubushobozi bugendanye n'igihe tugezemo. Twavugaga nk'ubumenyi mu birebana n'uko isi igenda ihinduka umudugudu, n'iterambere ryihuse rigenda rishingira ku ikoranabuhanga mu ikusanya n'iherekanya makuru.

Hakenewe kandi imbonezamibanire zatuma umuntu ahangana n'ibibazo by'ingutu byugariye isi muri iki gihe birimo: guteza imbere ubukungu bushingiye ku gufata neza ibidukikije ku buryo burambye, kwita ku iterambere ry'abantu bose. Ibi rero bigaragaza ko abantu ku giti cyabo bakeneye ubushobozi buhagije kugira ngo barangize inshingano zabo. Bumwe muri ubwo bushobozi bukenewe harimo no kumenya gukorana n'abandi mu matsinda ari na byo biteza imbere umuco wo kugira impuhwe n'urugwiro, kumenya gucunga uko

bikwiriye imbamutima z'abantu, ubufatanye, guteza amatwi, kujya inama mu buryo bwubaka, gufata imyanzuro ndetse no kugira ubushobozi mu gucunga no gukemura amakimbirane.

Uburezi bukwiye guteza imbere izi mbonezamibanire cyane cyane mu gihe abantu banyuze mu bihe bikomeye by'intambara n'amacakubiri. Uburezi nk'ubwo bukunze kwitwa uburezi buteza imbere uburere mbonezamubano, uburezi buteza imbere umuco wa demokarasi n'amahoro. Ikigamijwe muri ubu burezi ni uguteza imbere kwiyumvamo ko uri uw'agaciro, ubwigenge kuri buri wese, ubufatanye no kugira umutimanama mu byo umuntu akora (Wang et al. 1993). Imbonezamibanire ntizigaragarira gusa mu byigwa, ahubwo zigaragarira no mu buryo bw'ubusabane n'imyigishirize iha umwana uruhare rusesuye kandi igateza imbere ubushobozi n'ubwigenge bwa buri wese (Gillies 2007).

Uburyo bw'imyigishirize mu ishuri bukwiye kurangwa n'imbonezamibanire zavuzwe haruguru kandi abarimu bakarangwa n'imyitwarire ishingiyeho ku ngengamikorere. Ireme ry'uburezi rifatanye isano n'imibereho n'ubufatanye hagati y'abanyeshuri n'abarimu mu gihe cy'inyigisho.

Kugira ubumenyi no kwiyumvamo ubushobozi

Uburezi buteza imbere imbonezamibanire bugaragazwa n'ubumenyi bw'umuntu ku giti cye no ku bandi. Mu myigishirize iteza imbere imibanire hagati y'abantu, ni ngombwa ko umuntu nk'ikiremhamuntu yiyumvamo ubushobozi bwo kubana neza n'abandi. Kwiyumvamo ubushobozi ni ikintu cy'ingenzi mu mbonezamibanire. Bishobora kugerwaho mu gihe abantu ubwabo bafite ubunararibonye mu mibanire yabo n'abandi no mu gihe hatanzwe amahirwe kugira ngo abantu bitoze ibyo kubana n'abandi kandi banasuzume ibyo bagezeho kugira ngo bashobore gukosora imyitwarire yabo. Ibi ntawo byoroshye kubigeraho cyane cyane mu miryango igendera ku miyoborere n'umuco bituruka mu buyobozi bwo hejuru kandi abantu bagomba no guhangana n'ingaruka zituruka ku rugomo banyuzemo.

Umushakashatsi mu bumenyi bw'ikiremhamuntu Bandura (Bandura 1997; Fuchs 2005) ukomoka mu gihugu cya Amerika yanditse bimwe mu by'ingenzi bigaragaza urwego umuntu ariho mu kwiyumvamo ubushobozi:

- Igihe umuntu yanyuze mu bihe bikomeye kandi akabisohokamo anesheje bitera umuntu kugira icyizere cy'ubushobozi bwe. Bene abo bantu baba bifitemo icyizere no mu bihe bindi biri imbere. Gutsindwa bituma umuntu

atakaza icyizere cy'ubushobozi bwe kandi agahitamo guhunga no gutinya guhangana n'ibihe bikomeye. Abantu bifitemo ubushobozi bahitamo gukomeza guhangana n'ibihe bikomeye kabone n'yo bahura n'ibibananiza.

- Mu gihe hari abantu bafite ubuhamya bw'ibyo banyuzemo bibakomereye bushaka gusa, bitera umuntu kuba yakwiyubakamo icyizere cy'uko na we yabishobora. Ariko kandi gutsindwa kw'abantu na byo bitera gucika intege no kwiyumvamo ubushobozi buke. Ibi bishatse kuvuga ko iyo abantu basangira ubuhamya bw'iby'ababayeho bigira akamaro mu kubaka ubushobozi bw'abandi.
- Abantu bakunze gushyigikirwa no gushimwa bongera imbaraga cyane kugira ngo babashe gutahukana insinzi mu gihe bahuye n'ibibakomereye. Biyumvamo ubwabo ko bashoboye kurusha abantu bashidikanya ubushobozi bwabo. Ariko nanone si byiza gushimagiza cyane umuntu kuko mu gihe habayeho gutsindwa byamuka intege cyane.
- Kwirinda umunaniro n'ubwoba ni bimwe mu bitera abantu kwiyumvamo ubushobozi bwo gutsinda. Kurangwa n'imbamutima zitari nziza bigaragara nk'urucantege kandi bituma umuntu atakaza icyizere muri we. Kwirinda umunaniro ni kimwe mu bintu bikomeye byatuma umuntu ubwe ahangana n'ibibazo ahura na byo kandi yiyumvamo ko ashoboye kubibonera ibisubizo.

Gushyikirana mu ishuri, hanze y'ishuri no mu kigo cy'ishuri bishobora guteza imbere umuco wo kwiyumvamo ubushobozi cyane mu rubyiruko rwiyumvamo ubushobozi buke mu bikorwa runaka. Abarimu batigishijwe neza bagira ibibazo birebana no kwigirira icyizere, kuvangura abanyeshuri ku ishuri, kubura ingero zifatika kandi zigaragara mu buzima bw'ishuri, kudatoranywa iyo bari muri gahunda yo kureba abakwiriye imirimo, kugira uburyo bw'itumanaho budafashe, ndetse no kutubahiriza uburenganzira bwa muntu mu ishuri (urugero: gutesha umwana agaciro mu ruhamye cyangwa se kumukubita). Ibyo byose biri mu mpamvu zigabanya kwigirira icyizere. Ibyongera icyizere ni ugukoresha uburyo bwo gushyikirana burimo ubwuzi, butera umwete abanyeshuri n'abarimu bugatuma bagirana urugwiro, bikajyana kandi n'ubusabane mu gihe cy'isomo runaka n'ibikenewe mu kwigisha.

Iyo isomo runaka rigamije guha imbaraga abanyeshuri mu kwiyumvamo ubushobozi, uruhare rwa mwarimu rurahinduka (Fuchs 2005):

- Uburyo bwo kwigisha ntibutegurwa nko gutanga amahugurwa. Ahubwo imyigishirize ishingira ku munyeshuri ku giti cye no ku bwuzuzanye bw'abanyeshuri mu myigire yabo.
- Mwarimu ntabwo aba ashinzwe guhitiramo abanyeshuri gusa, ahubwo arabashyigikira mu mikorere yabo kandi akanayobora uburyo bafashanya hagati yabo.
- Mwarimu kandi aba icyitegererezo mu myitwarire, maze biturutse ku bujyanama bwe mu ishuri bikabera abanyeshuri urugero rwiza.
- Uruhare rwa mwarimu ntabwo ari urwo guha umutwaro uremereye abanyeshuri, ahubwo ashinzwe gushyira mu buryo imyigire myiza itababwira ariko nanone bigatuma bita ku murimo.

Ubnararibonye buturutse ku myigishirize iha umwana uruhare rusesuye mu myigire ye: Guteza imbere ururimi n'ubushobozi bw'ubwumvane

Kimwe mu by'ingenzi mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye mu Rwanda ni uguteza imbere ururimi himakazwa umuco wo kuvuga no kongerera abanyeshuri ubushobozi mu bwumvane. Abarimu biga uburyo bunyuranye bwo kuvugana n'abanyeshuri hifashishijwe uburyo bw'imivugire butandukanye, imyitozo ijyanye no kumva no guteza amatwi (reba Grêt 2009, 67ff). Iyi myigishirize iha umunyeshuri ubumenyi bushingiye k'ubushakashatsi mu ihererekanya makuru. Aha twavugaga nk'ubumenyi mu bijyanye no kwiyubaka k'umunyeshuri butuma habaho impinduka mu buryo bw'imyigishirize no guhererekanya amakuru mu ishuri.

Mu buryo bugaragara, ntabwo isi igizwe n'ibintu bimwe kandi abantu bashobora kubona ibintu mu buryo bunyuranye. Iki ni ikintu cyangombwa cyane mu birebana ni ingengamibanire zishingiye ku kwemera ko umuntu ari we ugira uruhare rusesuye mu kubaka ubumenyi bwe (Glaserfeld 1989, Taylor 1998, Meyer 2009).

Gushingira ku mitekerezeho y'umuntu ku giti cye, ku bitekerezaho by'abandi no ku mpinduka zijyana nabyo ni inshingiro rikomeye ry'uburezi bugamije kubaka ingengamibanire. Muri icyo gihe, ni ngombwa kwita ku bitekerezaho by'abandi bitanzwe mu matsinda kandi hagatangwa umwanya uhagije wo kubitanga nta guhutazanya.

Ubunararibonye buturutse ku buryo bwo kwigisha uha uruhare runini umunyeshuri mu myigire ye: Guha umwanya ibitekerezo bitandukanye

Kimwe mu byibandwaho muri gahunda y'amahugurwa y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye hano mu Rwanda ni ugushoboza abarimu kwigisha amasomo yabo mu buryo abanyeshuri bahabwa amahirwe yo gutanga ibitekerezo byabo mu isomo. Urugero ni mu gihe cyo gushyira hamwe ibyo bakoreye mu matsinda, ibyavuye mu bushakashatsi bakoreye mu rugo.

Mu gihe abanyeshuri basobanura ku ngingo iyi n'iyi mu ishuri nko mu masomo y'amateka nay'imibereho myiza ni igihe cyiza cyo gukusanya ibitekerezo mu buryo bwaguye. Muri icyo gihe, abanyeshuri bashobora gutanga ibisubizo binyuranye bakaboneraho kubikoraho ibiganiro mpaka bagereranya ibisubizo babonye aho bihurira n'ibygwa bimwe na bimwe mu masomo anyuranye biga nk'imibare, ibinyabuzima n'ibindi.

Umurimo ukorewe mu itsinda n'imitekerereze yagutse

Mu mahugurwa y'abarimu mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye mu Rwanda, intego nkuru ni ugutanga umwanya mu ishuri abanyeshuri bagakorera mu matsinda. Abarimu bahuguwe ku gushyira abanyeshuri mu matsinda ku buryo buri umunyeshuri agira uruhare mu itsinda kandi bakanagabana n'imirimo. Icyo twabonye nk'imbogamizi kuri iyi myigishirize ni uko abanyeshuri bamwe bashobora kuva mu itsinda, kubura ufata umwanzuro ndetse rimwe na rimwe no guhuza ibitekerezo bikagorana.

1.4 Imbonezambanire n'isano ifitanye n'amahoro na demokarasi

Imyigire ishingiyeye ku mibanire igira akamaro ku gushyira hamwe mu mibanire, ku myitwarire ishingiyeye ku mahoro ndetse no kugabanya amakimbirane mu mibanire nk'uko abantu baba babyifuza kandi biteze ko bigerwaho. Muyandi magambo, abantu bifuza kugera ku mbonezambanire zagira uruhare mu kongera ubumwe no kurwanya byimazeyo amakimbirane mu mibanire y'abantu.

Mu bihugu, imiryango ibana neza iyo himakajwe umuco w'ubumwe. Mu miryango, amasano yo kuvukana asaba bidasubirwaho ubumwe mu bagize umuryango runaka. Mu bihugu, uyu murimo ushoboka iyo hari amategako

agenga imibanire ndetse n'uburenganzira buri wese ahabwa mu gihugu. Ubumwe bw'igihugu ntabwo bwubakirwa k'ubukungu bwacyo gusa, ahubwo ubukungu ni bwo bugomba gushingira ku bwisanzure buhari. Ubwo buryo bw'ubwisanzure buha abenegihugu uburenganzira bungana ku byiza by'igihugu ndetse n'uburyo bwo gukemura amakimbirane.

Ishuri rigira umwanya ukomeye cyane mu gushimangira ubumwe mu mibanire

Iyo ingingo zikurikira zubahirijwe neza, ishuri rigira uruhare rukomeye kandi rufatika mu gushimangira ubumwe mu mibanire hagati y'abafatanyabikorwa mu burezi:

- Itegeko rikoreshewa mu burezi rigomba gutanga uburenganzira ku bigo by'uburezi mu kugira uburenganzira bungana.
- Ubumwe mu mibanire buzashyigikirwa mu gihe uburezi bushyize ahagaragara intumbero igaragaza ko kwiga biteza imbere imibereho y'umuntu.
- Uburezi ni urufunguzo nyamukuru mu kwimakaza umuco w'amahoro mu mico itandukanye bishingiye ku mbonezamibanire.
- Amashuri ashobora gutanga urugero ku myitwarire myiza mu mikoranire y'inzego z'ubuyobozi, bityo akagira uruhare rufatika mu guteza imbere iyo myitwarire.

Ihungabana n'imyigishirize mbonezamibanire

Ihungabana ntabwo kenshi na kenshi rikizwa n'ingamba zifatwa mu rwego rw'uburezi. Ubumenyi bw'umuntu bwifashishwa mu kurwanya no gukumira ihungabana bugaragaza ko ari ngombwa ko abahuye n'ihungabana bagira uruhare rugaragara no kwihesha agaciro mu guhangana no gukumira ihungabana (Fleischhauer 2008; Scherg 2003; Mehreteab 2002). Ibi bishobora kuba umusanzu ukomeye amashuri yatanga mu gufasha abanyeshuri bahura n'ihungabana ariko kandi ishuri rifite inshingano zo kwifashisha abahanga mu by'ubumenyi bw'umuntu no kubakangurira gukorana n'abanyeshuri bahuye n'ihungabana bita kuri buri muntu ku giti cye.

Urugero: guhangana n'ibihe by'icyunamo n'ihungabana

Intambara zabaye mu Karere, mu gihugu cyacu kuva mu mwaka wa 1990 na Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda byasize ingaruka zikomeye hagati y'abanyarwanda. Benshi mu banyarwanda bafite intimba n'ibikomere bigaragara ku mubiri no mu mbamutima zabo. Benshi bafite kandi ibibazo bishingiye ku mibanire hagati yabo. Abantu bamwe baracyafite intimba kugeza n'uyu muni.

Amahugurwa y'abarimu ni urubuga rw'ibanze aho abarimu babonera umwanya wo guhangana n'ihahamuka. Muri ayo mahugurwa, abarimu baha-bwa urubuga rutekanye, ubwisanzure bwo kuvuga no gufata ijamba, kwiyumva nk'umuntu ugize itsinda, imiyoborere y'amahugurwa yubahiriza uburenganzira bwa buri wese, ibyigwa mu mahugurwa, igihe n'uburyo amahugurwa ateguyemo bituma buri mwarimu atekereza ku kibazo cy'ihungabana n'ibikomere bikomoka kwihungabana bya buri wese.

Igihe cyo guhangana n'ibihe by'icyunamo ni ngombwa cyane. Ubwicanyi ndengakamere bwahitanye abantu benshi harimo n'abarimu kandi bamwe muri bo bakaba baragize uruhare rutaziguye mu ntambara na Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda ni ingingo ikomeye igaragaza ko byari ngombwa ko aya masomo ashirwa muri iyi gahunda yo guhugura abarimu. Mu gihe cy'amahugurwa, abarimu baganira ku bice umuntu anyuramo mu gihe ahanganye n'amakuba n'ibyago byamugwirirye. Nyuma abarimu bahabwa umwanya n'uburenganzira busesuye bwo kuvuga no kungurana ibitekerezo kubyabayeho bibatera ihungabana. Bashingiye ku bumenyi bushya bize, abarimu batanga ubuhamya kandi bakareba uburyo bwafasha buri wese guhangana n'ibihe by'icyunamo no gukira ihungabana. Abarimu benshi bafata umwanya wo kuvuga atari ugushaka gutanga inama zifasha mu gukira ibikomere gusa, ahubwo ari uburyo babonye bwo kuvuga, kuganira no guhana ibitekerezo mu bwisanzure bituma buri wese yumva atuye umutwaro kandi bikamuha n'amahirwe mashya mu buzima. Abarimu benshi basobanukirwa ko, mu bihe nk'ibyo byakaga n'ihungabana, ubufasha bw'abahanga mu by'ihungabana ari ngombwa cyane. Niyo mpamvu, mu ntangiriro, iyi gahunda y'amahugurwa yagiye ifashwa cyane n'abahanga mu by'ihahamuka kugira ngo bafashe mu gihe habaye ibibazo by'ihungabana mu bihe by'amahugurwa.

Imibanire myiza no gukemura ibibazo mu barimu

Gushimangira imibanire myiza n'ubufatanye ni ikintu cy'ingenzi cyane mu barimu. Akenshi abarimu bibona nk'ingabo zitatanze. Iyi myifatire ituma batakaza ingufu no kwitanga kwabo ntigutange umusaruro ufatika muri sosiyeti. Ariko kwihesha agaciro n'ubushobozi mu kwiyo bora kw'abarimu byongerwa no kwitabira amahugurwa ahoraho, bituma abarimu bagira uruhare rukomeye mu gushaka ibisubizo by'ibibazo byugariye sosiyeti. Kubera imibanire y'abarimu n'abanyeshuri n'ababyeyi, abarimu babaye imbaraga zikomeye mu gushimangira demokarasi n'amahoro mu bihugu byinshi, kimwe n'uko bagiye bafasha mu gukemura ibibazo bishingiye k'ubutabera mbonezamibanire. Gushigikira uruhare rw'abarimu mu mibereho y'abantu no kutabatererana ngo bahinduke abantu batunzwe na ruswa no gucamo abantu ibice ni inshingano ikomeye cyane muri sosiyeti.

1.5 Imbonezamibanire n'isano yayo ku ireme mu burezi

Gushimangira imbonezamibanire ndetse no kwiyumvamo ko uri uw'agaciro ntabwo bigira umumaro gusa ku burezi buhamye mu bihe byakurikiye amakimbirane mu gihugu, ahubwo binazamura ireme ry'uburezi. Gushyigikira imbonezamibanire ni inkunga ya buri gihe kandi ikomeye mu kongera imitsindire mu ishuri. Nyuma yo guteza imbere gahunda y'uburezi bwa bose, kongera ireme ry'uburezi bikwiye kuganirwaho bihagije mu biganiro bitandukanye by'uburezi muri Afrika mu myaka iri imbere (reba Avalos 2003; Riddell 2008; Verspoor 2008).

Mu gihe politiki ishyira imbere uburezi bufite ireme, ni ngombwa gushyira imbere imbonezamibanire. Ireme mu burezi ntiriyagerwaho nta mibanire myiza ihari. Mu kuzamura imbonezamibanire bisaba ko umuntu abanza kongera ireme ry'uburezi ku kigereranyo cy'ubwenge runaka. Umumaro w'uburyo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ni uko butuma mwarimu ahora ashakashaka kandi akabikora afatanije n'abanyeshuri.

Ubushakashatsi bwinshi bwagaragaje ko hari ihuriro hagati yo kwihesha agaciro n'iterambere ry'imitsindire mu mashuri no muri za kaminuza (Zeinz 2006). Kwihesha agaciro biteza imbere imitsindire kandi n'iterambere mu mitsindire riteza imbere kwihesha agaciro. Hari isano hagati y'uko umuntu yiyumva ku giti cye n'imitsindire mu ishuri (reba Moschner, 2001, 632; Krupitschka 1990). Iyi sano ituma umunyeshuri yiyubakamo ubushobozi

maze bikamutera kongera ibyiringiro byo gutsinda. Urwego rw'ibyiringiro n'ibyo agambirira kugeraho rugenda rwiyoungera bitewe n'isano iri hagati y'imyumvire yo kwihesha agaciro n'imitsindire mu ishuri. Ibi bigira ingaruka mu gufata ibyemero mu kongera imbaraga mu byo yiga. Hatti (1992) yerekanye mu bushakashatsi bwe ko ishuri rifite uruhare rukomeye mu guteza imbere kwihesha agaciro ku banyeshuri, ariko ko imibanire, imbamutima n'imiterere y'umubiri by'umunyeshuri bigira uruhare rukomeye cyane mu guteza imbere imyumvire ye. Helmke (1992) asobanura ko, mbere yo kwiyumvamo ubushobozi bwo gutsinda, kwihesha agaciro bigira ingaruka nziza ku munyeshuri mu kwiyubakamo icyizere no mu gushyira mu bikorwa ibyo yiga.

Ku rundi ruhande, kutiyumvamo ubushobozi bigira ingaruka mbi zituma habaho gutakaza imbaraga n'icyizere mu mitsindire. Ibi biganisha ku gutakaza buhoro buhoro ubushake bwo kwiyubakamo icyizere n'ubushobozi bwo kumva wagera ku ntsinzi. Nyamara, kwiyumvamo ubushobozi bwo gutsinda ni ingenzi cyane kuko ari moteri y'inyongera (Helmke 1992) kandi ituma umuntu arushaho kugenda akosora kugira ngo agere ku ntego yo mu gihe cyizaza (reba Martschinke & Frank 2002, 192). Niyo mpamvu, amasuzuma, imitsindire mu ishuri n'imyumvire y'umuntu ku giti cye bifitanye isano ikomeye cyane mu myigishirize.

Mu gihe cyo gutezura amasomo, hari urusobekerane rw'ingingo nyinshi zigomba gutekerezaho no kwitabwaho kugira ngo imyigire n'imyigishirize mu ishuri irusheho kugenda neza. Bityo abarimu bagatanga amasomo yabo neza, abanyeshuri na bo bakiga neza. Nk'uko Helmke abivugaga moteri y'imyigire igizwe n'ingingo zikurikira:

a) *Imbamutima*

Mu gihe umunyeshuri agira imbamutima zirebana no gutsindwa bigira ingaruka mbi ku myigire ye. Buri gihe akiyumvamo ko ntacyo yashobora kugeraho maze bigatuma atakaza icyizere muri we. Umunyeshuri atakaza kandi ubushobozi bwo kwiyumvamo ubushake n'imbaraga zo gukora kugira ngo agire icyo yakwigezaho. Ibi rero bigira ingaruka mbi ku myigire y'umunyeshuri mu ishuri. Ariko mu gihe umunyeshuri yumva ko gutsindwa bishoboka, ko amakosa ari isoko yo kumenya bimutera imbaraga zo kwikosora no guharanira intsinzi mu bikorwa bindi biri imbere. Icyo gihe rero yiyubakamo icyizere kandi akiyumvamo imbaraga z'uko gutsindwa atari ihame kandi ko no gutsinda bishoboka.

Ariko kandi igihe umunyeshuri yifitemo ubushake bwo gutsinda bimutera imbaraga zo kwiubakamo icyizere n'ubushobozi bwo kugera ku ntego agambiriye. Niba umunyeshuri yiyumvamo ko kugera ku ntsinzi ari ibintu bishoboka, yiyumvamo imbaraga zo kwiga, agashyiraho ingamba zimufasha mu kwiga kwe, agasohozza inshingano ze uko bikwiriye, akiubakamo icyizere n'ubushobozi butuma aharanira koko kugera ku ntsinzi.

Mu gihe kandi umunyeshuri yifitemo imbamutima zishingiye ku kumva ko ibyo agiye kwiga ari ibintu bishya bimutera kugira amatsiko, ubushake n'imbaraga mu gukurikira neza ibyo agiye kwiga. Ibi rero byubaka icyizere n'ubushobozi bw'umunyeshuri kandi bikagira ingaruka nziza ku myigire ye.

Mu gihe abanyeshuri bafite imyumvire mibi cyangwa myiza kubirebana no gutsindwa bibagira ingaruka mbi cyangwa nziza mu myigire. Kumva kandi ko ibyo bagiye kwiga ari ibintu bishyashya bakeneye kumenya no gusobanukirwa bibatera umwete n'ubushake bwo gukurikira no kwiga neza amasomo yabo. Muri rusange rero, imbamutima ziranga abanyeshuri zigira uruhare rukomeye mu myigire yabo.

b) Igereranya

Umunyeshuri ukunda gufata umwanya akigereranya nawe ubwe ku giti cye, akisuzuma ku giti cye, akareba ibyo ashoboye kugera, agasuzuma ibyamunaniye n'impamvu zibitera bimufasha kumva no gusobanukirwa neza urugendo rwe rwo kwiga. Kwigereranya nawe ubwe ku giti cye ni inkingi ikomeye mu kubaka icyizere n'ubushobozi bw'umunyeshuri ku giti cye, bityo bikagira ingaruka nziza mu myigire ye.

Mu gihe kandi umunyeshuri yigereranya n'abandi bimufasha kumenya aho ahagaze mu myigire ye. Umunyeshuri yigereranya na begenzi be akareba imbaraga zabo, ibyo bashoboye, intege nke zabo, ingamba bakoresha mu kwiga..., bityo bikamufasha kumenya aho ahagaze mu myigire ye ku giti cye. Kwigereranya n'abandi bituma kandi umunyeshuri amenya uko bagenzi be bakira ibyo we ku giti cye ashoboye gukora maze bikamwubakamo umuco mwiza wo kwigirira icyizere. Kwigereranya n'abandi rero biteza imbere umuco wo guharanira kudasigara inyuma mu myigire, bikongerera umunyeshuri imbaraga mu rugendo rwe rwo kwiga kandi bikanamwubakamo icyizere n'ubushobozi bwo kwiga kurushaho.

Umunyeshuri ashobora kandi kwigereranya n'igikorwa ubwacyo. Ni ukuvuga kwigereranya n'ibyo umunyeshuri ubwe ashoboye gukora mu gihe run-

aka. icyo gihe umunyeshuri areba ibyo azi, ibyo ashoboye gukora neza, akareba intambwe amaze gutera mu bikorwa ibi n'ibi n'ikigero agezeho muri rusange. Kwigereranya n'igikorwa rero ni umuco mwiza utuma umunyeshuri amenya ibyo ashoboye n'ibyo adashoboye bityo agafata ingamba zatumye arushaho kwiga neza. Ibi byubakira icyizere n'ubushobozi bw'umunyeshuri kandi bikagira ingaruka nziza ku myigire ye.

c) Kwiyumvamo icyizere

Mu gihe umunyeshuri yiyumvamo icyizere ko afite ibyo ashoboye gukora bimutera imbaraga mu kwiga kwe. Ibi bimufasha kurangiza neza inshingano ze nk'umunyeshuri. Naho iyo umunyeshuri nta cyizere yifitemo, bimutera kumva ko adashoboye, akiheba bityo bikamutera gutsindwa mu byo yiga. Kugira icyizere ni inkingi ikomeye ifasha umunyeshuri kugera ku ntego aba agambiriye. Ni yo mpamvu, kwiubakamo icyizere bigira ingaruka nziza mu myigire y'abanyeshuri.

d) Imyigishirize myiza

Imyigishirize ni ukuvuga uburyo mwarimu yigishamo abanyeshuri, amasomo ateganiye kwigishwa, imitegurire y'amasomo agomba kwigishwa, imfashanyigisho zikoreshwa mu kwigisha abanyeshuri, imbarutima za mwarimu, n'ibindi. Ibi byose bishobora kugira ingaruka nziza cyangwa se mbi ku myigishirize ya mwarimu no ku myigire y'abanyeshuri.

Iyo imyigishirize ibaye mibi, abanyeshuri batazaza icyizere mu bushobozi n'ububasha bwa mwarimu, bityo bikagabanya umuhati wa bo n'imbaraga bashyira mu kwiga. Naho imyigishirize myiza, iboneye ituma abanyeshuri bagira icyizere mu bushobozi n'ububasha bwa mwarimu maze bikabatera umwete ndetse bikubakira icyizere n'ubushobozi byabo mu kwiga. Ibi rero bifasha abanyeshuri kurangiza neza inshingano zabo kandi bikongera umusaruro mu kwiga kwa bo.

e) Umwuka mwiza uranga ishuri

Umwuka mwiza uranga ishuri bisobanuye umutekano rusange kandi usesuye abanyeshuri n'abarezi babo bakoreramo mu gihe bari ku ishuri. Umutekano

rusange kandi usesuye ni ukuvuga umutekano w'imbere mu mutima, mu mitekerereze, ku mubiri, aho bakorera ndetse n'umutekano wa buri muntu ku giti cye. Uyu mutekano rero utuma abanyeshuri bashobora kubaza, gusobanuka ibyo batumvise, kujya inama, gutanga igitekerezo no kumva ibitekerezo by'abandi mu bwisanzure.

Mu gihe, buri munyeshuri yumva atuje, atekanye kandi na we agatanga umutuzo n'umutekano kuri bagenzi be, byubaka icyizere mu banyeshuri, bigakingura imitekerereze n'umyumvire ya bo, bigatuma abanyeshuri biga mu bwisanzure no mu bufatanye. Ibi rero bigira ingaruka nziza ku myigire y'abanyeshuri. Ariko iyo nta mwuka mwiza ugaragara mu cyumba cy'ishuri no ku ishuri, umutekano wa buri wese urahungabana bityo bikagira ingaruka mbi ku myigire y'abanyeshuri.


f) Icyizere ko impinduka zishoboka

Kumva ko ibintu bishobora guhinduka ni ingenzi cyane mu guteza imbere imyigire y'abanyeshuri. Mu gihe abanyeshuri bamwe batsinzwe, biyumvisha ko nta kigenda mu myigire yabo, ni byiza ko haboneka abantu babafasha kwigarurira icyizere. Abanyeshuri bagafashwa kumva no gusabonukirwa ko bagifite amahirwe yo guhindura imyigire yabo maze bagaharanira gutsinda. Gutera umwete abanyeshuri no kubumvisha ko hari ibyo bashoboye guhindura mu kwiga kwabo byubaka icyizere mu banyeshuri, bakiyumvamo ko bagifite agaciro maze bikabatera imbaraga zo kwiga kurushaho.

Iyo umunyeshuri ku giti cye ashoboye kwiyumvisha ko impinduka zishoboka, na byo ni ingirakamaro cyane mu kwiga kwe kuko bimufasha kwigarurira icyizere, kubona ko ari uw'agaciro ndetse ko ashobora ubwe kugira ibyo ahindura. Ibi bizamufasha kwivugurura no gufata ingamba zateza imbere imyigire ye.

Mu gihe ishuri rifite intego y'imyigishirize myiza ni byiza kumenya ko imyigire y'abanyeshuri yubakiye ku rusobekerane rw'izi ngingo zishobora kugira ingaruka nziza cyangwa se mbi ku myigire y'abanyeshuri no ku myigishirize y'abarimu. Helmke agaragaza urusobekerane rw'izi ngingo zigize moteri y'imyigire mu buryo bugaragara ku gishushanyo gikurikira:

Moteri y'imyigire (Helmke):



Inkomoko: Zeinz & Scheunpflug 2010

1.6 Umusozo: Imbonezambanire no kwiubakamo ubushobozi: Igisubizo cy'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri mu bihe bya nyuma y'amakimbirane

Igitekerezo nyamukuru cy'iyi nyigisho ni ugutoza abanyeshuri umuco wo kwigirira icyizere no kwiubakamo imyumvire iboneye nk'urufatiro mu burezi rugamije guteza imbere imbonezambanire, kwimakaza umuco w'amahoro n'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri mu bihe byakurikiye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda. Ubushakashatsi bunyuranye bugaragaza ingingo z'ingenzi ubu buryo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire mu Rwanda yashingiyeho:

- yakinguye umwanya w'ubwisanzure ku banyeshuri n'abarimu babukoresha mu ishuri,
- ni igikoresho gitoza abanyeshuri n'abarimu umuco wa demokarasi no kugira uruhare mu mibanire,
- iteza imbere imyigire n'ireme mu myigishirize,
- ni igisubizo kiziye igihe mu burezi nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda cyane cyane mu gihe abantu bakirangwa n'ibikomere n'ubwoba mu bantu bwo kujora no kuvugira mu ruhame,
- iteza imbere umuco w'amahoro n'ubumwe mu mibanire y'abantu mu gihugu,
- itoza abarimu n'abanyeshuri umuco wo kumenya kwiyo bora, kwifata no gusohozza ishingano zabo uko bikwiriye no kwifatira ibyemezo bibareba,
- buteza imbere imbenezamibanire mu ishuri harimo gukangurira abanyeshuri n'abarimu kwiyumvamo ko ari ab'agaciro no kwigirira icyizere biganisha mu kongera inyigisho zifite ireme,
- itera umwete abanyeshuri mu myigire yabo bigatuma barushaho kunoza uburyo bw'imyigire yabo,
- ituma abanyeshuri bahabwa amakuru yose ya ngombwa ku myigire yabo bikabatera kwivugurura kugira ngo batsinde neza,
- itanga ku munyeshuri urubuga rusesuye rwo gukora mu ishuri. Imitekerereze n'imikorere inyuranye by'abanyeshuri bifatwa mu buryo buteza imbere imyigire.

Muri rusange, ibyavuzweho muri iki gitabo bigaragaza ko imyigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye ari umusanzu mu kubaka uburezi bushingiye ku munyeshuri.

2 Kwigisha ibijyanye n'imbenezamubano

*imyigishirize iha umunyeshuri kwiyumvamo ubushobozi
bw'imibanire iboneye n'uruhare rusesuye mu myigire ye*

Ni gute umuntu yatekereza ko imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye (PAP) yaba igisubizo ku bihe byakurikiye amakimbirane? Ese iyi myigishirize ikoresha ubuhe buryo n'izihe nzira?

2.1 Imyumvire y'abanyeshuri ku birebana n'inyigisho

Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye (PAP) ishingiye ku munyeshuri no ku guteza imbere imibanire iboneye. Ibi birasaba gushyira hamwe, gutegura no gutanga inyigisho zigomba kwigwa.

Gusobanura neza

Umurezi wabigize umwuga w'umudage witwa Hartmut v. Henting ni we wagize ati: *“Gusobanura neza ibintu ukabishyira ahagaragara bigira umusaruro mwinshi mu gukomeza abantu. Gusobanura neza ibintu, gukomeza abantu ni yo ntego nyamukuru y'iyi myigishirize”*.

Abanyeshuri baryohereye n'inyigisho igihe biyumvamo ko baza kugira uruhare rusesuye mu miyoborere y'isomo. Abanyeshuri bagira ipfunwe mu gihe batibona mu isomo haba mu miyoborere ndetse no mu kubona ibisubizo birivyemo. Ni yo mpamvu, uburyo bunoze bw'imyigishirize no gusobanura neza ibintu ari umusingi w'imyigishirize itera umunyeshuri umwete ikanamuha urubuga rusesuye mu myigire ye.

Ubunararibonye bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye

Mu rwego rwo gusobanura neza ibintu, abarimu basabwa, mu gihe cy'ama-hugurwa n'ikurikiranabikorwa, gushyira ahagaragara intego ya buri somo ku kibaho mbere y'uko isomo ritangira. Ibi rero biha abanyeshuri icyerekezo bashobora gukurikiza mu gihe cy'isomo. Mwarimu akeneye gusobanura icy-

igwa neza mu gihe isomo rigitangira. Abanyeshuri babikoresha nk'umurongo ngenderwaho mu isomo ukabarinda gutandukira. Kuri bombi, abanyeshuri n'abarimu, bibafasha kuguma mu murongo w'isomo nta gutandukira bitewe n'ibibazo byinshi by'abanyeshuri cyangwa se no kurangara.

Guhuza ubumenyi n'ibyo hanze

Ikintu gishya gishobora gusa kwigwa igihe isano hagati y'ikintu gishya hamwe n'ikintu cyari gisanzwe kiriho ishobora kubakwa. Kubaka isano rero ni kimwe mu ngorane zikomeye iyi myigishirize iha umunyeshuri umwanya usesuye mu myigire ye (PAP) ihura nazo:

- isano yakubakwa biciye mu kiganiro n'abantu. Bityo rero gukuza imibanire mu kwiga ni ikintu cy'ingenzi cyane.
- isano yakubakwa binyuze mu isubiramo ry'ibintu byizwe mu masomo y'ubushize.
- isano yakubakwa binyuze mu busabane bw'umunyeshuri n'ibidukikije.
- ingero zo gusabana n'ibidukikije k'umunyeshuri: kwita ku mpinduka zo muri politike, gukemura ibibazo by'imyemerere cyangwa se Iyobokamana, ibirebana no kwiga imyuga, akazi, ibirebana no gukora za porogaramu z'inyigisho, kwaka no gufata inguzanyo, ubuhinzi, ibikorwa by'amajyambere... Ibi byose bigira umumaro ku munyeshuri no mu kumvikanisha isomo.

Mu bihe bikurikira amakimbirane, isano y'abanyeshuri n'ibidukikije irangwano kuvuga ibintu bifitanye isano n'intambara kandi ntabwo byoroha kubaka isano hagati y'ibyo bihe n'umunyeshuri. Mu bihe nk'ibyo rero, kubana n'ibidukikije aba ari ngombwa cyane mu rwego rwo kurwanya ingaruka zo kwibuka n'izikomoka ku ihungabana. Kubana n'ibidukikije bisobanura guha abantu icyerekezo cyabafasha kwijyana mu bihe bya nyuma y'amakimbirane.

Ubunararibonye bukomoka ku myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye: Ubwumvane bukwiye

Ubwumvane bukwiye ni ngombwa cyane mu gutuma habaho imibanire ibonye hagati y'abantu. Mu Rwanda, ikinyarwanda ni ururimi kavukire kandi rukaba n'ururimi rukoresheye ku rwego rw'igihugu, mu gihe mu mashuri,

hakoreshwa indimi z'amahanga nk'Igifaransa n'Icyongereza. Niyo mpamvu rero kumenya kuvuga indimi zinyuranye zikoreshwa mu rwego rw'igihugu ari ikintu cy'ingenzi cyane kuko bikingura amahirwe mu guhanga, kubona no gukora akazi kandi bigatuma habaho impinduka ziboneye mu mbamutima n'imibanire hagati y'abantu.

Gukora wifashishije imfashanyigisho

Mu gihe cy'amahugurwa, gukoresha imfashanyigisho ku masomo atandukanye byagiye byitabwaho hagamijwe gutera abarimu umwete mu gushaka no gukoresha imfashanyigisho ubwabo. Mu mashuri yahuguwe kandi agashyira mu bikorwa uburyo bw'imyigishirize buha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi bukanamutera umwete mu myigire, abarimu bafatikanije n'abanyeshuri bashyira ku nkuta ibintu by'ingenzi umunyeshuri akwiye gufata mu mutwe (nk'ikarita y'isi ndetse n'ishusho y'igikanka cy'amagufwa byashushanyijwe ku nkuta z'amashuri) kugira ngo abanyeshuri bahore babireba.

Gushingira ku bumenyi busanzweho no ku ruhererekane rw'ibygwa

Mu bihe bya nyuma y'amakimbirane, usanga kenshi abanyeshuri batitabira kwiga ku buryo buhoraho. Usibye kandi no muri bene ibyo bihe, no mu bihe bisanzwe by'imyigishirize, ni ngombwa kwibanda ku guhuza ibigamijwe kwigishwa n'inyigisho zigishijwe. Iyo bidakozwe muri ubwo buryo, isano hagati y'ibygwa n'ibyzwe iratakara ndetse umuntu akaba atashobora gupima no kugenzura neza kujya mbere kw'imyigire y'abanyeshuri. Kubw'ibyo, ibibazo byo kutajya imbere no gutsindwa kw'abanyeshuri usanga kenshi na kenshi hari aho bihurira n'uko abanyeshuri baba batasobanukiwe n'isomo rishya biturutse mu kudasobanukirwa neza n'amasomo abanza.

Imyigishirize ishingiye ku munyeshuri ndetse n'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare, ikanamutera umwete mu myigire ye yita cyane cyane ku ruhererekane rw'ubumenyi buba busanzweho. Abarimu bafite inshingano ikomeye yo kuvumbura ibintu byose bibangamira imigendekere myiza mu kwigisha. Bafite kandi n'ishingano zo kureba ibyo umunyeshuri ukunze gusiba abura kugira ngo bashobore kuziba icyo cyuho.

Hashingiye kubunyaribonye bwa gahunda y'amahugurwa y'abarimu muri Kameruni yitwa DYFOP, ni ngombwa kwita ku ruhererekane rw'inyigisho. Ni

muri urwo rwego hakoze imbonerahamwe zigaragaza ibibazo mu masomo y'imibare n'ubumenyi kamere abanyeshuri bagomba gusubiza kugira ngo babone gutera intambwe zikurikira muri ayo masomo. Abarimu nabo barahuguwe hagamijwe kubongerera ubushobozi mu isuzuma kandi bahabwa imfashanyigisho ibashoboza gukurikirana buri munyeshuri mu rwego rwo gusuzuma ingorane abanyeshuri bahura nazo (Scheunpflug et al. 2011).

Gusobanukirwa ko ntawe umenya byose

Muri kino gihe, ubumenyi ni isoko ikomoka ku bantu benshi. Abanyeshuri bagomba kumenya ko:

- abantu aribo soko y'ubumenyi,
- kugeza uyu muni, ubumenyi bugenda buhererekanwa,
- ubumenyi ari isoko ikomeye cyane,
- kongera ubumenyi bisaba kubusangira n'abandi badafite icyo babiziho.

Mu burezi bushingiye ku munyeshuri hamwe n'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikanamutera umwete mu myigire ye, iterambere ry'ubumenyi risobanura kugira icyerekezo n'umyumvire biganisha ku kumva no gusobanukirwa ko kwiga, kugira ubwenge bisobanura gufasha abadafite icyo bazi. By'umwihariko mu bihe bikurikira amakimbirane aho ikigamijwe aba ari ukubaka inzego z'ubushobozi, ni ngombwa ko ubwo bushobozi bwubakwa bishingiye ku ubumenyi bukenewe kandi bugamije kurandura ubujiji. Kumva ko nta kamara mu kugira ubumenyi ubu n'ubu no gufata ingamba zijyanye no kwiyingura ubumenyi (urugero nko gukoresha ikoranabuhanga rigezweho) ni ingingo-shingiro z'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikanamutera umwete mu myigire ye n'uburezi bushingiye ku munyeshuri.

Mu buhamya, abarimu benshi batubwiye ukuntu imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikanamutera umwete mu myigire ye itahinduye gusa uburyo bigishagamo, ahubwo yanahinduye n'umyitwarire yabo. Mbere y'amahugurwa, benshi mu barimu baharaniraga kumenya no gushaka gusobanukirwa kurushaho inyigisho bagomba gutanga ndetse banashaka kumenya byinshi bagomba guha abanyeshuri bibwira ko ntacyo bazi. Hamwe n'ubu buryo bw'imyigishirize bumvise ko umwarimu atari kamara mu kumenya byose, ahubwo ko ari umufasha w'umunyeshuri muri gahunda yo kwiga. Bafatanije n'abanyeshuri babo, barebera hamwe uburyo bwatuma bagera ku ubumenyi

runaka bifuza, nk'urugero kuganira n'abaturage ubasanze aho batuye, kujya mu nzu y'ibitabo y'itorero ndetse no gukoresha ikoranabuhanga nka interineti.

Kongera ubushobozi

Uburezi ntibugamije gusa gutanga ubumenyi ahubwo bugomba no kwigisha uko ubumenyi bwizwe mu ishuri bwashyirwa mu bikorwa mu mibereho inyuranye no mu bihe binyuranye. Abanyeshuri bagahabwa ubushobozi bwo gushaka no kubona ibisubizo by'ibibazo bahura nabyo. Niyo mpamvu ubushobozi ari imbaraga abantu baba bifitemo zibafasha gukemura neza bimwe mu bibazo n'ingorane bahura na byo mu mibereho yabo (Artelt & Riecke-Baulecke 2004, p 27; Klieme 2004) bifashishije ubumenyi bafite mu bihe bitandukanye (reba Rychen & Salganik 2003, 2).

Kongerera abantu ubushobozi ni ikintu cy'ingenzi cyane kuko kwiga atari ugutanga ubumenyi gusa, ahubwo ni no gutanga ubushobozi-shingiro abantu bagenderaho mu gukemura ibibazo n'ingorane. Niyo mpamvu abanyeshuri bagomba gukangurirwa kugira uruhare ubwabo mu gushakira ibisubizo ibibazo bahura nabyo. Ibi bisaba rero ko uburyo abanyeshuri basanzwe bakoreramo bukwiriye guhinduka. Ni ngombwa guhindura akamenyeroye ko gutanga imyitozo gusa mu ishuri, ahubwo abanyeshuri bagakora imyitozo kandi bakanatekereza uko bashyira mu bikorwa ibyo bize mu buzima bwabo bwa buri muni. Abanyeshuri bagahinduka ishingiro ry'ibikorwa by'uburezi mu ishuri kandi hakabaho no guhindura amasomo akajyana n'izo mpinduka. Ni ngombwa kandi ko habaho impinduka mu myumvire ku makosa akorwa mu ishuri n'uburyo bw'imyitwarire igamije kuyakemura. Mu kwigisha abanyeshuri, amakosa akabonwa nk'ikintu gisanzwe kandi cy'ingenzi cyatuma abanyeshuri barushaho kwikosora, gufata ingambahagamijwe gutera intambwe mu myigire yabo.

Kwita ku iterambere rirambye

Uburyo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye bwita ku buryo bw'umwihariko kuri ejo hazaza h'umunyeshuri. Ni ukuvuza ko ubu buryo bw'imyigishirize bwinjira muri gahunda y'uburezi bugamije iterambere rirambye. Iterambere rizana ibisubizo ku bibazo by'uho muni kandi

ridatariye n'ubushobozi bw'abantu bejo hazaza mu gukemura ibibazo byabo (reba Brundtland World Commission 1987, 24).

Iterambere rirambye rigaragara nk'ikibazo mu nzego nyinshi z'ubuzima muri sosiyeti. Iterambere rirambye rigamije guteza imbere uburyo bwuzuye, bunoze kandi bushinze imizi mu bice binyuranye bya politiki ishinze kurengera ibidukikije n'iterambere hagamijwe gukumira ibibazo n'ingorane biriho uyu muni n'ibizaza muri sosiyeti mpuzamahanga (reba Agenda 21, 1992, 1).

Mu buryo bwihariye, ni ngombwa kwita ku byo urubiruko rugitera imbere uyu muni rusaba. Mu guteza imbere sosiyeti mu buryo burambye bisaba ko intego zijyanye n'iterambere rirambye ziganirwaho, zigasangirwa na benshi kandi zigashyigikirwa n' abaturage benshi. Uburezi bugamije iterambere rirambye ntabwo ari imyumvire idasobanutse ahubwo ni ibitekerezo bishingiye ku myumvire ishobora kuganirwaho, gushyigikirwa no kwakirwa kugira ngo igendane n'ibidukikije, ubukungu n'umuco. Iterambere rirambye rishingiye kandi k'ubufatanye n'ubwuzuzanye bw'abenegihugu bose. Ni muri urwo rwego iterambere rirambye rigomba gukorwa hashingiwe k'uburyo butuma buri wese abigiramo uruhare rusesuye. Kubw'ibyo, indangagaciro zubaka ubushobozi mbenezamubano zigomba kumvwa no gufatwa nk'intango ya ngombwa y'uburezi bugamije iterambere rirambye. Ubushakashatsi bwagaragaje ko uburezi bugamije iterambere rirambye ari ingenzi cyane mu guteza imbere imyigishirize mbenezamubano n'imyigishirize isangiwe (Rode 2005; De Haan 2010).

2.2 Uburyo bugamije gukangura ubwenge

Gukangura abanyeshuri mu ishuri ni urufunguzo rw'ibanze mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye ikamutera umwete mu myigire. Bishobora kugerwaho mu buryo butatu mu itangwa ry'isomo:

- *Mu itangira ry'isomo*: ibitekerezo, ubumenyi bw'ibanze ndetse n'imyitwarire y'abanyeshuri bishobora gukusanywa mu gice twita "gukangura" uko abanyeshuri basanisha isomo n'inararibonye banyuzemo, barushaho kugira umwete, bakivumburira, kandi bakanakoresha itumanaho ryabo mu isomo bityo bakarushaho gukingura ubwenge bwabo. Uburyo bwishyamba bw'imyigishirize bushobora gukoreshwa. Urugero nko gushyira hamwe ibitekerezo

mu buryo bwihuse, gukoresha amashusho n'amakarita atuma abanyeshuri batekereza, bagatanga ibitekerezo byabo kandi bakanabisobanura.

- *Mu gice cya kabiri:* abanyeshuri bavuga ku isomo ndetse bakanariha izina. Abanyeshuri bagerageza gusesengura ibibazo n'ingorane ziboneka mu isomo, bakanasesengura impamvu n'inkomoko zazo bityo bagashakira hamwe umuti. Muri kino gice, ubushakashatsi, isesengura ry'inyigisho, ibazwa risiganuza mu buryo bwa gihanga, kuja impaka, gutegura ibyapa n'amatangazo yo ku nkuta, gukina amagambo y'amagorane, ni iby'agaciro kanini cyane. Ibi byose bivuzwe ntabwo bishyigikira gusa intego iba ishaka kugerwaho, ahubwo bishyigikira uburyo bukoreshwa n'umunyeshuri mu myigire ye, mu mibanire no mu iterambere rye.
- *Mu gice cya gatatu:* hibandwa ku kwibaza ku kamaro k'isomo no kureba uko ibyizwe byashyirwa mu bikorwa mu buzima no mu mibereho isanzwe. Abanyeshuri bagerageza gutanga ibitekerezo byabo bigaragaza aho ibyizwe byashyirwa mu bikorwa n'uburyo byakorwamo. Muri icyo gihe, hakore-shwa uburyo bwo kuja impaka, ibiganiro byo kumva no kuganira mu gihe abanyeshuri bahawe inshingano zituma bafata ibyemezo runaka. Ibi bituma ubushobozi n'ubushake bw'abanyeshuri mu kugira uruhare mu bikorwa ibi n'ibi burushaho gutera imbere. Gusobanura kandi ibyo bagezeho bishobora gutuma habaho kwibaza ibindi bibazo no gutekereza ku zindi ngorane mu gihe zigaragaye. Muri icyo gihe ni byiza kugira umuco wo guhanga mu by'inyigishirize kugira ngo imyigishirize ishingiyeye kuri mwarimu, aho yirirwa avuga wenyine ari imbere y'abanyeshuri, isimbuzwe imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri, aho buri munyeshuri agira uruhare rugaragira mu myigire ye.

Ubunararibonye bwa PAP: Uburyo buvuguruye bwo gutunganya, gutegura no gutanga isomo

Isomo rigizwe n'uruhererekane rw'uduce twinshi kandi tugenda twuzuzanya. Isomo ryiza rikeneye kubakira ku byagezweho mu gihe gishize, ariko ni ngombwa nanone ko rizana ibishyashya kandi binafasha mu mitegurire y'amasomo azaza.

Mu itegurwa ry'isomo, umwarimu agomba gukurikiza ibice bikurikirana: ibigamijwe kwigishwa mu mwaka, mu gihembwe, mu cyumweru, ndetse na buri muni; impapuro zitegurirwaho amasomo zigabanyije ku buryo habonekamo: isubiramo, intangiriro, isomo ubwaryo, n'ishyirwamubikorwa ry'isomo. Isomo rinoze rigomba kuba ryubatswe mu buryo bwiza. Ibyo rero bisaba ubushobozi bwo guhanga no kubaka isomo. Ibyo bigaragarira mu gutunganya neza ibyerekeye n'ubumenyi no gutegura imbamutima z'umuntu.

Mu myigishirize ya kera, abarimu bakurikizaga buri gice uko cyakabaye, gahunda z'amasomo nk'uko zateguwe n'ubuyobozi. Mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye ikanamutera umwete mu myigire ye, isomo ni kimwe mu bigize icyigisho kandi icyigisho nacyo kikaba kimwe mu bigize gahunda yateguwe, ibyo bigakora mu buryo bufatika kandi bwuzuzanya. Ivumburamatsiko muri gahunda y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye rigaragara mu mitegurire y'isomo no mu mitangire yaryo.

Ubuhamya bwa Ugrashebuja Gérard: Urugero rw'ubushakashatsi

Igihe abanyeshuri barimo kwiga amateka y'Ubufaransa, haje kuza mu isomo izina rya Napoléon abanyeshuri ntabwo bari bazi uwo ari we. Njye nka mwarimu, natanze umukoro nsaba abanyeshuri ko bageze iwabo mu rugo babaririza Napolewo uwo ari we. Umunsi wakurikiyeho abanyeshuri baraje maze bavuga ko Napolewo yari umusirikare w'umujenerali warwanye mu ntambara. Ibi byabateye umwete cyane ku byo bavumbuye, maze bumva ko isomo barigizemo uruhare.

Ubuhamya bwa Musabyemariya Félicitée: Uruhare rwa PAP mu kwita ku ngeri zitandukanye z'abanyeshuri

Musoni, umugabo w'imyaka 38, yari yaravuye mu ishuri hari hashyize igihe kinini. Nyuma yo kumva politiki y'uburezi ihamagarira buri wese kwiga, Musoni yaje gusaba gusubira mu ishuri ribanza aremererwa ashyirwa mu ishuri ariga arangiza amashuri abanza. Turashima uburyo bw'imyigishirize bwa PAP kuko bwatumye Musoni ashobora kwiyumva nk'umunyeshuri mu bandi kandi yari afite imyaka myinshi ugereranije n'abanyeshuri biganaga. Mu ntangiriro ntabwo byari byoroshye kubera ko abanyeshuri bafite imyaka mike kuri we baramusekaga. Buhoro buhoro, Musoni yaje kuba rwose umwe mubagize ishuri kandi n'abanyeshuri nabo bamwiyumvamo biturutse ku myigishirize ishingiyeye ku guha buri wese uruhare bigatuma bose basabana.

Kimwe na Musoni, abantu benshi cyane cyane urubiruko bashoboye gusubira mu ishuri kugira ngo barangize amashuri yabo. Muri rusange twashoboye kwakira abagera kuri 7. Bamwe bari imfubyi, abandi baracikije amashuri yabo kubera impamvu zinyuranye zituruka mu miryango yabo cyangwa se no kuva mu ishuri kubera gukubitwa. Imikoreshereze ya PAP izana umwuka mwiza mu mikorere no mu mibanire mu ishuri aho usanga abanyeshuri bafite ubushake n'umwete mu kwiga. PAP yatumye imitsindire y'abanyeshuri irushaho gutera imbere mu karere kandi mu banyeshuri bagenda batsinda harimo na bamwe mu bari baravuye mu ishuri kubera impamvu zinyuranye.

Ubuhamya bwa Mukandori Marlène: Guhitamo gukoresha uburyo bw'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri mu mwanya w'imyigishirize ishingiyeye kuri mwarimu

Mbere y'amahugurwa muri PAP, nakoreshaga uburyo bw'imyigishirize bushingiyeye ku mwarimu. Mu ishuri ryanjye mu mwaka wa 4 mu mashuri abanza nasobanuraga gusa isomo abanyeshuri bagombaga kumva, gusoma no kwandika ibyo mbabwiye. Abanyeshuri ntabwo bagiraga uruhare mu isomo kandi ibyo bageragaho ntabwo byabaga binashimishije. Benshi mu banyeshuri baratsindwaga mu bizamini byo mu ishuri.

Mu gukoresha uburyo bwa PAP, ntabwo umuntu yita ku munyeshuri umwe ku giti cy'e gusa, ahubwo umwarimu yibanda ku gufatanya. Mbabwira isomo tugiye kwiga, nyuma nkabaha ibyo gukora bifashishije imfashanyigisho ziba zateguwe mbere yo kwigisha. Mbaha amabwiriza asobanura ibyo bagomba gukora hanyuma bagakorera mu matsinda yabo. Buri tsinda rikorana umurava kugira ngo rishobore kugera ku bisubizo byiza. Ubu buryo bwo gukorera hamwe mu matsinda butuma abanyeshuri bashobora kumva ibitekerezo bya bagenzi babo, kubahana no koroherana. Gukorera hamwe kandi bizana umwuka mwiza mu mikorere no mu mibanire hagati yabo bityo abanyeshuri benshi bagakunda ishuri kandi bakanakunda kwiga. Ubu mfite ishuri ridaheza kandi ryita kuri buri wese.

Nyuma nahinduye ishuri njya kwigisha ku kigo gishyashya aho PAP itari yakamenyekanye. Aho bakoreshaga uburyo bwa kera bw'imyigishirize ishingiyeye ku mwarimu kandi ituma habaho uburakari, itoteza, gutsindwa, kudateza imbere imikorere ituma abanyeshuri bahanga kandi bakagira ibyo bikorera ubwabo ntawe ubabwirije. Natangiye kwigisha nkoresha uburyo bushyashya bushingiyeye ku guha umwana uruhare rusesuye mu myigire maze abanyeshuri bagenda batinyuka, bakinguka, bavuga, batanga ibitekerezo mu ishuri kandi batera imbere mu myigire yabo. Abanyeshuri bakunda cyane uburyo nkoresha mu kubigisha kandi bakanabiratira abandi banyeshuri. Abanyeshuri biga neza kandi bagatsinda neza. Nizeye ko, mu mpera z'umwaka w'amashuri, abanyeshuri banjye bose bazatsinda bakimukira mu mwaka wisumbuyeho.

2.3 Imicungire y'ishuri ishingiyeye ku kongerera abanyeshuri ubushobozi no kugabanya ibihano hagambiriwe kwemerwa

Kongerera abanyeshuri ubushobozi no kwemerwa

Icyubahiro cy'umuntu gituruka ku kwemerwa n'abandi. Imyigishirize isangiye iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu myigire ye

ijyana ku kwemerwa kw'abantu n'abandi. Kwemerwa byumvwa nk'imyitwarire yo kubaha abandi mu byifuzo, ibitekerezo ndetse n'ibyo bagamije. Umwanditsi witwa Axel Honneth yaravuze ati: *“Kwemerwa ni intandaro y'icyerekezo cy'agaciro ku muntu ku giti cye. Intambara yo kwemerwa yerekana uko umwe yitwara mu gukemura amakimbarane y'imibanire”* (Honneth 1995).

Kwerekana abanyeshuri icyubahiro bibakura mu ntambara yo guharanira kwemerwa maze bagafungura amaso bagana ku iterambere. Bigabanya imitekerekereze idakwiye kandi ubu buryo ni bwo bukenerwa nyuma y'ibihe by'amakimbarane kandi ntabwo biba byoroshye kubigeraho. Kwemerwa umuntu bigaragarira mu mibanire ye n'abandi kandi birangwa ahanini no kumva abandi kandi ukabareka bagatanga ibitekerezo byabo, kumva ibitekerezo by'abandi ndetse n'ibyifuzo byabo, kubona ikintu uhariye mu bitekerezon'ibyumviro by'abandi, kwihangana no kwigirira icyizere mu kumva ko umuntu yumva abandi neza, agatanga igihe cye kandi akagira n'amakuru ahagije.

Mu buryo rusange, imibanire hagati y'abanyeshuri n'abarimu igomba gushingira ku kwemerana nk'ipfundo ry'agaciro ku bantu bose. Kwemerana kandi bisaba guha buri wese agaciro akwiriye harimo no gufata abanyeshuri nk'abantu biga kandi bagomba guhabwa agaciro bakwiye. Kwemerana no kubahana bigaragarira cyane cyane mu buryo abanyeshuri bafata igihe n'umwanya wo gutege amatwi abandi, bakabareka bagatanga ibitekerezo byabo mu bwihangane no mu bwizerane, mu gusangira nabo ibitekerezo n'imbamutima zabo. Ni yo mpamvu rero kwemerwa ari uburenganzira buri wese ashobora gukoresha kandi na we akabugenera abandi.

Ubuhamya bwa Nyirabazamanza Capitolina: Kwita ku banyeshuri

Mbere yo kubona amahugurwa y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire mu mwaka wa 1999, ntabwo nashoboraga gufata umwanya nita ku banyeshuri b'intenge nke ahubwo najyanaga n'abashoboye gusa. Nyuma y'amahugurwa natangiye gufasha abanyeshuri bafite intege nke kongera ubumenyi kandi nasanze nanjye nari mbifitemo uruhare runini kuko nababonaga gusa nk'abanyantegenke sintume bagaragaza ibyo bashoboye.

Mu mwaka wa 2004, umukobwa wavuye mu rindi shuri nari mbangikanye na ryo yaje gusibira mu mwaka wa 6 mu ishuri ryanjye. Abarimu bamwigishije banyumvishije ukuntu yavuye mu ishuri akajya mu busambanyi. Nabanje kubitekerezaho mbona ko n'ubwo yataye igihe ariko ko ngomba kumwitaho. Namwitayeho bihagije maze nkajya musaba gutanga ibisubizo by'itsinda ryabo imbere y'abandi maze mwubakamo icyizere. Umwana w'umukobwa yagize imbaraga cyane kandi yigirira icyizere, ubwoba yari afite ndetse no guta umurongo byose bivaho,

umwaka urangiye umwana yabaye uwa 3 mu banyeshuri 36. Nyuma kandi yatsinze n'ikizamini cya Leta maze ajya mu mashuri yisumbuye. Abarimu bamwigishaga mbere yanjye ndetse n'ababyeyi be baje ku ishuri atari ukuza kunshimira gusa ahubwo baje no kureba ubwo buryo bushyashya bw'imyigishirize butuma abanyeshuri bakora ibitangaza.

Ubuhamya bwa Uwabaganwa Césarie: PAP yashimangiye imibanire

Umwe mu banyeshuri banjye mu mwaka wa 6 yapfushije se. Bamwe mu banyeshuri n'abarimu bagiye gushyingura. Umunsi ukurikiyeho, uyoboye abanyeshuri yahamagaye bagenzi be maze ababwira ikibazo cya mugenzi wa bo. Biyemeje gukusanya amafaranga ngo bajye kumusura. Buri munyeshuri yatanze akurikije ubushobozi bwe. Igihe abanyeshuri begeranyaga amafaranga, wa wundi ubayoboye yaje kumbwira ko nanjye nabafasha, maze nanjye mbwira abarimu bagenzi banjye, nyuma y'icyumweru twari tumaze kugeza amafaranga ibihumbi 6000frw. Hatoranijwe abanyeshuri bahagarariye abandi nanjye njyana nabo, byari bitunguranye cyane ariko kandi byari byiza, kuko umunyeshuri wagize ibyago n'umubyeyi we barishimye tubagezeho.

Kureka burundu igihano cyo gukubita

Imyigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare rusesuye imutera umwete mu myigire ye kandi umunyeshuri akaba ishingiro ry'igikorwa cyo kwigisha. Iyi myigishirize yerekana uko umuntu yakwifata mu ishuri akaba inshuti y'abana aho kubahutaza, iharanira gukuraho rwose igihano cyo gukubita. By'umwiheriko nyuma gato ya Jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda ntiwashoboraga gutekereza ko inkoni yacika mu ishuri. Nk'uko byavuzwe haruguru, ishuri ryatangaga urugero rubi ku birebana n'imibanire no guhura kw'abantu kuko ishuri ryemeraga igihano cyo gukubita. Ariko nubwo igihano cy'inkoni cyavuyeho burundu nk'uko biri mu Rwanda, hari bamwe mu barimu barerewe muri uwo muco mubi batari bareka gukubita abana. Kwemerwa rero byerekana ko abanyeshuri ubwabo bagaragaza ubunyangamugayo batarinze gukubitwa kandi bigasaba ko kubahiriza uburenganzira bwa muntu bihabwa agaciro no mu mashuri.

Ubuhamya bwa Mukandoli Marlène: Nta gihano cyo gukubita kizongera kubaho

Mu myaka namaze nigisha nakundaga gutera ubwoba abanyeshuri banjye, mbaha amabwiriza akomeye ndetse n'inkoni bikajyana kugira ngo nkosore imyitwarire yabo. Ntibyari binshimishije ariko sinarinzi ubundi buryo nakoresha butandukanye n'ubwo. Natekerezaga ko ari uko ngomba gukora. Nyuma y'amahugurwa, natangiye guhindura buhoro buhoro uburyo bwo kwigisha. Natangiye gukoresha uburyo bwo kuganira n'abanyeshuri, kandi byampaye n'uburyo bwo gutegura amasomo yanjye neza. Ibi kandi byatanze umusaruro mwiza. Ingero:

- nagiranye ubumwe n'abanyeshuri,
- gusiba kw'abanyeshuri kuragabanuka,
- guta ishuri nabyo byaragabanutse,
- ishuri rirushaho kugira umunezero,
- uburyo bwo gusabana n'imikorere biba byiza cyane.

Ubuhamya bwa Mutuyeyezu Théophile: Ihohoterwa ryatumaga abanyeshuri bata ishuri

Guta ishuri kw'abana byari bikabije mu myaka abana bigagamo. Nk'umuyobozi w'ishuri nabajije abanyeshuri byarebaga ndetse n'ababyeyi. Benshi bambwiye ko byaterwaga no gutinya inkoni. Nubwo rero igihano cyo gukubita abanyeshuri cyaciye ariko hari aho bikiri. Nyuma y'amahugurwa ya PAP, nagiye nsobanurira abarimu ko igihano cyo gukubita bakireka, bigenda bicika buhoro buhoro noneho abarimu batangiye kuja baganiriza abanyeshuri kandi byatanze umusaruro.

Uburyo bwo kugenzura niba abanyeshuri bumvise isomo

Muri gahunda y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu myigire (PAP) habamo no kugenzura uko abanyeshuri bumvise. Hari uburyo bune kandi bwuzuzanya (reba Scheunpflug et al. 2012, 53–55):

- 1) Uburyo bwo kubaza bujyana no gutanga ibibazo n'ibisubizo byanditswe. Ibi bishobora gukorwa n'ikigo cyose cyangwa ishuri. Ibibazo byibanda cyane cyane ku ubusabane bugaragara hagati ya mwarimu n'abanyeshuri; ku ireme rigaragara mu mitangire y'amasomo n'ikigero mu mitsindire y'abanyeshuri; k'umwuka w'imibanire uranga ishuri; ku kigero cy'abanyeshuri mu kumva

no gusobanukirwa isomo; k'ubushake, umurava n'ibyishimo bigaragazwa n'abanyeshuri mu gukurikira isomo.

- 2) Uburyo bwo kubaza ibibazo byumvikana kandi bisaba ibisubizo byanditse kandi byagutse. Muri ubu buryo umunyeshuri asubiza uko abyumva. Ubu buryo bwo kubaza bukoreshwa kenshi na kenshi mu mashuri amenyereye gukusanya no kwakira ibitekerezo by'abanyeshuri. Abanyeshuri bashobora kwandika ibitekerezo byabo mu gushaka icyateza imbere umwuka mwiza mu ishuri. Abanyeshuri bashobora gukoresha kandi uburyo bwo kwandikira mwarimu amabaruwa bamubwira ibyo bakunda, ibyo badakunda n'ibyo bifuza ko byakosorwa mu ishuri.
- 3) Uburyo bushingiye ku bibazo bisaba ibisubizo bigufi bitangwa mu magambo. Ubu buryo bushingira ku bibazo byumvikana neza kandi bifite ijyana. Ibi bibazo bitangwa na mwarimu cyangwa se akabikora afatikanije n'abanyeshuri mu matsinda. Ibi bibazo bishobora gushingira ku byigwa, ku myitwarire mu ishuri, ku cyigisho cy'uwo munsu, ku masaha yo gukorera hamwe mu matsinda,...Abanyeshuri bashobora no gutanga ibisubizo ku bibazo babajijwe bijyanye n'icyigisho bahawe bakoreye hamwe mu matsinda.
- 4) Uburyo bwo kubaza ibibazo byaguye bisaba ibisubizo byaguye bitangwa mu magambo. Ubu buryo busaba kubaka icyizere mu ishuri no kwimenyereza ikusanya ry'ibitekerezo byubaka. Mu gusubiza bisaba ko abanyeshuri batanga ibisubizo byagutse kandi byubatswe neza. Ni ngombwa kwita cyane ku myumvire yihariye y'umunyeshuri no gutega amatwi buri wese.

Inama zakurikizwa mu kugenzura niba abanyeshuri bumvise isomo no kwakira ibitekerezo byabo (reba Scheunpflug et al. 2012, 54):

- Ni byiza ko umunyeshuri usabye ijamba avuga ku giti cye, agatanga ibitekerezo bye akoresheje "jyewe"
- Ni byiza gusobanura nta guca imanza: Kwirinda imvugo nk'iyi "Ibi ntumwabikoze neza" ahubwo hakoreshwa nk'iyi mvugo: "Ntabwo numva neza iki gice cy'ibyo wanditse".
- Gusobanura ibitekerezo utanga wifashishije impamvu n'ingeri bifatika: "Ndabona ibintu muri ubu buryo kubera..."
- Gutangira utanga ibitekerezo byawe uhagaze ku bintu byiza.
- Guharanira kurasa ku ntego.
- Gusobanura ingaruka.
- Mu gihe bishoboka ni ngombwa kujya impaka ku cyakorwa kugira ngo ibikorwa bitere imbere kandi inshingano zuzuzwe neza.

Gukorera mu mucyo

Ni ngombwa ko abanyeshuri bagira imyumvire iboneye ku birebana n'ibyo bagomba kugeraho. Ni byiza kumanika mu ishuri ahagaragara urutonde rw'ibyo basabwa kugeraho kugira ngo bibabere intego. Umwarimu nawe agahora yibutsa umunyeshuri ku giti cye ibyo amaze kugeraho hakurikijwe ibyo asabwa. Umwarimu akwiye kandi gushingira imikosorere ye ku ngingo zifatika kandi zisobanutse. Mu gihe umunyeshuri ku giti cye atashyitse ku rugero rushimishije ni ngombwa ko asobanurirwa impamvu kugira ngo bimufashe kwikosora (reba Scheunpflug et al. 2012, 55)

Gushoboza umunyeshuri gutekereza ubwe

Mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye, guha umunyeshuri umwanya agatanga ubwe ibitekerezo bye bisobanura ko abanyeshuri ubwabo biga gutekereza no guhana ibitekerezo ubwabo ku myitwarire yabo no ku iterambere mu myigire yabo. Ni ngombwa ko kwiga bikura abantu mu muco wo kuba nyamujya iyo bijya ahubwo bagaharanira ubwisanzure bwabo mu myigire. Abanyeshuri bagomba kwiga uko batera imbere bakagere ubwabo ku ntego zabo zijyana no kwiga. Bakeneye kwiga uko batanga ibitekerezo byabo bityo bikabafasha guteza imbere ishusho y'imyumvire n'imeyerere yabo. Kugira ngo umunyeshuri abigereho, ni ngombwa ko atozwa kugira umuco uhoraho wo kwigenzura ubwe areba niba intego yihaye agenda azigeraho bikamufasha kwikosora no gutera izindi ntambwe mu myigire ye.

2.4 Guhuza ibi bice bitandukanye nk'ikintu kimwe kandi muri gahunda y'ibihe runaka

Imyigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye isobanura icyigisho, uburyo n'inzira. Ibi uko ari bitatu biruzuzanya mu miyoborere y'ishuri kandi bikenewe guhuzwa ku buryo abanyeshuri baba ishingiro ry'ibikorwa. Ntabwo kenshi na kenshi bishoboka gushyira mu bikorwa ibi byombi uko ari bitatu mu gihe kimwe. Niyo mpamvu, biba byiza kwita ku buryo bwihariye ku ngingo imwe imwe mu gihe cyo gushyira mu bikorwa.

Intego za PAP muRwanda

Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye (PAP) ni gahunda igamije guteza imbere ubwumvane bunoze. Iyi gahunda y'imyigishirize igamije kandi gushimangira ihame ryo kwiyumvamo no kwiubakamo ubushobozi haba mu barimu ndetse n'abanyeshuri, no guteza imbere imibanire no kubaka amahoro muri sosiyeti. Muri iyi gahunda, abarimu basabwa kurushaho gukurikirana no kumenya ibyo abanyeshuri bakeneye mu mibereho ndetse no kubaha umwanya usesuye kugirango babashe kwihesha agaciro no kwiubakamo icyizere.

Byongeye kandi, iyi myigishirize igamije kuzana umwuka mwiza w'imibanire hagati y'abanyeshuri bituma imyigire yabo iba myiza maze uruhare rw'umunyeshuri rukaba runini, mwarimu akaba umujyanama. Muri iki gikorwa kandi umuyobozi w'ishuri ndetse n'ababyeyi bagomba kugaragaza uruhare rwabo. Ubu buryo kandi bugamije kuzana umwuka w'ubufatanye mu kwiga hagati y'ishuri n'ababyeyi mu buryo bwo guteza imbere uruhare rwa buri wese mu burezi bw'abana babo no mu gukemura ibibazo ishuri rihura nabyo: guhotera abana, icyorezo cya SIDA, ubumwe n'ubwiyunge bucumbagira n'ibindi.

Intego nyamukuru ya gahunda y'imyigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye ni uguteza imbere ireme ry'uburezi. Ibi bigakorwa bishingiye:

- a) ku kongera ubushobozi bw'abarimu n'abandi bakora mu burezi kugira ngo bashobore gusohoka uko bikwiriye inshingano zabo
- b) ku guhindura imikorere n'imyitwarire y'abarimu n'abanyeshuri kugira ngo barushaho kugira imyifatire n'imyitwarire iteza imbere indangagaciro za muntu. Ni ukuvuga:
 - Ubusabane n'ubufatanye hagati y'abarimu ubwabo, hagati y'abarimu n'abanyeshuri no hagati y'abanyeshuri ubwabo,
 - Ubusabane bukwiriye bushimangira umuco mwiza wo guteza amatwi no kumva abandi,
 - Umwuka mwiza urangwa n'ubusabane n'imikorere n'imikoranire myiza ku ishuri,
 - Kubaha buri wese nk'ikiremwa muntu no kubaha uburenganzira n'ibitekerezo bya buri wese,
 - Guteza imbere umuco w'ubufatanye mu mikorere n'imikoranire hagati y'abarimu,

2 Kwigisha ibijyanye n'imbenezamubano

- Guteza imbere umuco wo gukora no kurangiza uko bikwiye inshingano buri wese ashinzwe no gukorana ubushake mu gushaka ibisubizo by'ibibazo bihari,
- Guteza imbere umuco w'ubushakashatsi bugamije umurimo unoze kandi ufite iremenyibindi.

3 Ishyirwa mu bikorwa ry'ubushobozi mbonezamibanire

3.1 Amahugurwa ya mwarimu

Impinduka mu nshingano za mwarimu

Gushyira umutima ku ngengamibanire kugira ngo igere mu ishuri, bizana impinduka ku ruhare rwa kera rwa mwarimu: Aho kugira ngo mwarimu abe umenya byose kandi utanga ubumenyi wenyine, ahubwo aba umufasha n'umuhuzabikorwa mu myigire y'abanyeshuri. Imyumvire yo kumva ko mwarimu ari utanga ubwenge gusa ndetse akaba umwigisha byasimbuwe n'uko mwarimu aba umujyanama, umuhuzabikorwa n'umuyobozi.

Uburyo bwo kwigira mu matsinda, guhana ibitekerezo, kugenzura uko imirimo ikorwa, kwandika imyandiko, kwandika ku mpapuro zo gushyira ku nkuta, bisaba rwose ko mwarimu ahinduka akareka uburyo bw'imikorere ya kera. Kubaza abana ibibazo bafite no kubatega amatwi bigaragaza ko uruhare rwa mwarimu rwahindutse. Kugirango mwarimu areke abanyeshuri bajye impaka bagaragaze ibyavuye mu bushakashatsi bwabo, akwiye kubaha urubuga.

Umurimo wa mbere wa mwarimu ni ugutunganya neza uburyo bwo kwiga buhesha abanyeshuri kwiga bisanzuye. Abarimu rero bakwiye guteza imbere imbaraga z'abanyeshuri bafite bakiyumvamo ubushobozi bwo kwiyobora mu nyigisho zabo aho kugirango mwarimu abahagarikire nk'umusirikare. Abarimu bagira umumaro wo gutanga urugero ku myifatire yabo niba koko bubaha umurimo wabo.

Ubuhamya bwa Ndimubanzi Jean Bosco, umwarimu w'icyongereza mu ishuri ryisumbuye, ku birebana n'impinduka mu myitwarire ye

Mbere yo guhugurwa, nateguraga amasomo yanjye nta kwita ku mwana abanyeshuri bafite mu isomo. Nibonaga ku giti cyanjye nk'isoko y'ubumenyi. Nabigishaga ntitaye ku kumenya ko bankurikira mu isomo. Nyuma y'amahugurwa, nahinduye imyumvire n'imyitwarire byanjye. Sinongeye kwibagirwa ko abanyeshuri bahari kandi ko na bo ari abantu bafite icyo bamara mu mitegurire y'isomo no mu gihe cyo kwigisha. Ubu abanyeshuri usanga bampa ingero zifatika kandi zisobanutse. Ibi ni byo bituma batsinda kuko bagira uruhare mu kwiga.

Muri make, ubu nzi gutegura amasomo ngendeye ku byifuzo n'ibitekerezo by'abanyeshuri batanga mu gihe bakora mu matsinda. Ntabwo nkiri umwarimu ushinze gutanga ubumenyi gusa, ahubwo ndi umufasha uyobora abanyeshuri mu myigire yabo ubwabo. Mbafasha mu gukora incamake y'ibitekerezo byabo (ibyo bagezeho mu matsinda). Abanyeshuri banjye barushaho gutsinda mu bizamini kubera ko bagira uruhare mu kwiga kwabo.

Akamaro k'amahugurwa y'abarimu

Amahugurwa y'abarimu yagiye agira akamaro mu guhindura imyumvire ya kera y'abarimu ishingiyeye k'uruhare rwa mwarimu mu kwigisha. Abarimu bafashwa gusobanukirwa ko, nyuma y'amakimbarane, imyigishirize idakwiye gukomeza mu buryo busanzwe; ko ari ngombwa guhindura uburyo bw'imyigishirize hakabaho gukoresha uburyo bwongerera umunyeshuri ubushobozi haba mu bumenyi no mu mibanire ye n'abandi. Muri aya mahugurwa abarimu bahabwa ubumenyi bujyanye n'imyigishirize inyuranye. Abarimu ni bo mbere na mbere bakura inyungu muri aya mahugurwa y'imyigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu myigire.

Abanyeshuri na bo ubwabo babifitemo inyungu mu gihe babona impinduka nziza mu myigishirize y'abarimu babo no mu buzima bw'ishuri. Amahugurwa kandi afite umumaro mu matorero y'abaporotesitanti kuko afite uburezi mu nshingano zayo kandi amashuri menshi yahuguwe akaba ari ay'amatorero. Ababyeyi b'abanyeshuri na sosiyeti muri rusange bagerwaho n'inyungu z'aya mahugurwa mu gihe mu mashuri hagaragaramo umuco w'amahoro na demokarasi bikomoka ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyigishirize isesuye iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu kwiga.

Abarimu benshi batanze ubuhamya bugaragaza akamaro k'imyigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare kandi ikamutera umwete mu myigire mu kwita ku miryango yabo, mu gukumira no gukemura amakimbarane mu buryo bwubaka.

Ubuhamya bwa Mukantabana Immaculée: PAP yazanye impinduka mu muryango

Umwana wanjye yakundaga gutaha mu rugo yakerewe nubwo nari narabimubujije. Igihe nabaga ngiye kumukingurira nabaga narakaye cyane, mubaza ikibazo kimwe ngo wari urihe iki gihe? Wumva nzajya mpora ndara ijoro ngutegereje?

Mba niriwe nkora mba nkeneye kuruhuka. Ariko ntakigeze gihinduka ku mwana. Umwana yumvaga atotezwa. Amakimbirane yagumye kwiyongera ku mpande zombi.

Mpereye ku mahugurwa ya PAP, natangiye gutekereza cyane kuri iki kibazo, maze ntigira gukoresha uburyo bwo kuganira aho gutongana. Naramuganirizaga nkamubwira ingorane yahura nazo akomeje gutaha ijoro kandi nkamwereka n'uburyo bintera agahinda. Namubwiraga ko amabandi ashobora kumugirira nabi kandi ko twabimenya dutinze. Buhoro buhoro umwana yagiye ahindura imyitwarire, akambwira igihe ari butahire, ndetse akambwira n'aho araba ari, bityo tukajya inama. Byatumye ahinduka ndetse akajya aza amasaha abiri mbere y'igihe yajyaga atahira.

Ubuhamya bwa Nsengiyumva Silas: Uruhare rwa PAP mu gushimangira ubumwe mu muryango

Mbere y'amahugurwa ya PAP, igihe nari mfite ibibazo n'umugore wanjye, nashoboraga kumara iminsi ntamuvugishije. Nta kuvugana hagati yacu kandi buri gihe numvaga ari njyewe uri mu kuri. Mu mahugurwa ni bwo nabonye ko nabanaga n'amakimbirane ntashoboraga gukemura. Amwe mu masomo nk'irerekeranye n'icyunamo n'andi yamfashije guhinduka. Uyu muni uko mbigenza iyo hari ikibazo mbwira umudamu akaza tukaganira kugeza igihe dukemuriye ikibazo.

Impinduka mu myumvire y'abarimu n'ubushobozi bwabo

Amahugurwa y'abarimu yazanye impinduka mu myumvire no mu bushobozi bw'abarimu aho usanga bibanda ku burezi bugamije kubaka amahoro n'ingamibanire mu masomo batanga. Amasomo yibanda ku guteza imbere ingangagaciro z'abanyeshuri no kubongerera ubushobozi bazakenera mu guteza imbere sosiyeti. Mu bihe bya nyuma y'amakimbirane, abarimu bafite inshingano yo kuba intangarugero mu gukemura no gukumira amakimbirane hakoreshejwe uburyo bwo kuvugana no kuganira. Mu guhindura ingamibanire n'imyumvire by'abarimu bisaba ko mu mahugurwa ingingo zinyuranye zikurikira zirushaho kwitabwaho:

- gukangurira abarimu ibirebana n'ubufatanye,
- gukangurira abarimu ibirebana n'indangagaciro,
- ubushobozi bukungura ubwenge ni ngombwa cyane.

Amahugurwa y'abarimu yibanda cyane cyane mu kongerera abarimu ingengamibanire zibashoboza gukora umurimo wabo uko bikwiriye. Aha twavugaga cyane cyane nko kubongerera ubushobozi butuma bakora umurimo wabo mu buryo buboneye. Ubwo bushobozi bwibanda ku ngingo zikurikira (Baumert & Kunter 2006): a) ubumenyi mu kwigisha, b) agaciro no kuba intangarugero mu mwuga w'uburezi, c) kugira ishyamba d) kwiyoza no gukora ibyo ushinze ntawe ugombye kukubwiriza.

a) Ubumenyi mu kwigisha

Buri mwarimu akwiye kugira ubumenyi rusange mu birebana no kwigisha. Umwarimu akirinda guhora akoresha uburyo bw'inyigishirize ya kera kandi hari inyigishirize mishya ifitiye abanyeshuri akamaro. Mwarimu agomba kugira ubumenyi bumufasha guhitamo neza ibyo akwiye kwigisha no kubishyira kuri gahunda neza kugira ngo abone uko abyigisha abanyeshuri mu buryo bufututse.

Umwarimu akwiye kugira ubumenyi mu buryo bw'inyigishirize kandi akamenya n'uburyo bwiza bwo gucunga ishuri rye. Imirimo yo mu matinda isaba kugira ubushobozi mu gucunga neza umwana, igihe n'abantu bagomba gukora igikorwa.

Umwarimu asabwa kuba afite ubumenyi muri gahunda na porogaramu y'inyigisho ziteganijwe kugira ngo ashobore kumenya neza uko ubumenyi runaka bwavamo ubushobozi bwakoreshwa mu buzima busanzwe.

b) Agaciro no kuba intangarugero mu mwuga w'uburezi.

Kwigisha bisaba ko mwarimu agira ubushobozi mu guhitamo ibyageza abanyeshuri ku ntsinzi ashakashaka imfashanyigisho kandi agafasha abanyeshuri mu mibanire yabo.

Imyitwarire n'imyifatire y'abarimu ikwiye kuba intangarugero haba umwarimu ku giti cye no mu mikoranye mu ishuri. Imyifatire ishingiye ku muco wa demokarasi, kubaha buri wese no kubaha uburenganzira bwa muntu bikaba inkikingi ikomeye mu burezi mbonezamubano.

c) *Kugira ishyaka*

Abarimu bafitanye ihuriro n'imiryango na sosiyeti. Bakwiye kugira imyumvire n'imikorere ibatandukanya n'ibikorwa bisanzwe kandi bakarangwa no kugira ishyaka mu mwuga wabo.

d) *Kwiyobora no gukora ibyo ushinze ntawe ugombye kukubwiriza*

Gucunga ishuri wita ku muntu ku giti cye no ku guteza imbere ubwisanzure bwa buri wese, ubufatanye n'ubumwe bisaba ubushobozi mu kwiyobora no gukora ibyo umuntu ashinze ntawe ugombye kumubwiriza. Mwarimu agomba kumenya gutanga amahirwe ku banyeshuri bese kugira ngo basobanukirwe n'ibyo yigisha kandi agatanga isomo rye mu buryo butuma abanyeshuri bata-gira imyitwarire n'imyifatire itandukanye n'ibyo babategerejeho.

Intego za gahunda ya PAP

Intego nyamukuru y'iyi gahunda ni ukunoza ireme ryo kwigisha:

- a) Kongera, gushimangira ubumenyi no kunoza ubumenyi bwa mwarimu kugira ngo hongere ubwinshi n'ubwiza mu kongera ubumenyi.
- b) Guhindura imyitwarire y'abarimu n'abanyeshuri kugirango bimakaze imy-itwarire iganisha ku mibanire myiza n'indangagaciro nko:
 - Gusabana kw'abarimu ubwabo ndetse n'abanyeshuri ubwabo,
 - Ubwumvikane hamwe n'iterambere mu mikoranire, ubufatanye n'ituze hagati ya bo,
 - Kurema imikoranire n'imibanire myiza ndetse n'umwuka mwiza wo guko-reramo mu ishuri,
 - Umuco wo kubahana nk'ibiremwa, uburenganzira bw'umuntu, ibitekerezo,
 - Gushishikariza kunoza umurimo no kugira umuco w'ubufatanye hagati y'abarimu,
 - Guteza imbere umuco wo gufata inshingano, kwibwiriza hamwe no gushaka ibisubizo by'ibibazo biriho,
 - Umuco w'ubushakashatsi no guteza imbere umurimo mwiza kandi unoze,
 - Imikorere myiza yo mu ishuri izagira uruhare mu guhindura ubuzima bw'ishuri, abayobozi b'ishuri n'ababyeyi bakabigiramo uruhare.

Ibyigwa mu mahugurwa ku myigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye

Mu rwego rwo gufasha abarimu guhingura imyitwarire n'imikorere yabo, abarimu bahugurwa ku ntego nkuru zikurikira:

- Abarimu bakeneye gutekereza ku bikenewe mu mibanire bifitanye isano no kwigisha. Ingero: imihindagurikire y'isi ituma ihinduka umudugudu, kwimuka kw'abantu, ikoranabuhanga nka interineti, ihindagurika ry'indangagaciro... n'ingaruka zabyo mu burezi no mu nshingano za mwarimu. Ibi byose bifasha mu kumva neza impamvu uruhare rwa mwarimu rugomba guhinduka.
- Mwarimu agomba kumenya impinduka zikomeye zigenda zibaho mu myigishirize. Uruhare mu kubaka ubushobozi bw'abanyeshuri aha twavugaga nko kubaka mu banyeshuri inkingi mu kugira ishyamba no mu mitekerereze yabo mu gihe barimo kwiga.
- Abarimu bakeneye kwiga kujora uburyo bunyuranye bw'imyigishirize. Ubumenyi mu kwigisha no mu gucunga ishuri ni ngombwa cyane.
- Abarimu bakeneye kandi gutekereza ku byo bakora mu ishuri mu gihe bigisha no kureba aho bihuriye n'ibyo ubushakashatsi bwagezeho mu buryo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye ikanamutera umwete mu myigire nko kuba umunyeshuri ari umufatanyabikorwa, ashobora gukora mu itsinda, gukora akanikorera igenzura...
- Abarimu bakeneye kwiga uburyo bushoboka bw'ubwumvane kugira ngo bashobore kuvugana n'abanyeshuri mu buryo bwiza no gutegura amasomo mu buryo buboneye.
- Abarimu bakeneye kwiga uburyo bwo guhuza inyigisho zinyuranye n'isomo riri kwigishwa. Ku bw'ibyo abarimu bakeneye kwiga uko bategura amasomo anyuranye no kuyashyira mu bikorwa mu gihe cy'amahugurwa kandi hakoreshejwe uburyo butuma abanyeshuri bagira uruhare mu myigire.
- Abarimu bakeneye kongerera ubushobozi mu gukora ubushakashatsi, mu gutegura no gukoresha imfashanyigisho mu masomo.

Mu mahugurwa y'ibanze ya PAP, abarimu bahugurwa ku ngingo nyamukuru 5 zirebana n'imyigire n'imyigishirize: imyigishirize, uburyo bw'imyigishirize, ubumenyamuntu n'imyigishirize, ubumenyamuntu, ubwumvane.

Aya mahugurwa afasha cyane cyane abarimu ku kureba uburyo abanyeshuri bagira uruhare rufatika mu myigire yabo n'uburyo bunyuranye bwakoreshwa kugira ngo bafashe abanyeshuri kubigeraho. Niyo mpamvu bahabwa amasomo menshi kandi biga nabo ubwabo babanje gukora umuntu ku giti cye ndetse no mu matsinda anyuranye kandi bakagira umwanya uhagije wo kuvuga no gusobanura ibyo bagezeho imbere y'abandi. Ibi bibafasha kumva neza no gusobanukirwa impamvu abanyeshuri nabo ubwabo bakwiye kugira umwanya uhagije wo gutekereza no gukora hanyuma mwarimu akabibafashamo (reba Rwambonera 2000; Grêt 2009; Mineduc & Inwent 2007; 2008).

Ubuhamya bwa Nsengiyumva Silas: PAP ifasha abarimu kwirinda umunaniro no gushimangira imibanire myiza mubo bakorana

Amahugurwa ya PAP yampaye imbaduko yo kwita kuri bagenzi banjye no gukora imirimo yo kurwanya umunaniro no kuba umunyamahane, nk'uko byari bizwi muri bagenzi banjye bose. Twari abarimu 25 mu ishuri ryacu. Nashinze Korali yaririmbagaga mu iteraniro ryo ku cyumweru kandi yashimwaga cyane na benshi. Natangije kandi agasanduku ko kwizigama k'abarimu, aho umwarimu yagombaga kuguza ahuye n'ikibazo runaka. Twari tumaze kugeza ku bihumbi magana atandatu (600.000) by'amafaranga y'u Rwanda. Umwarimu yahabwaga inguzanyo akishyura atanze inyungu ingana n'amafaranga y'u Rwanda 3%. Twashinze kandi n'iduka ricuruzaga ibintu bikenewe ku ishuri. Buri mwarimu yatanze amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitanu (5.000). Ibi byose twabikoze kubera amahugurwa ya PAP yadukanguye kandi akatwongerera ubushobozi bwo kwigira.

Ubuhamya bwa Nyiramana Josée: Uruhare rwa PAP mu gutanga ihumire n'ituze mu kazi

Nyuma yo kurangiza amashuri yisumbuye nahise mba umwarimu. Nyuma y'umwaka umwe nabaye Umuyobozi w'ikigo cy'amashuri gishya cyari gishinzwe. Nagombaga kugaragaza imyitwarire myiza nk'umuyobozi nko kwita ku kazi, kubabarira, kubana n'abandi ndetse no kubumva. Ni amahirwe nagize yo guhabwa ubuyobozi kandi nabibonyemo umugisha cyane.

Nyuma yo gushaka umugabo imirimo yabaye myinshi: kuba umugore mu rugo, umubyeyi w'abana, umuyobozi w'ishuri. Ibi byose byatumye ngabanyaga igihe cyo kuruhuka. Ibibazo byaje kundenga maze ntangira kunywa inzoga, itabi, kunanirwa no kubura ibitotsi. Aho amahugurwa ya PAP yaziye nabonyemo ibisubizo by'ibibazo nari mfite nk'uburakari n'ibindi. Nahagaritse kunywa inzoga n'itabi. Aya mahugurwa yarampinduye.

Ibi byarashobotse kubera ko amahugurwa y'abarimu agamije gushoboza abarimu kwibanda kuburezi buzana amahoro ndetse no kwimakaza indangagaciro z'imibanire myiza mu masomo yabo. icyigisho gikora ku myitwarire y'umuntu, ku ndangagaciro ze, ku bikomere bye, ku ishusho ye, ndetse n'uburyo busesuye bugaragaza uko gushyikirana byakwitabwaho mu muryango. Cyane cyane nyuma y'ibihe by'amakimbarane yabaye mu Rwanda nibwo abarimu bamenye ukuntu ibibazo byinshi bikemurwa no kuganira.

Byongeye kandi amahugurwa y'abarimu agamije kutumva gusa akamaro k'ingengamibanire mu muryango, ahubwo no gukangurira abarimu gushyira imbaraga mu kuba abavugizi b'ibyifuzo by'abanyeshuri.

3.2 Intsinzi si iy'umuntu umwe

Impinduka mu bakora umurimo wo kwigisha ntibyoroshye kubigeraho. Ni iby'ingenzi ko imiyoborere y'ishuri yita ku mpinduka mu myigire kandi izi mpinduka zikaba no ku muntu ku giti cye. Bityo gushyira mu bikorwa impinduka si intsinzi y'umuntu umwe gusa, ahubwo bigaragara nk'igikorwa n'inzira y'iterambere kuri bose.

Gufataniriza hamwe kw'abarimu ku ishuri

Ubusanzwe ubufatanye buke buzana ingorane. Bizwi ko abarimu benshi ari ba nyamwingendaho mu gutanga amasomo yabo mu ishuri. Ni mu bihe bidasanze abarimu bagenzurwa n'abandi bantu kandi nabwo bikabera mu ishuri bari bonyine. Usanga rero kenshi na kenshi abarimu bigisha ariko nta bufatanye buri hagati yabo.

Ubu buryo bw'imyigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu myigire isaba ko abarimu bafashanya, bunganirana kandi batinjiye mu buzima bw'abandi. Niyo mpamvu gushyigikira ingengamibanire hamwe n'ubuyobozi bushingiye k'umunyeshuri bisaba abarimu kureka umuco wo gukora buri wese ku giti cye, ahubwo bagaharanira kwimakaza umuco w'ubufatanye no gukorera hamwe mu myigishirize yabo.

Kubona abafatanyabikorwa

Ishuri ntabwo rigizwe n'abarimu n'abanyeshuri gusa ahubworigizwe n'ibice bitandukanye. Uretse abarimu n'abanyeshuri hari n'ubuyobozi, ababyeyi, abavandimwehamwe n'uruhare rw'umuntu ku giti cye.

Abayobozi n'ubuyobozi

Abayobozi b'ishuri kimwe n'abandi bayobozi ni urufunguzo mu mikorere y'ishuri. Bafata ibyemezo by'ibanze mu birebana n'imikorere na gahunda by'ishuri. Ntabwo ari ukubahiriza inshingano zabo gusa zo gushaka abarimu, ariko bafite n'ubushobozi bwo guhitamo uburyo bw'imyigishirize kandi bwagira umumaro munini mu ishuri. Byari kugorana cyane gushyira mu bikorwa ubu buryo bushya bw'imyigishirize mu gihe nta bwumvikane bubayeho n'ubuyobozi. Ni byiza rero kuganira n'abayobozi kandi bakagira uruhare mu gutangiza amahugurwa y'abarimu. Gukorana inama n'abayobozi n'abarimu byoroshya imikorere n'imikoranire, bigateza umuco wo guhanga udushya ku ishuri no kuganira kuburyo bushyashya bw'imyigishirize.

Amahugurwa mu miyoborere y'amashuri na gahunda ya PAP

Muri iyi gahunda y'imyigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye ntihashyirwa mu bikorwa amahugurwa y'abarimu gusa, ahubwo hategurwa n'amahugurwa y'umwihariko k'ubuyobozi bw'ishuri cyane cyane ku birebana n'abayobozi b'ikigo n'imyifatire yabo. Nk'igisubizo cy'aya mahugurwa, abayobozi n'abakozi bakorera hamwe kugira ngo barangize inshingano. Bityo rero imikorere yose yo mu ishuri no ku kigo irahinduka igatuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda rishoboka kandi n'abarimu bakagira uruhare mu miyoborere y'ishuri muri rusange.

Ababyeyi

Buri gihe ababyeyi bahora bahangayikishijwe n'iterambere ry'imyigire y'abana babo. Ibi bituma bashobora no gushidikanya kuri gahunda nshyashya zije mu ishuri, cyane cyane iyo batekereza ko abana babo batiga neza kubera uburyo bw'imyigishirize bwahindutse. Ababyeyi benshi nta bundi buryo bw'imyigishirize bigeze bamenya usibye uburyo bwa kera. Byongeye kandi hari ababyeyi

bamwe bemera impinduka bigoranye. Urugero nko kureka igihano cyo gukubita. Ikindi kandi hari impinduka mu mibanire hagati y'abanyeshuri n'abarimu ziterwa n'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye.

Izi mpinduka zigira ingaruka kuri sosiyeti. Ni yo mpamvu ababyeyi bagomba gutegurwa ngo bashobore kwakira, mu buryo buboneye impinduka zijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'uburyo bushyashya bw'imyigishirize. Kugirana inama rusange n'ababyeyi ndetse na Komite z'ababyeyi ni uburyo bwiza butuma ishuri rishobora gusobanurira ababyeyi ibirebana n'uburyo bushya bw'imyigishirize kandi ababyeyi na bo bakabaza ibyo badasobanukiwe kugira ngo babe bagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi myigishirize.

Mu Rwanda, iyi gahunda y'imyigishirize isangiwe iha umunyeshuri uruhare mu myigire yafashije mu guhugura bamwe mu bagize komite z'ababyeyi ari na zo zishinzwe iterambere n'imikorere myiza y'ibigo by'amashuri.

Abafatanyabikorwa bo mu nzego za politiki

Mu bihugu byinshi, gahunda y'uburezi iyoborwa na Minisiteri y'uburezi. Impinduka rero muri gahunda y'uburezi ntizishobora kubaho abayobozi b'inzego z'ibanze batabigizemo uruhare. Byashoboka ko ubuyobozi bwakwanga gushyigikira gahunda nshyashya z'uburezi. Mu bihe bikurikira amakimbirane, ubuyobozi bwa Leta bugerageza kugarura ubuzima ndetse no kwerekana icyiza n'ikibi. Kubw'ibyo rero, usanga ibintu bishya bitera abantu ubwoba. Ni yo mpamvu rero ari ngombwa kumenyesha abayobozi b'ibanze uburyo bushya bw'imyigishirize mu gihe bugiye gushyirwa mu bikorwa mu ishuri.

Kubwa gahunda ya PAP mu Rwanda, habayeho amahugurwa agenewe abayobozi banyuranye b'uburezi ku rwego rwa Leta kugira ngo barusheho kumenya no gusobanukirwa iyi myigishirize, bityo bashobore guhamagarira abarimu kuyitabira no kuyishyira mu bikorwa.

3.3 Ikurikiranabikorwa n'igenzura

Nk'uko byavuzwe haruguru amahugurwa agamije guhindura imyitwarire y'abarimu ntabwo ari ay'umunsi umwe, ahubwo akomeza mu bihe bitandukanye. Muri gahunda shyashya y'amahugurwa ni byiza gukurikirana ibikorwa. Nyuma y'amahugurwa, abarimu baba bakeneye ubufasha mu gushyira mu bikorwa ibyo bungutse mu mahugurwa mu mirimo yabo ya buri munsi. Bifite

umumaro munini kugira gahunda zirebana no gukurikirana no kugenzura uko abarimu bashyira mu bikorwa ubu buryo bushya bw'imyigishirize.

Kubaka inzego

Gushobora gukora igenzura mu mashuri atandukanye ari mu karere kamwe, ni byiza no kugena inzego runaka hagashyirwaho n'abakozi babizobereyemo. Abo bashobora gutoranywa mu barimu bafite inararibonye kandi babonye n'amahugurwa y'uho murimo.

Amahugurwa ya PAP mu Rwanda: Kubaka inzego z'umwuga

Gahunda y'amahugurwa mu Rwanda yubatswe ku nzego eshatu:

- Itsinda ry'abakozi b'ishami ry'uburezi muri CPR batunganya ibikorwa byose by'amahugurwa harimo no gushaka amafaranga yo kubafasha muri iyi gahunda, abo kandi bari mu bakozi bahugura ndetse bagakora igenzura ku barimu bahugura.
- Muri buri karere k'amahugurwa, hashatswe umukozi umwe wo gukurikirana gahunda no kugenzura abarimu bo mu karere kamwe. Abo bahuzabikorwa batoranijwe hakurikijwe ubunararibonye bwabo muri gahunda ya PAP, ariko nanone hakurikijwe impano zabo, ubushobozi n'imyitwarire mu guhuza no kuyobora amatsinda y'amahugurwa mu gihe cy'ibyumweru bitatu.
- Byongeye kandi abantu 10 kugeza kuri 15 muri buri cyiciro cy'amashuri (incuke, abanza n'ayisumbuye) barahuguwe kugira ngo nabo bahugure. Bose ni abarimu bakora umurimo wabo wa buri munsu. Biremamo amatsinda ya batatu batatu maze bagahugura mu kiruhuko kandi bakabona ishimwe. Bityo amahugurwa menshi akaba yakorwa mu duce dutandukanye kandi akagera ku bantu benshi.

Hagati y'umwaka wa 1998 na 2013, abarimu bagera ku 2.704 bari mu mashuri arenga 391 bari bamaze guhugurwa (21.33% by'amashuri y'incuke yose y'abaprotestanti, 40.96% by'amashuri abanza y'abaprotestanti na 25.89% by'amashuri yisumbuye y'abaprotestanti). Abahuguwe bigisha abanyeshuri bagera ku bihumbi 980.550.

Isuzumamikorere n'ubujyanama busangiwe

Gushyigikira abarimu nyuma y'amahugurwa bituma bashishikara bakumva ko batasizwe bonyine ahubwo ko bafashwa mu gukemura ibibazo bikomeye bahura na byo. Gusura abarimu mu masomo bigisha, biha umwarimu kumenya aho ahagaze n'uburyo bwo gushaka ibisubizo byakemura ibibazo ahura na byo mu myigishirize, bityo bikamutera kwivugurura umunsi ku munsu. Guha inama umwarimu mu buryo bumwubaka bimufasha ubwe kumenya uko yakwikosora kandi bitamuteye ipfunwe:

- Abarimu bahabwa umwanya wo kuganira ku bibazo bahura na byo mu kazi kabo, byaba ibibazo birebana n'abanyeshuri, byaba ibibazo birebana na bagenzi babo bakorana cyangwa se ibibazo rusange birebana n'uburyo bw'imyigishirize.
- Isuzumamikorere risangiwe rifasha umwarimu ku giti cye mu kazi ke ka buri munsu. Ni umwanya mwiza wo kuganira ku bibazo birebana n'akazi no ku bigenda bigerwaho bityo rero bigatera abandi ishyamba ryiza. Abarimu bakora akazi ahantu hanyuranye ariko ibibazo n'ingorane bahura na byo birasa. Guhura no gusangira ibibazo n'ingorane byabo bibafasha gusangira inararibonye no kuba bahakura uburyo bwiza bashyira mu bikorwa bika-bafasha gukemura ibibazo byabo. Guhura no kujya inama bibafasha kandi guteza imbere imibanire hagati yabo no kubaka icyizere umuntu ku giti cye no hagati yabo.

Mu gihe hatangwa inama mu itsinda abari muri icyo gikorwa bahindura uruhare rwo kugenzurwa ahubwo bakagenzura. Bahereye ku mabwiriza yashyizwe ahagaragara, ubushobozi bw'itsinda bukoreshwa mu gufasha no kunoza umurimo harebwa ibibazo biriho no kubishakira ibisubizo. Iryo tsinda ni iry'abantu bemera guhuza ibitekerezo kandi kubera ko rigizwe n'abantu batandukanye buri wese yungukiramo.

Icyambere itsinda rifata umwanzuro kumuntu ukwiye ubujyanama ndetse n'ukwiye kuba umufasha mu myumvire. Ubujyanama ubwabwo bugizwe n'ibice 5 by'ingenzi (reba Antz et al. 2009, 93-94):

- 1) Ugenzurwa agaragaza ikibazo uko kiri. Ikibazo kirasobanurwa mu ncamake.
- 2) Impuguke irabaza. Ibibazo byo kumva uko ibintu biteye no kugira andi makuru.

- 3) Guhana ibitekerezo hagati y'impuguke. Guhana ibitekerezo no kuganira kuri zimwe mu ngingo zavamo ibisubizo.
- 4) Guteganya ibisubizo n'intambwe z'ibikorwa. Kugaragaza amahirwe ku bintu bigaragara ku bikorwa by'ugenzurwa.
- 5) Ihame ry'ugenzurwa. Kumenya igitekerezo cyangwa inama zishobora kumvikana kandi zashobora gufasha.

Ibigenderwaho mu kugenzura amasomo mu ishuri

Mu gihe cyo gusura amashuri hagamijwe kugenzura, ni ngombwa kwita ku bintu bimwe na bimwe ngenderwaho mu kwitegereza no kwita ku bibazo bibazwa mwarimu. Ingero:

- Impamvu zatumye impuzandengo y'abanyeshuri bava mu ishuri igenda igabanuka n'impamvu zatumye abanyeshuri barushaho gutsinda ibizamini.
- Impamvu shingiro zatumye abanyeshuri bajya mu mashuri yisumbuye cyangwa mu mashuri y'inyuga.
- Ibyerekeranye n'iterambere ry'abakobwa.
- Ibyerekeye uruhare abanyeshuri bagira mu ishuri.
- Ibirebana n'imibereho myiza y'abanyeshuri n'abakozi b'ishuri.
- Ibyereranye na raporo zigaragaza amakuru meza y'ababyeyi.

Ibigenderwaho mu igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya PAP mu mashuri yisumbuye

Mu ishyirwa mu bikorwa rya PAP, hakurikizwa amabwiriza y'igenzura akurikira:

- 1) Gukoresha imfashanyigisho: Buri mwarimu agera ku kubona no gukoresha imfashanyigisho kugira ngo isomo ritangwe neza. Abanyeshuri bagira uruhare mu gushaka no guhana imfashanyigisho mu gihe biga.
- 2) Abarimu bahuguwe hamwe n'abandi batojwe (par mentorat) ibya gahunda ya PAP bakoresha uburyo butera umwete abanyeshuri mu masomo yabo, nko gukorera mu matsinda, guhana inkuru ngufiye, gukora imyitozo iteguye, kwegeranya no guhana ibitekerezo n'ibindi. Ibi bisaba ko habaho ubwumvane bwiza hagati y'abanyeshuri na mwarimu.
- 3) Abarimu n'abanyeshuri bahinduye imyitwarire yabo: Bakorera mu mwuka mwiza, nta gitugu, nta gusuzugurwa kandi nta bihano byo guhohotera abanyeshuri.

- 4) Abanyeshuri badafite ubumenyi bwinshi bagira uruhare mu ishuri kandi bagatanga ibitekerezo byabo babohotse cyane cyane mu gihe cy'imirimo mu matsinda aho bakorana n'abanyeshuri bafite ubumenyi bwinshi.
- 5) Abarimu batanga ubuhamya bugaragaza ko PAP ibafasha mu gucunga ubwinshi bw'abana mu mashuri cyane cyane bakoresheje imirimo mu matsinda.
- 6) Amakimbirane yari hagati mu barimu mbere y'amahugurwa ya PAP yarakiriyeye. Abarimu bavugana ku buryo bworoheje na buri wese kandi bakarangwa no gufashanya.
- 7) Ibikorwa by'abanyeshuri mu gufasha bagenzi babo batishoboye: Abanyeshuri bashinze isanduku yo gufashanya, batanga imyenda y'ishuri ndetse n'ibindi bikoresho ku banyeshuri babakene. Mu gihe hari umubyeyi cyangwa umunyeshuri witabye Imana, bagerageza gukusanya amafaranga uko bashoboye kugira ngo bafashe abagize ibyago.
- 8) Igipimo cy'amanota cyariyongereye: Urugero nko mu mwaka wa gatandatu, igipimo cy'amanota y'abanyeshuri batsinze cyavuye kuri 62% mu mwaka wa 2008 kigera kuri 82.2% mu mwaka wa 2009 na 91.4% mu mwaka wa 2010.

3.4 Abahugura

Amahugurwa y'abahugura abandi

Igihe hategurwa amahugurwa ni ngombwa gutekereza ku bantu bahugura abandi. Bagomba kuba bemerwa n'abo bahugura bafite ubunararibonye mu mikorere kandi bemera impinduka ku mikorere.

Mu bihe bya nyuma y'amakimbirane hari igihe biba ngombwa gukoresha umuntu cyangwa abantu baturutse mu bindi bihugu mu guhugura abazahugura abandi. Ni ngombwa gutangirana n'amahugurwa hanyuma hagakurikiraho gusuzuma ishyirwa mu bikorwa mu mashuri. Muri icyo gihe, abashoboye gushyira mu bikorwa ibyo bahuguwemo barigaragaza hanyuma bakagenerwa andi mahugurwa ajyanye no guhugura abandi n'uburyo bukoreshwa mu guhugura abantu bakuze.

Abahugura bo muri PAP

Nyuma gato ya Jenocide yakorewe abatutsi mu 1994 mu Rwanda nibwo abahugura ba mbere babiri batangiye gahunda y'amahugurwa mu Rwanda. Umwarimu w'umusuwisi wahuguraga n'undi uturuka muri Kameruni batangiye guhugura abarimu ba mbere kandi banahugura abashinzwe kuzahugura abandi. Ibyiciro by'amahugurwa bitegurwa kandi bikayoborwa n'abashinzwe guhugura bo mu Biro Bikuru bishinzwe uburezi (BNEP) mu matorero agize Inama y'Abaporotesitanti mu Rwanda (CPR). Abashinzwe guhugura ni abarimu bahuguwe muri PAP kandi bagahabwa andi mahugurwa y'inyongera ku rugero rwo guhugura abandi.

Gukorera mu itsinda

Abagize itsinda ry'abahugura bakorera ahantu hamwe kandi mu buryo bw'itsinda mu gihe cyose cy'amahugurwa. Ibyumweru bitatu babimara bafashanya mu guhugura abarimu bagera kuri mirongo ine.

Ishyirwaho ry'itsinda ry'abahugura abandi

Itsinda rishinzwe guhugura abandi rishyirwaho kandi rikemezwa mu nama rusange y'abahugura bose. Mu gushyiraho itsinda ry'abahugura hakurikizwa ibi bikurikira:

- Kugira ubushobozi budasanzwe mu gutanga ibiganiro.
- Ubwuzuzanye bw'abagiye guhugura kugirango bashobore kuzuzanya nk'itsinda.
- Impano mu gushyushya urugamba mu gihe cy'amahugurwa hakoreshejwe indirimbo, udukino, imbyino, byenda gusetsa ...
- Ubwuzuzanye bushingiye ku bitsina.

Mu gihe cy'amahugurwa, abahugura bakwiye kuba bacumbitse hamwe kugira ngo mu gihe bafungura ndetse n'imigoroba bibabere umwanya wo gusuzuma uko amasomo y'uwo munsu yatanze n'uko ay'umunsu uzakurikiraho aza-tangwa. Ibi rero biba ngombwa cyane kugira ngo amahugurwa abe inkingi y'ingengamibanire kandi bigafasha mu kugenzura, gucunga no kujya inama ku myitwarire y'abarimu.

Inshingano z'abagize itsinda rihugura

Umurimo wa buri wese mu itsinda rishinzwe guhugura abarimu ugomba kugaragazwa mu buryo busobanutse. Hagomba gutoranywa umuntu umwe akaba umuhuzabikorwa mukuru, maze akagenzura imirimo yose. Uwo muhuzabikorwa ni we ushinze by'umwihariko amahugurwa y'aho hantu, uko atangwa ndetse n'uburyo atangwamo kandi agafatany n'abandi gushaka ibisubizo ku bibazo byaboneka. Agirana imishyikirano n'ubuyobozi bw'Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) kandi agatanga raporo aho igomba ndetse agahura n'itangazamakuru mu gihe ari ngombwa. Abandi bashinzwe guhugura nabo bafite inshingano zo guteza no gutanga amasomo, guteza imbere imigendekere n'imibanire myiza mu mahugurwa. Mu bahugura kandi hari ugomba gukurikirana ibibazo byihariye nk'ihungabana mu gihe bibaye ngombwa hakitabazwa impuguke zifite ubunararibonye mu gufasha abahuye n'ibibazo by'ihungabana. Abahugurwa na bo bafite inshingano yo gutanga ibitekerezo mu gihe cy'amahugurwa kugira ngo amasomo arusheho kugenda neza. Bashyiraho ababahagarariye nk'umukuru wabo, ushinze imibereho myiza, ushinze gucunga igihe, ushinze gahunda z'amasengesho, ushinze amakuru.

3.5 Imicungire myiza

Mu rwego rwo kunoza ireme rya gahunda y'amahugurwa, imitegurire yimbitse aba ari ngombwa cyane. Ni yo mpamvu, ingingo zikurikira zigomba kwitabwaho:

- *Gutanga raporo:* Hagomba ubwitonzi cyane mu gutanga raporo ikwiriye igizwe n'ibikorwa, abahugurwa, iminsi bizamara, uburyo bw'igenzura ry'amahugurwa n'ibindi.
- *Gushaka amakuru ku mibare shingiro ku ishuri:* Ikigendererwa cya gahunda ni uguteza imbere imibereho y'abanyeshuri. Niyo mpamvu, imiterere y'abanyeshuri ihora igenzurwa. Ikibyerekana ko hari umusaruro ni izamuka ry'umubare w'abanyeshuri batsinda ibizamini bya Leta ndetse n'igabanuka ry'abata ishuri.

**Ubuhamya bwa Munganyinka Anathalie, umuyobozi w'ishuri ribanza:
Umusaruro uvuye muri PAP**

Mbere y'amahugurwa, imitangire y'isomo ndetse n'imisobanurire yaryo hakore-shwaga uburyo bwa kera, kandi umusaruro wari muke cyane: Twabonye 2,9% mu banyeshuri batsinze ikizamini cya Leta mu mwaka 2007. Nyuma y'amahugurwa ya PAP, bivuye ku bwitabire bw'abanyeshuri ndetse n'igenzura rya buri gihe ry'umwarimu nk'umufasha w'abanyeshuri, byatanze umusaruro ufatika biturutse mu gufashanya hagati y'abanyeshuri, mu kuvumbura, mu guhanga udushya, mu kumva amasomo yigishwa. Ingaruka kandi zabaye nziza kandi n'umusaruro wagiye wiyongera buri mwaka: 2,9% mu mwaka wa 2007, 45% mu mwaka wa 2008, 64,5% mu mwaka wa 2009 na 77,7% mu mwaka wa 2010. Mu mwaka wa 2011 twagize imyaka ya mbere y'amashuri yisumbuye. Byagaragaye ko abanyeshuri baturutse mu ishuri ryacu bakoze neza kurusha ibindi bigo duturanye.

Ubuhamya bwa Gasana Innocent: Uruhare rwa PAP mu mitsindire y'abanyeshuri

Mbere yo guhugurwa, nafataga abanyeshuri nk'abantu badafite icyo bazi. Narigishaga ariko abanyeshuri ntibagire uruhare na ruto mu masomo. Mu ishuri, abanyeshuri bumvaga ntacyo bashakaga gukora usibye gusubira mu byo nabigishije banditse mu makaye yabo. Muri icyo gihe rero batsinzwe ibizamini bya Leta kubera ko babajijwe ibibazo bibasaba kugira ubumenyi rusange, gushakashaka no gutekereza ubwabo.

Nyuma y'amahugurwa, nahinduye uburyo bushaje nakoreshaga mu kwigisha hanyuma ntangira guha abanyeshuri igihe cyo kujya impaka mu gihe cy'isomo. Nahinduye kandi n'uburyo nakoreshaga mu kubaza, nkoresha uburyo bwo kubaza nk'ubwakoreshejwe mu bizamini bya Leta. Ibi byongereye umusaruro ku buryo umubare w'abanyeshuri batsinda ikizamini cya Leta wiyongereye.

Isuzuma ry'amahugurwa muri PAP

Mu buryo bwo kumenyereza abarimu isuzumabumenyi no gutekereza ku bwiza bwa gahunda, isuzuma rikorwa kuri buri musozo w'amahugurwa. Ibyo kandi ntibigira umumaro gusa ku bwiza bw'amahugurwa, ahubwo no gusuzuma ko abahugura babishoboye. Umusaruro ugira umumaro ku gutera umwete itsinda ry'abahugura ndetse no kureba uko amahugurwa yubutaha azagenda neza haba ku muntu ku giti cye ndetse no ku kigo cy'ishuri runaka muri rusange. Ku musozo w'amahugurwa buri wese waje mu mahugurwa yakira urupapuro rw'isuzuma ruriho ibibazo bitandatu bikubiye mu ngingo 4 arizo: intego, icyigisho, uburyo bukoreshwa, ubushobozi bw'abahugura. Muri rusange amahugurwa asuzumwa ahabwa nibura amanota 85%.

4 Umusaruro wavuye mu bushakashatsi

4.1 Isesengura ry'imyigishirize ishingiye ku munyeshuri

Nk'uko byavuzwe mu bice byo hejuru, ishingiro rya gahunda y'ingengamibanire igaragaza umumaro ku burezi n'inyigisho binoze. Ariko ni gute iyo ngengamibanire yasangirwa cyane cyane iyo ibayeho mu buryo buziguye? Ese koko umwarimu ufashe amahugurwa y'ibyumweru bitatu yazana impinduka ku myitwarire y'abarimu no kubinjizamo ingengamibanire ndetse no kugeza ku rwego rw'umunyeshuri? Koko gahunda y'imyigire iha umunyeshuri umwanya usesuye kandi ikamutera umwete mu myigire yatanga umusaruro mu kubaka ishuri ry'amahoro bigakora ku mwarimu ndetse no ku banyeshuri?

Isuzumamushinga w'imyigishirize iha umunyeshuri umwanya usesuye mu myigire ye (PAP)

Iyi gahunda y'isuzuma yakozwe inshuro eshatu n'abantu baturutse hanze y'u Rwanda.

Isuzuma rya mbere ryakozwe na Ministeri y'u Budage ishinze ubutwererane mu by'ubukungu n'amajyambere mu mwaka wa 2000 (Cécé 2001). Muri iri suzuma hemejwe ko iyi gahunda yakomeza kandi hifuzwa ko habaho abakozi bo kuyiteza imbere.

Mu mwaka wa 2005, isuzuma rya kabiri ryakozwe n'itsinda mpuzamahanga riyobowe na Michel Moukouri-Edeme (Broutier, Moukouri-Edeme & Sovoessi 2005). Iri suzuma ryari rigamije kureba uburyo bukoreshwa niba bunoze kandi niba iyi gahunda yakomeza imirimo yayo. Isuzuma ryerekanye umusaruro mwiza maze hemezwa ko gahunda yakwagurwa igatezwa imbere mu mashuri abanza kandi ikagera no mu mashuri yisumbuye.

Isuzuma rya gatatu mu mwaka wa 2010 ryakozwe n'itsinda ry'abashakashatsi riturutse muri Kaminuza ya Erlangen-Nuremberg mu gihugu cy'Ubudage. Iri tsinda ryari riyobowe na Prof. Dr. Annette Scheunpflug (Krogull et al. 2010). Ibyavuye mu isuzuma bigaragaza umumaro mwiza wa gahunda mu guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi haba ku banyeshuri ndetse no ku barimu. Ibyagezweho muri ubu bushakashatsi ni byo dusanga mu gika gikurikira.

Intego z'isuzuma

Iri suzuma ryari rigamije kwiga uburyo intego za gahunda yo guhugura abarimu mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu myigire zishyirwa mu bikorwa hagamijwe gusubiza ibibazo bijyane n'ubumenyi n'ubushobozi mu barimu n'abanyeshuri. Uruhare runini muri iyi gahunda rugamije guhindura imyifatire n'imitwarire y'abarimu.

Iri suzuma rero ryibanze cyane cyane ku kureba niba imyigishirize mishya hari umumaro yagize ku kongera ubumenyi n'ubushobozi bw'abanyeshuri: Ese abanyeshuri bafite imyumvire myiza mu kwihesha agaciro? Ese abanyeshuri nta bwoba bukabije bakigira? Ni gute abanyeshuri babona ubwabo ibijyanye n'inyigisho? Ni abanyeshuri babona umushyikirano hagati y'umunyeshuri na mwarimu ndetse n'umushyikirano hagati y'abanyeshuri ubwabo? Ni iyihe myumvire y'umurimo abarimu bafite kandi ni gute bumva inshingano zabo nk'abarezi?

Iki gika kiragaragaza ibyagezweho n'iri suzuma mu Rwanda hamwe n'akamaro k'iyi gahunda y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu myigire ye. Ku zindi gahunda zo muri uru rwego, iri suzuma ni icyitegererezo cyerekana ko gahunda nk'iyi ifite umumaro munini.

Isuzuma ry'akamaro k'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye

Muri iri suzuma habayeho kugereranya amashuri afite abarimu bahuguwe n'andi afite abatarahuguwe muri ubu buryo bw'imyigishirize. Kugira ngo igereranya rishoboke, habayeho guhitamo amashuri agomba gukorerwaho ubu bushakashatsi kandi hagendewe ku bintu bimwe na bimwe ayo mashuri yose ashobora guhuriraho. Amashuri yafashwe yose yari amashuri yigenga afashwa na Leta kandi agacugwa n'Amatorero anyuranye y'Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR); amafaranga y'ishuri ari ku kigero kimwe kandi atari menshi ugereranyije n'andi mashuri; aho amashuri aherereye (mu mugi cyangwa mu cyaro); ubunararibonye bwihariye bw'ababyeyi (cyane cyane kubirebana n'ubuhinzi n'ubucuruzi); imiterere y'inyubako z'amashuri.


Mu myaka ishize, ubushakashatsi mu gucunga amashuri bwagaragaje ko iterambere ry'uburezi n'imyigishirize mu mashuri bishingiye ku ngingo nyinshi kandi zigenda zuzuzanya. Muri izo ngingo hiyongeramo ibirebana

n'imibereho y'imiryango abarimu n'abanyeshuri bakomokamo. Dushingiye ku bushakashatsi bwakorewe mu gihugu cy'Ubudage, izo ngingo z'ingenzi ni izi zikurikira:

- 1) Ishuri
 - Umwuka uranga ishuri: gukemura amakimbirane, ubufatanye mu ishuri
 - Umwuka abanyeshuri bigiramo
 - Iterambere ry'ishuri: amahugurwa y'abarimu, inkunga y'umuryango, urwego rwo kwigisha abarimu bagezeho
- 2) Umwarimu
 - Ibitekerezo n'imyumvire ye: ubumenyi bwihishe mu byo ashoboye, ukwishoboza, ukwiyobora ku ntogo, ukuyoborwa na sosiyeti, uko mwarimu ubwe abona ibintu
 - Ibyiyumviro kubirebana n'umwuga: uko yibona n'agaciro aha umwuga akora, uburyo yita ku murimo we
- 3) Icyumba cy'ishuri
 - Ibikorwa mu ishuri: gutunganya amasomo, ibikorwa by'imyigire
 - Umwuka uranga ishuri: uko imibanire mu ishuri iteye, ubufatanye, urwego rwa demokarasi, gukemura amakimbirane
- 4) Umunyeshuri
 - Ibitekerezo bye: uko yihesha agaciro muri rusange, ibitekerezo bye kubo babana ku ishuri, ubushobozi ategereje kubona, inyungu mu bikorwa ku ishuri, umuco wo kwiyobora mu byo ashinzwe
 - Amarangamutima: ubuzima bwiza bw'abahurira ku ishuri
 - Uko imibanire iteye: ubufatanye, gukemura amakimbirane, guhindura ibyerekezo
 - Kwesa imihigo y'ishuri(imitsindire y'ishuri)
- 5) Uko umuryango umeze
- 6) Uko imibereho myiza n'ubukungu bihagaze
- 7) Umuryango

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza urusobekerane no kuzuzanya kw'ingingo shingiro zifasha mu kunoza no kugenzura imyigire n'imyigishirize.

Imbonerahamwe igaragaza uko ibice byose bigaragara mu igenzura byuzuzanya y'ishuri



Inkomoko: Hifashishijwe ibyanditswe na Haertel, Walberg & Weinstein 1983/1993; Helmke & Weinert 1997. Imbonerahamwe igaragaza ubwuzuzanyeho hagati y'ingingo shingiro zinyuranye mu myigire n'imyigishirize. Iyi mbonerahamwe yakozwe hashingiwe ku byanditswe na Haertel, Walberg & Weinstein 1983/1993, Helmke & Weinert 1997.

Ibikoresho by'ubushakashatsi

Intego nkuru y'ubu bushakashatsi ni ugusobanura akamaro k'amahugurwa y'abarimu mu myigishirize ishingiye ku munyeshuri kandi igaha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye no mu kongera ubushobozi n'ubumenyi

bw'abanyeshuri. Ese ni ubuhe bushobozi n'icyizere abarimu bahuguwe bifitemo kandi bashobora kwerekana? Ese hari itandukaniro rigaragara riri hagati y'imyumvire y'abarimu bahuguwe ndetse n'abanyeshuri bigishijwe hakoreshejwe ubu buryo bushingiye ku munyeshuri n'imyumvire y'abandi barimu bakomeje gukoresha imyigishirize ya kera ishingiyeye ku mwarimu ?

Mu gukora ubu bushakashatsi, hifashishijwe ibibazo byanditse (reba Krogull et al. 2010) hamwe n'uburyo bwo kwitegereza amasomo mu ishuri. Ibibazo byanditse byateguwe hifashishijwe ibyagezweho mu bushakashatsi mpuzamahanga mu rwego rwo kugenzura imyigishirize iteza imbere imibanire no kubaka umuco wa demokarasi mu mashuri (reba Diedrich et al. 2004; Schwarzer et Jerusalem1999).

Byabaye ngombwa guhindura ibibazo byanditse mu rurimi rw'ikidage mu kinyarwanda no kongera kubihindura mu kidage hagamijwe gukora inyandiko mu kinyarwanda igizwe n'ibibazo byanditse bikosowe kandi byumvikana neza. Muri uku guhindura ibibazo mu kinyarwanda hifashishijwe kandi impuguke kugira ngo bigerweho. Nyuma yo guhindura ibibazo mu kinyarwanda, hakoze igeragezwa ku banyeshuri 405, abarimu 37 n'abayobozi 2 b'amashuri hagamijwe gukosora ibyo bibazo no kureba niba byumvikana neza mbere yo gukora ubushakashatsi nyir'izina.

Muri ubu bushakashatsi, hakurikijwe ingamba za gihanga ntabwo hagarajwe ibyatuma abashubije ibi bibazo bamenyekana kandi habayeho no kumenyesha iby'ubu bushakashatsi Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda. Abarimu 116 n'abanyeshuri bagera ku 1000 biga mu myaka ya gatanu n'ya gatandatu ni bo bagize uruhare muri ubu bushakashatsi.

4.2 Umwanzuro wa 1: Amahugurwa ku myigishirize iha uruhare runini umwana mu masomo iteza imbere umwuka mwiza mu myigire no mu myigishirize

Ubwisanzure mu myigire no mu myigishirize ni ngombwa mu buzima bw'ishuri. Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire igira uruhare mu gukomeza ubwo bwisanzure mu ishuri.

Ikigereranyo cy'imyumvire y'abarimu bigisha ku mashuri yahuguwe mu buryo bw'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri n'iy'abarimu bigisha ku mashuri atarahuguwe kigaragaza ko imyumvire y'abarimu bigisha ku mashuri yahuguwe iri ku kigereranyo cyo hejuru ugereraniye no ku mashuri atarahuguwe. Urugero: Abarimu bigisha ku bigo byahuguwe bafite imyumvire iri

hejuru ku birebana no kwita ku bikorwa biha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire (aha twavuga nk'ibikorwa abanyeshuri bakora mu bwisanzure, ibikorwa bisaba abanyeshuri kujya impaka,...) mu gihe abarimu batahuguwe bafite imyumvire yibanda cyane cyane ku bikorwa by'abanyeshuri bifite imizi mu myigishirize ishingiyeye ku mwarimu nko gusaba abanyeshuri gufata mu mutwe ibyo bigishijwe no gusubiramo inshuro nyinshi ibyo mwarimu yigisha.

Muri icyo myigishirize ishingiyeye ku mwarimu, abarimu benshi bibona nk'abantu bazi byose kandi badashobora kwibeshya. Ibiganiro hagati yabo ntibikunze kubaho inshuro nyinshi. Abarimu bagirwa ba nyamwigendaho mu gukemura ibibazo bahura nabyo.

Naho imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri ihindura imyumvire y'abarimu mu birebana n'inshingano zabo. Abarimu n'abanyeshuri babo bakora itsinda rimwe mu ishuri. Abarimu nabo ubwabo bagakora irindi tsinda aho basangira ubunararibonye bwabo, basangira ibitekerezo n'ibibazo bahura nabyo mu murimo, bakabiganiraho bityo bikazamura ubumenyi n'ubushobozi bw'abarimu.

Dushingiye ku myumvire y'abanyeshuri, bigaragara ko mu bigo by'amashuri aho abarimu bakoresha uburyo bushingiyeye ku munyeshuri, abanyeshuri bafite imibanire myiza ugereranyije no ku bigo bigikoresha imyigishirize ya kera ishingiyeye kuri mwarimu. Abanyeshuri bahamya ko iyi myigishirize yatumye abarimu babo bategura amasomo neza bityo bikaborohereza mu kumva no gusobanukirwa ibyo bagomba gukora. Isomo riteguwe neza rituma abanyeshuri barigiramo uruhare ku buryo busesuye kandi bakarushaho kurisobanukirwa. Imitegurire myiza kandi iboneye y'isomo ni imwe mu bigize umusingi w'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri kubera:

- Ibintu byose bituma isomo ritangwa mu mwuka mwiza ni ingenzi cyane mu myigire n'imyigishirize. Niyo mpamvu ishyirwa mu bikorwa ry'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri igomba gushyigikira umwuka mwiza mu ishuri ndetse no mu kigo cyose. Imibanire iboneye hagati y'abanyeshuri n'abarimu ni ingirakamaro cyane mu burezi.
- Hari isano hagati y'umwuka mwiza mu myigire no mu myigishirize n'imbamutima abanyeshuri bagaragaza mu ishuri. Mu gihe abanyeshuri biyumvamo ko babanye neza na bagenzi babo mu ishuri ndetse na mwarimu, mu gihe hubatswe icyizere hagati y'abanyeshuri n'abarimu, mu gihe amasomo ateguwe neza ku buryo abanyeshuri biyumva mu isomo aho kwigizwayo, abanyeshuri baziyumvamo umutekano kandi bashobore no kugira uruhare rusesuye mu byo biga.

- Imyigishirize ishingiye ku munyeshuri, ku iterambere no ku mibereho myiza by'umunyeshuri, ituma abanyeshuri bashira ubwoba mu ishuri. Ibi kandi byagaragariye no mu gukurikirana amasomo aho abanyeshuri mu bigo bishyira mu bikorwa imyigishirize ishingiye ku munyeshuri usanga abanyeshuri bagira uruhare rusesuye mu myigire yabo kandi ugasanga n'umwuka uranga imyigire ari mwiza kurusha mu bindi bigo bitaragurwa.

Muri make, imyigishirize ishingiye ku munyeshuri ifite umumaro munini cyane mu guteza imbere umwuka mwiza mu myigire n'imyigishirize. Ishyirwa mu bikorwa ry'ubu buryo rituma abarimu bagomba gukoresha uburyo bushyashya mu ishuri kandi bugatuma n'abanyeshuri barushaho gusobanukirwa imiterere n'imitegurire y'isomo maze bakarushaho nabo kugira uruhare mu kwiga kwabo. Iyi myigishirize yatumye kandi habaho impinduka mu mwuka uranga ishuri aho usanga imibanire myiza hagati y'abanyeshuri na mwarimu, kandi n'umwuka rusange mu mikorere y'ikigo warushijeho kuba mwiza, abanyeshuri batagitinye abarimu babo.

4.3 Umwanzuro wa 2: Amahugurwa ku myigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu masomo kandi ishyigikira gutera imbere kw'abanyeshuri ku giti cyabo

Uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bwabo cyane cyane mu guhangana n'ibibazo bya buri munsu mu ishuri ni iby'igenzi cyane kuko byongera ubumenyi bwabo. Ubu bushobozi ni ingenzi cyane mu guhangana n'ubuzima bwa buri munsu. Mu gihe umusaruro ubonetse werekana ko iyi myitwarire iganisha ku gutsinda cyangwa ku gutsindwa, ubu buryo bushyigikira cyane imyitwarire ituma umunyeshuri yiyubakamo icyizere bigatuma agira imyitwarire imuganisha mu guharanira gutsinda. Byaragaragaye ko ku bw'iyi gahunda, abanyeshuri bagira kwibwiriza mu murimo wa bo wo kwiga no gukora imyitozo, ibyo bituma bagira umusaruro ushimishije mu mitsindire yabo.

Igereranya ry'imyumvire y'abanyeshuri ku bigo byahuguwe n'imyumvire y'abanyeshuri ku bigo bitahuguwe rigaragaza ko abanyeshuri biyumvamo ubushobozi kandi bumva bakwihesha agaciro mu kwiga kwabo ku kigero kiri hejuru ukurikije imyumvire y'abanyeshuri ku bigo bitahuguwe.

Muri make, abanyeshuri biga ku bigo byahuguwe mu myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire bagaragaje kwiyumvamo ubush-

obozi mu kwiga, kwigirira icyizere. Iyi myigishirize ishingiyeye ku munyeshuri imuteza imbere mu kwiyungura ubumenyi n'ubushobozi.

4.4 Umwanzuro wa 3: Uburezi bushingiye ku munyeshuri buteza imbere umuco wa demokarasi igamije kubaka amahoro

Ubufatanye ni ingenzi cyane mu guharanira kubaka amahoro. Mu gihe abanyeshuri batoye umuco w'ubufatanye biteza imbere imyigire yabo kandi bikabatoza kurushaho kwiyubakamo ubushobozi. Ibi rero bigira ingaruka nziza mu myigire no mu mitsindire yabo. Ubufatanye hagati y'abanyeshuri bubarinda kugira ubwoba ahubwo bukabatera imbaraga zo gukora neza kurushaho kandi bukabarinda n'umuco mubi wo kuba kamara mu bumenyi. Niyo mpamvu, usanga abanyeshuri bashishikarira gukorera hamwe mu bigo bifite abarimu bahuguwe mu myigishirize ishingiyeye ku munyeshuri kurusha mu bigo bitarahugurwa.

Ikigereranyo cy'imyumvire y'abarimu bahuguwe mu myigishirize ishingiyeye ku munyeshuri kigaragaza ko hari umwuka mwiza mu banyeshuri kubera ko bagira uruhare mu gucunga no gukemura amakimbirane hagati yabo mu gihe ibi bitagaragara ku kigero gishyitse ku bindi bigo bitahuguwe. Naho abanyeshuri ubwabo bakemeza ko imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri yatumye batinyuka kugira uruhare mu kwikemurira amakimbirane mu ishuri kandi bakabikora mu buryo buri wese yisanzura akagira ijambo. Bemeza kandi ko imibanire yabo n'abarimu babo yarushijeho kuba myiza. Mu mashuri yahu-guwe, abanyeshuri bemeza ko bagendera ku muco wa demokarasi bitewe n'uko bagira uruhare mu gutanga ibitekerezo byabo kandi bakabijyaho impaka hagati yabo n'abarimu babo mbere yo gufata imyanzuro.

Ibi kandi byagaragaye no mu gukurikirana amasomo mu ishuri aho usanga abanyeshuri bigishwa hakoreshejwe imyigishirize iha abanyeshuri uruhare rusesuye ikabatera umwete mu kwiga kwabo bafite imyumvire yateye imbere mu kubahiriza uburenganzira bwa buri wese no mu kugendera ku mahame ya demokarasi.

Muri make, imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri iteza imbere umuco wa demokarasi n'amahoro bityo amakimbirane agakemurwa mu buryo bwubaka ndetse n'ihohoterwa rigacika. Mu mashuri yigishwamo n'abarimu bakoresha ubwo buryo bushingiye ku munyeshuri, usanga mu mashuri yabo umwuka mwiza w'amahoro, w'ubwumvane n'ubusabane kandi bikazamura cyane abafite intege nke.

Umusozo

Twashoboye kwandika iki gitabo mu myaka mike kubera ubufatanye hagiye'itsinda ryagaragaje ubushake budasanzwe rigizwe n'abarimu bahugura abandi mu Rwanda hamwe natwe, abarimu babiri ba Kaminuza mu gihugu cy'Ubudage. Ubufatanye bwacu bwatangiye igihe abafatanyabikorwa bo mu Rwanda badusabye gukora igenzura rya gahunda y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye kandi ikamutera umwete mu myigire ye (PAP) hagamijwe kureba ingaruka iyi myigishirize igira ku banyeshuri no ku bushobozi bwa mwarimu.

Iri suzuma ryagaragaje ko gahunda y'amahugurwa ku myigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye ari ingirakamaro mu guteza imbere umwuka mwiza mu myigire no mu myigishirize. Iyi gahunda ifasha abarimu bahuguwe guhindura uburyo bw'imyigishirize mu mashuri. Aho gukoresha gusa uburyo bwa kera bushingiye kuri mwarimu, abarimu bakoresha uburyo bw'imyigishirize butuma abanyeshuri bisanzura mu gutanga ibitekerezo, bagakorera hamwe mu matsinda, bagashakashaka, bagahabwa umwanya wo kuvuga ibyo bagezeho, ...

Iyi gahunda y'imyigishirize ishyigikira byimazeyo gutera imbere kw'abanyeshuri ku giti cyabo. Iyi myigishirize ni inkingi ikomeye mu kongerera abanyeshuri ubushobozi n'ubumenyi. Abanyeshuri biyubakamo ubushobozi bakanarushaho kwigirira icyizere mu myigire yabo. Ku bw'ibyo, abanyeshuri biga mu bwisanzure, bakiyubakamo uburenganzira n'ubushobozi bwo gufata no gushyira mu bikorwa inshinganozabo zijyanye no kwiga. Ni yo mpamvu, ubu bushakashatsi bwagaragaje ko imyigishirize ishingiyeye ku mwana ifite uruhare rukomeye mu guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi mbonezamibanire bityo bikaba ari inkingi ikomeye y'iterambere rirambye. Ubu buryo bw'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye bwongera umusaruro ufatika mu myigire y'abanyeshuri.

Iri suzuma kandi ryagaragaje ko imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri iteza imbere umuco w'amahoro, ubwisanzure na demokarasi. Abanyeshuri biga gukorera hamwe, guhana ibitekerezo, gufashanya, kujya inama, gufatira hamwe umwanzuro... Bityo rero biyubakamo ubushobozi bwo gutega amatwi bagenzi babo, bwo gutanga ibitekerezo, gukemura no gukumira amakimbirane no kuyoborana mu bwisanzure bwa buri wese. Niyo mpamvu, ubu buryo bw'imyigishirize bugira uruhare rukomeye mu guteza imbere iyubahirizwa

ry'uburenganzira bwa muntu, mu gucengeza no gushimangira amahame shingiro ya demokarasi mu banyeshuri n'abarimu.

Kubera umumaro w'iyi gahunda y'imyigishirize iha umunyeshuri umwanya munini mu masomo yiga, Kaminuza ya Erlangen-Nuremberg yo mu gihugu cy'Ubudage yemeye gusinya amasezerano y'ubufatanye n'Inama y'Abaporotesitanti mu Rwanda (CPR) mu rwego rwo kurebera hamwe uko barushaho guteza imbere iyi myigishirize ishingiyeye ku munyeshuri. Turizera ko ubu bufatanye buzagera kuri byinshi byiza mu gihe kiri imbere.

Turakangurira abafatanyabikorwa mu burezi kurushaho gushyira imbaraga muri iyi gahunda y'amahugurwa ku myigishirize iha umunyeshuri uruhare rusesuye mu myigire ye. Ibi bizatuma irushaho gukwirakwira mu mashuri menshi no kongera umusaruro mu myigire y'abanyeshuri, bityo ireme ry'ubu-rezi naryo rizarushaho kugenda ryiyongera.

Urutonde rw'ibitabo byifashishijwe

- Adorno, Th. W. (1966): Erziehung nach Auschwitz. [Education after Auschwitz] In: Adorno, Th. W. (1971): Erziehung zur Mündigkeit. Vorträge und Gespräche mit Hellmut Becker 1959–1969. Frankfurt/Main: Suhrkamp
- Aedo-Richmond, R. & Retamal, G. (ed.) (1998): Education as a humanitarian response. London/Herndorn: Cassell
- AGENDA 21 (1992): Report of the United Nations Conference on Environment and Development, Rio de Janeiro, June 3–14, 1992
- Akresh, R. & Walque, D. de (2008): Armed Conflict and Schooling: Evidence from the 1994 Rwandan Genocide. IZA Discussion Papers 3519; <http://ftp.iza.org/dp3516.pdf>; retrieved July 2012
- Anderson, M. B. (1999): Do not harm. How aid can support peace – or war. Boulder, Colorado: Lynne Rinner Publisher
- Antz, E.-M., Franz, J., Frieters, N. & Scheunpflug, A.: Generationen lernen gemeinsam. Methoden für die Bildungsarbeit [Shared Intergenerationally Learning. Methods for Education] EB Spezial 11. Bielefeld: Bertelsmann 2009
- Arendt, H. (1958): The Human Condition. Chicago: Chicago University Press
- Argyle, M. (1972): Soziale Interaktion. [Social Interaction] Köln: Kiepenheuer & Witsch
- Arnold, N., Bekker, J., Kersh, N., Mc Leish, E. & Philips, D. (1998): Education for Reconstruction – The Regeneration of Educational Capacity Following National Upheaval. Oxford: Symposium Books
- Artelt, C. & Riecke-Baulecke, Th. (2004): Bildungsstandards. Fakten, Hintergründe, Praxistipps [Standards of Education. Facts, Context, Praxis]. München: Oldenbourg
- Ashcroft, K. & Raynor, P. (2011): Higher Education in Development: Lessons from Sub Saharan Africa. Information Age Publishing
- Avalos, B. (2003): Improving Quality in Education – A Challenging Task? Background paper for the Education for all global monitoring report 2005: the quality imperative. Paris: UNESCO
- Avalos, B. (2006): The Curriculum and Professional Development of Teachers. In: prelac journal, No. 3, December 2006. Published by the UNESCO Regional Bureau of Education for Latin America and the Caribbean OREALC/UNESCO Santiago. 104–111
- Bajaj, M. (ed.) (2008): Encyclopedia of Peace Education, Charlotte: Information Age
- Bandura, A. (1977): Social Learning Theory. New York: General Learning Press
- Bandura, A. (1997): Self-Efficacy. The Exercise of Control. New York: Freeman

- Baumert, J. & Kunter, M. (2006): Stichwort: Professionelle Kompetenz von Lehrkräften [Professional competencies of teachers]. In: Zeitschrift für Erziehungswissenschaft, [Journal for Educational Sciences] 9(4), 469–520
- Broutier, P. Y., Moukouri Edeme, M. & Sovoessi, J. (2005): Evaluation à mi-parcours. Rapport final. Kigali
- Brundtland World Commission (1987): Report of the World Commission on Environment and Development, New York: United Nations
- Buckland, P. (2005): Reshaping the Future: education and postconflict reconstruction. Washington D. C.: World Bank
- Bush, K. D. & Saltarelli, D. (eds.) (2000): The two faces of education in ethnic conflict. Toward a peacebuilding education for children. Florence: UNICEF
- Cécé, B., Djoman, J. A. & Ranz, T. (2001): Rapport final d'évaluation du Programme de formation du personnel enseignant et administratif de l'enseignement protestant au Rwanda, Bonn
- Davies, L. (2004): Education and conflict. Complexity and Chaos. New York: RoutledgeFalmer
- Davies, L. (2010): The Potential of Human Rights Education for Conflict Prevention and Security In: Intercultural Education, 21 (5), 463–471
- De Haan, G. (2010): The development of ESD-related competencies in supportive institutional frameworks. DOI 10.1007/s11159-010-9157-9. Published online: June 23, 2010
- Diedrich, M., Abs, H. J. & Klieme, E. (2004): Evaluation im BLK-Modellprojekt Demokratie lernen und leben: Skalen zur Befragung von Schüler/innen, Lehrer/innen und Schulleitungen. Dokumentation der Erhebungsinstrumente 2003 [Evaluation democratical learning. Questionnaires for Students, Teachers and Principals] Frankfurt/Main
- EED = Evangelischer Entwicklungsdienst (2011): In geschwisterlicher Liebe sind wir einander zugetan. Kirchliche Partner des EED [Devoted in fraternal love. Church Partners of EED] Bonn: Brot für die Welt
- Fleischhauer, J. (2008): Von Krieg betroffene Kinder. Eine vernachlässigte Dimension von Friedenskonsolidierung. Untersuchung psychosozialer Intervention für Kinder während und nach bewaffneten Konflikten am Beispiel Eritreas. [Children affected by war. A neglected dimension of peace consolidation. A Study of psychosocial intervention for children during and after armed conflicts on the example of Eritrea] Opladen: Budrich
- Fountain, S. & UNICEF (1999): Peace Education in UNICEF. Working Paper, New York
- Freedmann, S. W., Weinstein, H. M., Murphy, K. & Longman, T. (2008): Teaching History after Identity-Based Conflicts: The Rwanda Experience. In: Comparative Education Review, 52 (4), 663–690

- Fuchs, C. (2005): Selbstwirksam Lernen im schulischen Kontext. Kennzeichen – Bedingungen – Umsetzungsbeispiele. [Self-efficacy in school contexts] Ggp Media on Demand
- Gillies, R. (2007): Cooperative Learning: Integrating theory and practice. London: Sage
- Glaserfeld, E. (1989): Cognition, construction of knowledge, and teaching. In: Synthese, 80 (1), 121–140
- Gordon, T. (1981): Enseignants efficaces, Québec
- Grêt, C. (2009): Le système éducatif africain en crise. Paris: Harmattan
- Harries, I. & Morrison, M. L. (2003): Peace Education. North Carolina: MacFarland.
- Hattie, J. A. (1992): Self-concept, Hillsdale, N. J: Psychology Press
- Helmke, A. (1992): Selbstvertrauen und schulische Leistungen. [Self-Confidence and academic performance] Göttingen: Hogrefe
- Helmke, A. (2010): Unterrichtsqualität und Lehrerprofessionalität. [Teaching Quality and Teaching Professionalism] Diagnose, Evaluation und Verbesserung des Unterrichts. 3rd edition. Seelze-Velber: Klett/Kallmeyer
- Hentig, H. von (1985): Die Menschen stärken, die Sachen klären. Ein Plädoyer für die Wiederherstellung der Aufklärung. [Reinforcing Persons, Clarify Things. A Plea for Enlightenment], Stuttgart: Reclam-Verlag
- Honneth, A. (1992): The Struggle for Recognition. Moral Grammar of Social Conflicts, Boston: MIT Press
- Kammermeyer, G. & Martschinke, S. (2003): Schulleistung und Fähigkeitsselbstbild im Anfangsunterricht – Ergebnisse aus dem KILIA-Projekt. [School-Performance and Self-Perception] In: Empirische Pädagogik, 17/4, 486–503
- Kanning, U. P. (2003): Diagnostik sozialer Kompetenzen. Kompendien Psychologische Diagnostik. [Diagnosis of Social Competencies. Comprisals Psychological Diagnosis] Band 4, Göttingen: Hogrefe
- Klieme, E. (2004): Was sind Kompetenzen und wie lassen sie sich messen? [What are competencies and how to measure them?] In: Pädagogik (2004) 6. 10–13
- Krogull, S. & Scheunpflug, A. (2010): Evaluation of the 'Participatory and Active Pedagogy' (PAP) run by the National Bureau of Protestant Teaching of the Protestant Council of Rwanda. Nuremberg: unpublished paper
- Legendre, M.-F. (2005): La science et la technologie dans le programme de formation pour le premier cycle du secondaire: quelques clés de lecture. *Spectre* (Revue de l'APSQ), 35 (1), 16–20
- Lenhart, V. (2010): Friedensbauende Bildungsmaßnahmen bei bewaffneten Konflikten. [Peace Building Education in Armed Conflicts] In: ZEP – Zeitschrift für Internationale Bildungsforschung und Entwicklungspädagogik. [Journal for International Educational Research and Development Education] 33 (4), 18–21
- Lopez, H. & Wodon, Q. (2005): The Economic Impact of Armed Conflict in Ruanda. In: Journal of African Economies, 14 (4), 586–602

- Martschinke, S. & Frank, A. (2002): Wie unterscheiden sich Schüler und Schülerinnen in Selbstkonzept und Leistung am Schulanfang? Erste Ergebnisse aus dem Kooperationsprojekt Identitäts- und Leistungsentwicklung im Anfangsunterricht KILIA. [Selfconcept and Performance of School Beginners] In: Prenzel, A. & Heinzel, F. (eds.): Heterogenität, Integration und Differenzierung in der Primarstufe, 6. Band des Jahrbuches Grundschulforschung. Opladen: Leske + Budrich, 191–197
- Mehreteab, A. (2002): Veteran combatants do not fade away: a comparative study on two demobilization and reintegration exercises in Eritrea; Bonn, International Center for Conversion – BICC
- Merrouche, O. (2006): Economic Consequences of Wars: Evidence from Landmine Contamination in Mozambique, Economics Working Papers ECO2006/22, European University Institute, Florence
- Meyer, D. L. (2009): The Poverty of Constructivism. In: Educational Philosophy and Theory. DOI: 10.1111/j.1469–5812.2008.00457.x. 41 (3). 332–341
- MINEDUC & InWent (2007): Pédagogie active pour renforcer la culture de la paix à l'école. Guide du facilitateur. Republique du Rwanda, Ministère de l'éducation; Centre National de Développement des Programmes (CNDP) & InWent, Capacity Building International, Germany, Kigali
- MINEDUC & InWent (2008): Pédagogie active pour renforcer la culture de la paix à l'école. Manuel de l'enseignant du primaire. Republique du Rwanda, Ministère de l'éducation; Centre National de Développement des Programmes (CNDP) & InWent, Capacity Building International, Germany, Kigali
- Moschner, B. (2001): Selbstkonzept [Self-Concept]. In: Rost, D. H. (ed.): Handwörterbuch Pädagogische Psychologie. Weinheim: Beltz, 629–635
- Moschner, B. & Dickhäuser, O. (2006): Selbstkonzept. [Self-Concept] In: Rost, D. H. (ed.): Handwörterbuch Pädagogische Psychologie. Weinheim: Beltz, 685–692.
- Muhimpundu, F. (2002): Education et citoyenneté au rwanda. Paris: L'Harmattan
- Paccolat, Jean-Francois (2012): Pédagogie active et participative à la CBCA, Bukavo DRC/Fribourg, Suisse
- Retamal, G. & Aedo-Richmond, R. (1998): Education as a Humanitarian Response. London: Cassell.
- Riddel, A. (2008): Factors Influencing Educational Quality and Effectiveness in Developing Countries: A Review of Research. Eschborn: Gesellschaft für Technische Zusammenarbeit (GTZ).
- Rode, H. (2005): Motivation, Transfer und Gestaltungskompetenz. Ergebnisse der Abschlussevaluation des BLK-Programms "21". [Motivation, Transfer, and Shaping Competence. Results of the final evaluation of the BLK-program '21'] 1999–2004 (Berlin, BLK).
- Rose-Krasnor, L. (1997): The Nature of Social Competence: A Theoretical Review. In: Social Development. 6, DOI 10.1111/j.1467–9507.1997.tb00097.x, 111–135.

- Rutayisire, J. (2007): The Role of Teachers in the Social and Political Reconstruction of Post-genocide Rwanda. In: Leach, F. & Dunne, M. (eds.). Education, Conflict and Reconciliation. International Perspectives. Bern, Switzerland: Peter Lang, 115–130
- Rutayisire, J., Kabano, J. & Rubagisa, J. (2004): Redefining Rwanda's future: The Role of Curriculum in Social Reconstruction. In: Tawil, S. & Harley, A. (eds.). Education, Conflict and Social Cohesion. Geneva: UNESCO, International Bureau of Education, 315–373
- Rychen, D. S. & Salganik, L. H. (eds.) (2001): Defining and Selecting Key Competencies. Göttingen: Hogrefe and Huber Publications
- Rychen, D. S. & Salganik, L. H. (eds.) (2003): Key Competencies for a Successful Life and a Well-Functioning Society. Göttingen
- Schell-Faucon, S. (2001/2002): Developing education and youth-promotion measures in with focus on peace building and conflict prevention. Eschborn: GTZ
- Scherg, N. & GTZ (2003): Entwicklungsorientierte Traumabearbeitung in Nachkriegssituationen. [Development-Oriented Treatment of Trauma in Post-War Situations] Eschborn. Downloaded on January 5 2010 at <http://www.gtz.de/de/dokumente/de-traumabearbeitung.pdf>.
- Scheunpflug, A., Bergmüller, C. & Moukouri, M. (2011): Der Beitrag von Schulentwicklung zur Chancengerechtigkeit – eine Fallanalyse aus dem evangelischen Privatschulwesen in Kamerun. [The Contribution of School Development to Social Justice – a Case Study from Protestant Schools in Cameroon] In: Zeitschrift für Internationale Bildungsforschung und Entwicklungspädagogik ZEP, 34 (1), 38–41
- Scheunpflug, A. & Schröck, N. (2003): Globales Lernen. [Global Learning] Stuttgart.
- Scheunpflug, A., Stadler-Altman, U. & Zeinz H. (2012): Bestärken und Fördern. Wege zu einer veränderten Lernkultur in der Sekundarstufe I [Strengthening and Supporting. Pathways to a Changing Learning Culture in Lower Secondary Schools]. Seelze: Kallmeyer-Klett 2012
- Schoon, I. (2009): Measuring social competencies. Working paper no 58. Council for Social and Economic Data (RatSWD), Berlin <http://ssrn.com/abstract=1447882>
- Schwarzer, R. & Jerusalem, M. (1999): Skalen zur Erfassung von Lehrer- und Schülermerkmalen: Dokumentation der psychometrischen Verfahren im Rahmen der wissenschaftlichen Begleitung zum Modellversuch Selbstwirksame Schule. Berlin
- Seitz, K. (2004): Education and Conflict. The Role of Education in the creation, prevention and resolution of social crises. Consequences for development cooperation. Eschborn: Gesellschaft für Technische Zusammenarbeit (GTZ)
- Seitz, K. (2006): Das Janusgesicht der Bildung. Schlüssel für eine zukunftsfähige Entwicklung oder Entwicklungshemmnis? [The Janus Face of Education: Key to a sustainable education or a barrier for development?] In: Zeitschrift für internationale Bildungsforschung und Entwicklungspädagogik [Journal for international educational research and development education]. 29 (1/2), 33–39

- Shavelson, R. J., Hubner, J. J. & Stanton, G. C. (1976): Self-Concept: Validation of Construct Interpretations. *Review of Educational Research*, (46), 407–441
- Smith, A. & Vaux, T. (2003): *Education, conflict and international development*. London: DFID
- Sommers, M. (1999): *Emergency Education for Children*. Cambridge, MA: Mellon Foundation/MIT
- Stadler-Altmann, U. (2010): *Das Schülerelbstkonzept. Eine empirische Annäherung, [Self Concept of Students. An Empirical Approach]* Bad Heilbrunn: Klinkhardt
- Stanat, P. & Kunter, M. (2001): Kooperation und Kommunikation [Cooperation and Communication] In: Deutsches PISA-Konsortium (ed.). *PISA 2000*. Opladen: Leske & Budrich, 300–321
- Storeng, M. (2001): *Giving Learners a Chance. Learner-Centredness in the Reform of Namibian Teaching*. *Studies in Comparative and International Education*, Vol. 56, Stockholm: Stockholm University Press
- Tawil, S. & Harley, A. (eds.) (2004): *Education, conflict, and social cohesion. Studies in Comparative Education*. Geneva: IBE UNESCO
- Taylor, P. (1998): Constructivism: Value added. In: Fraser, B. & Tobin, K. (eds.). *The International handbook of science education*. Dordrecht, The Netherlands: Kluwer Academic
- UNESCO (2010): *The qualitative impact of conflict on education. Think peace commissioned for the Efa Global Monitoring Report 2011. The hidden crisis: Armed conflict and education*. Montreal: UNESCO Institute of Statistics
- UNESCO (2011): *The hidden crisis: Armed conflict and education. EFA Global Monitoring Report 2011*, Paris: UNESCO
- UNESCO (2011a): *Methodological Guide for the Analysis of Teacher Issues. Teacher Training Initiative for Sub-Saharan Africa (TTISSA), Teacher Policy Development Guide*, Dakar
- Wang, M. C., Haertel, G. D. & Walberg, H. J. (1993): Toward a knowledge base for school learning. In: *Review of Educational Research* (Washington, DC), 63, 249–294
- Welsh, J. & Biermann, K. L. (2001): Social Competence. In: *Encyclopedia of Childhood and Adolescence*. Downloaded on 20 April 2011 at http://findarticles.com/p/articles/mi_g2602/is_0004/ai_2602000487/
- Yu, G. (2007): *Research evidence of school effectiveness in Sub-Sahara African Countries*. EDQUAL Working Paper. Effectiveness No. 2, Bristol, UK, University of Bristol
- Zeinz, H. (2006): *Schulische Selbstkonzepte und soziale Vergleiche in der Grundschule: Welche Rolle spielt die Einführung von Schulnoten? [Self-Concept and Social Comparison in Primary Education – Which Roles Play Marks?]* Dissertation. Universitätsbibliothek Erlangen-Nürnberg

Abanditsi

Susanne Krogull ni umwarimu muri Kaminuza yo mu Budage yitwa Otto-Friedrich-Universität mu mujyi wa Bamberg, akaba kandi umuyobozi nshingwabikorwa wa gahunda y'icyiciro cy'amasomo ku rwego rwa maitrise yitwa “Uburezi bufite ireme mu bihugu biri mu nzira y'amajyambere” (Educational Quality in Developing Countries). Nk'umurezi yibanda cyane ku iterambere ry'uburezi n'ubufatanye mu iterambere. Mu bushakashatsi yita cyane ku burezi bufite ireme, ku igereranya ry'uburezi ku rwego mpuzamahanga, ku burezi bukomatanyije, ku bushakashatsi bushingiye ku bunararibonye.

Samuel Mutabazi yize amashuri yisumbuye mu ishami ry'uburezi, akomeza amashuri makuru muri Tewolojiya ya giprotetanti i Butare aho yakuye impamyabumenyi ihanitse muri Tewolojiya (licence en Théologie protestante). Yakomereje amashuri ye mu gihugu cy'u Budage aho yakuye impamyabushobozi yo ku rwego rwa maitrise mu burezi bw'abakuze (Master of Adult Education). Yabaye umwarimu mu mashuri abanza n'ayisumbuye. Yakoze imirimo inyuranye ya gishumba n'iy'iterambere mu Itorero angilikani mu Rwanda, Diyosezi ya Byumba. Samuel Mutabazi ni umukozi mu Nama y'Abaprotestanti mu Rwanda (CPR) mu Biro Bikuru bishinzwe uburezi mu mashuri y'Amatorero y'Abaprotestanti (BNEP). Samuel Mutabazi yakoze amahugurwa anyuranye arebana n'umirimo w'uburezi no gucunga amashuri bityo rero akaba ashinzwe no guhugura abarimu mu mashuri abanza n'ayisumbuye. Mu bushakashatsi yibanda cyane cyane kubirebana no kunoza ireme ry'uburezi, kuvugurura imyigishirize mu mashuri bishingiye cyane cyane ku guhindura uburyo bw'imyigire n'imyigishirize.

François Rwambonera ni umuyobozi w'Ibiro Bikuru by'Amashuri y'Amatorero y'Abaprotestanti (BNEP) mu Nama y'Abaprotestanti mu Rwanda (CPR). Mbere yuko ashingwa iyo imirimo muri Kamena 1988, yakoze imirimo inyuranye muri Ministeri y'uburezi. Yabaye kandi umuyobozi muri Ministeri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi ashinzwe guteza imbere ubushakashatsi mu Rwanda. Yakoze n'imirimo y'uburezi aho yigishije mu mashuri abanza, ayisumbuye n'amakuru. Yize amashuri yisumbuye mu byo kwigisha azagukomereza mu Bufaransa amashuri makuru aho yabonye impamyabumenyi eshatu zo ku rwego rwa Kaminuza: Impamyabumenyi 2 zihanitse mu mibare (licence na Maitrise) ahavana n'indi mpamyabushobozi y'icyiciro cya gatatu

yitwa DESS (Diplôme des Etudes Supérieures Spécialisées). François Rwambonera yakurikiye amashuri n'amahugurwa menshi y'igihe gito cyane cyane mu bumenyi n'ubumenyi ngiro butandukanye mu by'uburezi. Yayoboye kandi akoresha imyaka myinshi amahugurwa y'abarimu mu myigishirize iha uwiga uruhari (PAP).

Prof. Dr. Annette Scheunpflug ni umwarimu muri Kaminuza yo mu Budage yitwa Otto-Friedrich-Universität iri mu mujyi wa Bamberg. Yigisha amasomo areba n'imfatiro z'uburezi, filosofiya y'uburezi. Ni umwarimu wabigize umwuga umaze igihe akora umurimo wo kwigisha. Mu bushakashatsi akora yibanda cyane cyane ku burezi bufite ireme, ku igereranya ry'uburezi ku rwego mpu-zamahanga, ku burezi bukomatanyije, ku burezi bwita ku bumenyi bw'abantu, ku burezi n'iyobokamana.

Tumenye inama y'abaprotesitanti mu rwanda (CPR)

1 Amavu n'amavuko ya CPR

Mbere y'ubwigenge bw'u Rwanda n'Uburundi, Amatorero y'abaprotesitanti yari yibumbiye mu muryango umwe witwaga mu rurimi rw'igifaransa "*Alliance Protestante du Rwanda-Urundi*". Uyu muryango wari warashinzwe mu mwaka w'1935 i *Musema mu Burundi* ari naho hari icyicaro gikuru cyawo. Intego nkuru y'uyu muryango yari ugushyigikira ubumwe n'ubufatanye hagati y'Amatorero y'Abaprotesitanti yo mu Rwanda no mu Burundi hamwe no gushyigikira ibikorwa by'iterambere by'ayo matorero.

Nyuma y'ubwigenge bw'ibyo bihugu byombi, Amatorero y'Abaprotesitanti yari agize "*Alliance Protestante du Rwanda-Urundi*" mu nama yabo yabereye i *Kivimba mu Burundi* ku wa 30-31 Ukwakira 1962, yafashe umwanzuro gushinga umuryango wihariye uhuza Amatorero y'Abaprotesitanti muri buri gihugu. Ni muri urwo rwego, Amatorero y'Abaprotesitanti yo mu Burundi yashinze "*Alliance Protestante du Burundi*" naho ayo mu Rwanda ashinga *Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda*, mu gifaransa bise "*Conseil Protestant du Rwanda*" (CPR) ku wa 06 Ugushyingo 1962 i *Butare (Astrida)*. CPR yahawe ubuzima gatozi n'iteka rya Minisitiri n° 112/08 ryo ku wa 05 Ugushyingo 1963.

CPR imaze gushingwa yatangiye gukorera imirimo yayo ikoresheje za Komisiyo zinyuranye zarimo cyane cyane Abayobozi n'abakozi bakomoka mu Matorero y'Abaprotesitanti agize CPR n'imiryango ya gikristo yo mu bihugu byo hanze.

Ku wa 22 Kamena 1968, CPR yatangiye gukorera mu cyumba aho CELTAR (Centre de Littérature, de Techniques Audio-visuelles et de Radio) yakoreraga mu Kiyovu mu mazu y'itorero Presibiteriyeni mu Rwanda (EPR). Mu Ukuboza 1980, icyicaro gikuru cy'Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda kimuriwe mu karere ka Kicukiro. Naho guhera mu mwaka wa 2003 kiza kwimurirwa mu mujyi wa Kigali, Akarere ka Gasabo, mu Murenge wa Kimihurura.

2 Abanyamuryango ba CPR

Mu ikubitiro, Amatorero y'abaprotesitanti yishyize hamwe agashinga CPR ni aya akurikira:

Tumenye inama y'abaprotesitanti mu rwanda (CPR)

- Itorero Presibiteriyeni mu Rwanda (EPR)
- Itorero Angilikane mu Rwanda (EAR)
- Itorero Metodiste Libre mu Rwanda (EMLR)
- Ubumwe bw'Amatorero y'Ababatisita mu Rwanda (UEBR)

Mu kwishyira hamwe, Abanyamuryango-shingiro ba CPR bari bagamije guteza imbere ubumwe bw'Amatorero y'Abaprotesitanti kugira ngo barusheho kugira no kumvikanisha ijwi ry'Abaprotesitanti mu miyoborere y'igihugu no mu bikorwa bigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.

Ubu bufatanye n'imbaraga byatumye, uko iminsi yagiye ihita, andi matorero y'Abaprotesitanti n'imiryango ya gikiristo bisaba kuba abanyamuryango ba CPR bakemererwa. Kugeza uyu muni, CPR igizwe n'Amatorero n'imiryango ya gikiristo bikurikira:

Amatorero agize abanyamuryango ba CPR mu buryo bwuzuye:

- Itorero Presibiteriyeni mu Rwanda (EPR)
- Itorero Angilikane mu Rwanda (EAR), Amadiyosezi 9: EAR-D/Kigali; EAR-D/Butare; EAR-D/Shyira; EAR-D/Byumba; EAR-D/Shyogwe; EAR-D/Kigeme; EAR-D/Cyangugu; EAR-D/Kibungo; EAR-D/Gahini.
- Itorero Metodiste Libre mu Rwanda (EMLR)
- Ubumwe bw'Amatorero y'Ababatisita mu Rwanda (UEBR)
- Ishyirahamwe ry'Amatorero y'Ababatisita mu Rwanda (AEBR)
- Itorero ry'Umunazareti mu Rwanda (ENARWA)
- Itorero ry'Ivugabutumwa ry'Inshuti mu Rwanda (EEAR)
- Itorero ry'Abaluteriyene mu Rwanda (ELR).

Amatorero namashyirahamwe ya gikiristo ari mu muryango CPR ku buryo butuzuye:

- Itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda (EASJR)
- Ishyirahamwe ry'Amatorero y'Abapentekote mu Rwanda (ADEPR)
- Umuryango Nyafurika w'Ivugabutumwa (AEE)
- Ishyirahamwe "Fondation" Barakabaho
- Ishyirahamwe ALARM
- Umuryango "Jeunesse pour Christ"
- Itorero "Armée du Salut".

3 Icyerekezo n'intumbero bya CPR

Icyerekezo cy'Inama y'Abaprotesitanti mu Rwandani ugukorerwa u Rwanda rurimo abantu babayeho mu bumwe, ubutabera n'iterambere, bubaha Imana kandi babanye mu mahoro.

Intumbero y'Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda ni uguteza imbere ubumwe bushingiye ku bikorwa by'Amatorero ya gikristo mu Rwanda nk'uko byanditswe muri Yohana 17, 21: “Ngo bese babe umwe”. Abanyamuryango ba CPR biyemeza gukorerwa hamwe nk'abizera Yesu Kristo, abanyamuryango ba CPR kandi baharanira kugira ubuhamya bwiza bushingiye ku ivugabutumwa n'imibereho myiza y'Abanyarwanda.

4 Intego n'ibikorwa bya CPR

Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR) ifite intego nkuru zikurikira:

- Gukomeza ubumwe bw'Iterero rya Kristo nk'uko byanditswe muri Yohana 17, 21: “Ngo bese babe umwe”;
- Gukwiza inkuru nziza y'agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo no gufasha Iterero kubaho mu kuri, mu bumwe no mu rukundo;
- Kuba ijwi ry'Amatorero y'Abaprotesitanti mu Rwanda;
- Guhuza ibikorwa by'ivugabutumwa mu Rwanda;
- Kwiga no gusuzuma ibibazo by'Amatorero ifatanyije nayo;
- Gushyiraho ingamba zose zishobora guteza imbere ibirebana n'imibereho myiza n'ubukungu haba mu burezi, ubuvuzi, itangaza bitabo, ivugabutumwa, itumanaho, urubyiruko, n'ibindi bitanyuranyije n'amahame y'imyemerere ya gikristo hamwe n'icyerekezo n'intumbero bya CPR.

CPR ifite inshingano zo kubaka ubushobozi bw'abanyamuryango bayo binyujijwe mu mahugurwa, mu burezi, mu kurwanya ubukene n'ibyorezo ndetse no gushakira hamwe ibisubizo by'ibibazo bikomeye birebana abanyarwanda muri rusange n'Amatorero ku buryo bwihariye. Ni yo mpamvu, CPR ifite amashami anyuranye ashinzwe ibikorwa binyuranye bya buri munsu: ivugabutumwa n'itumanaho, uburezi, urubyiruko, uburere bwa gikristo, gufasha impunzi, ubumwe n'ubwiyunge, gukemura amakimbirane, kwirinda ihungabana, guteza imbere uburinganire, kurwanya ibyorezo nka SIDA n'ibindi, icungamutungo n'ishoramari, imibereho myiza n'amajyambere...

Nanone CPR igira za Komisiyo zinyuranye kandi zihoraho zishingiye ku mirimon'ibikorwa by'amashami yayo. Izo Komisiyo zishinzwe gusuzuma no kwemeza igenamigambi na za raporo z'ibyakoze mu mashami no gutanga inama zifasha abakozi bayo mashami mu gushyira mu bikorwa iryo genamigambi ryemejwe.

5 Imibanire ya CPR n'abandi

Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda ifite inshingano zo kubana neza n'abandi. Ibyo bigakorwa mu gusangira ibitekerezo, kujya inama no gufatanya n'andi madini n'indi miryango mpuzamatorero yaba ikorera mu gihugu cyangwa mu mahanga hashingiwe kubwumvikane n'ubwubahane.

Mu madini n'imiryango binyuranye ku rwego rw'igihugu, CPR ikorana neza na Kiliziya Gatulika n'impuzamatorero zitandukanye ziri mu Rwanda. Ku rwego mpuzamahanga, CPR ni umunyamuryango w'impuzamatorero zinyuranye nka COE (Conseil Œcuménique des Eglises); CETA (Conférence des Eglises de Toute l'Afrique); FECCLAHA (Fellowship of Christian Councils and Churches in the Great Lakes and Horn of Africa).

Mu bikorwa byayo bya buri munsu, CPR ifatanya n'imiryango nterankunga nk'umuryango w'amatorero yo mu Budage witwa PPLM – EED “*Oeuvre protestante de diaconie et de développement – Pain Pour le Monde- Service Protestant de Développement*” n'abandi.

CPR ifatanya na Leta n'indi miryango mu kujya inama ku bikorwa binyuranye by'imiyoborere myiza no mu kubaka igihugu. Nanone CPR ikorana na Leta n'indi miryango mu bikorwa bigamije guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge; guteza imbere uburezi, urubyiruko n'ubuvuzi; kurwanya indwara z'ibyorezo; kubaka ubushobozi bw'abaturage; kwita ku batishoboye no gukorera ubuvugizi ababikeneye n'ibindi.

Tumenye ibiro bishinzwe uburezi mu mashuri y'abaprotesitanti mu Rwanda

1 Amavu n'amavuko ya BNEP

BNEP (Bureau National de l'Enseignement Protestant) ni ishami rishinzwe uburezi bwa giprotetanti mu mashuri y'Amatorero y'Abaprotesitanti mu Rwanda rikorera mu Nama y'Abaprotesitanti mu Rwanda (CPR). Iryo shami ryatangiyeye imirimo yaryo mu ikubitiro CPR igishingwa ku mugaragaro ku wa 06 Ugushyingo 1962. Mu gihe cy'ubutegetsi bw'Abakoloni mbere y'uko u Rwanda rugera ku bwigenge, Amatorero y'Abaprotesitanti yo mu Rwanda no mu Burundi yari ahuriye mu muryango mpuzamatorero umwe bitaga *"Alliance Protestante du Rwanda-Urundi"*.

Muri ibyo bihe, Abamisiyoneri bashinze Amatorero y'Abaprotesitanti mu Rwanda bibandaga ku bikorwa by'igenzi bikurikira: *ivugabutumwa* (kwigisha Ijambo ry'Imana, kubatiza no kubaka insengero); *ubuvuzi* (gutanga imiti, kubaka ibitaro n'ibigo nderabuzima; kwigisha ibirebana n'isuku no kwirinda indwara z'ibyorezo); *uburezi* (kwigisha abatazi gusoma no kwandika, kwigisha abana mu mashuri abanza n'ayisumbuye, kubaka amashuri, gutanga ibikoresha by'uburezi, kwigisha imyuga n'ubumenyingingiro, n'ibindi).

Mu rwego rw'uburezi, uruhare rw'amatorero y'Abaprotesitanti rwagaragaye cyane ahagana mu myaka 1920–1930 ubwo Abamisiyoneri b'Abaprotesitanti batangiye gushinga amashuri bahereye ku mashuri abanza dore ko amashuri yisumbuye yari umwihariko wa Kiliziya Gatulika. Ishuri rya mbere ryisumbuye ry'Abaprotesitanti ryashinzwe i Shyogwe mu mwaka wa 1946 n'abamisiyoneri babangilikani.

Mu mwaka wa 1925, Leta y'Abakoloni b'Ababiligi yagiranye amasezerano y'ubufatanye mu burezi na Kiliziya Gatolika. Muri ayo masezerano, Leta y'Abakoloni yemeye ko Kiliziya Gatolika igira uruhare mu micungire y'amashuri kandi yemera no gutanga inkunga y'ibiryo n'ibikoresho mu mashuri yisumbuye.

Mu mwaka wa 1948, ayo masezerano yaje kuvugururwa hagamijwe kuyahuza n'ivugururwa ry'uburezi, bityo Leta y'Abakoloni igirana bwa mbere mu mateka amasezerano y'ubufatanye mu burezi n'Amatorero y'Abaprotesitanti. Muri ayo masezerano, Leta y'Abakoloni yemeraga gutanga inkunga y'ibiryo n'ibikoresho mu mashuri y'amatorero.

Mu mwaka wa 1952, nibwo habayeho amasezerano y'ubufatanye mu burezi hagati ya Leta y'Abakoloni, Kiliziya Gatolika n'Amatorero y'Abaprotesitanti yari ahagarariwe na *"Alliance Protestante Rwanda-Urundi"*. Muri icyo gihe, Amatorero y'Abaprotesitanti yashishikariye gushinga amashuri yisumbuye harimo ishuri ryisumbuye rya Remera-Rukoma (1952); Ishuri ryisumbuye rya Gahini (1960); Ishuri ryisumbuye ry'i Kirinda (1962), n'ayandi. Aya masezerano y'ubufatanye mu burezi yaje kuvugururwa ku wa 25 Kanama 1962 mu gihe Leta yemeraga ko hariho amashuri ya Leta n'amashuri yigenga afashwa na Leta.

Muri iyo myaka, uburezi mu matorero y'Abaprotesitanti yo mu Rwanda bwari buhagarariwe n'umuryango mpuzamatorero, witwaga *"Alliance Protestante Rwanda-Urundi"*, wahuzaga Amatorero y'Abaprotesitanti mu Rwanda no mu Burundi. Icyo gihe, hari Umunyamabanga (Secrétaire) muri uwo muryango wakurikiranaga by'umwihariko iby'amashuri mu Rwanda.

Nyuma y'ubwigenge bw'u Rwanda, ku wa 01 Nyakanga 1962, Amatorero y'Abaprotesitanti mu Rwanda yishyize hamwe, mu nama yabereye i Butare (Astrida) ku wa 06 Ugushyingo 1962, maze afata umwanzuro wo gushinga *"Inama y'Abaprotesitanti mu Rwanda"*, mu gifaransa *"Conseil Protestant du Rwanda"* (CPR). Yaje kubona ubuzima gatozi ku wa 05 Ugushyingo 1962. Ishingwa rya CPR ryaje rikurikiranye n'ishyirwaho ry'itegeko-shinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 12 Ukuboza 1962 ryemeza ku mugaragaro ko hari amashuri ya Leta n'amashuri yigenga afashwa na Leta.

Muri icyo gihe, hahise hashyirwaho muri CPR urwego rureba iby'amashuri y'Abaprotesitanti, rwaje gufata izina rya BNEP. Iri shami ryahawe inshingano yo guteza imbere uburezi mu mashuri y'Amatorero y'Abaprotesitanti. Kuva mu mwaka wa 1963, ubuyobozi bwa CPR bwashyizeho Komisiyo y'uburezi dore ko Amatorero y'Abaprotesitanti yari amaze kugira amashuri abanza n'ayisumbuye. Iyo Komisiyo yagiraga Perezida ari na we muyobozi mukuru wayo, ikagira n'Umunyamabanga (Secrétaire) wari ushinze gukurikirana imigendekere y'amashuri, ibikorwa bya buri muni by'uburezi hamwe n'ibibazo birebana n'uburezi Amatorero y'Abaprotesitanti yahuraga na byo kugira ngo bishakirwe ibisubizo. Ibi byatumye Amatorero y'Abaprotesitanti, mu myaka yakurikiye ubwigenge, akangukira gushinga andi mashuri nk'ishuri ry'imyuga ry'i Nyantanga (1964), ishuri ryisumbuye rya Kigeme (1965), n'ayandi. Iyo mirimo y'Umunyamabanga rero niyo yaje kubyara ishami rishinzwe uburezi muri CPR ryaje kwitwa mu gifaransa *"Bureau National de l'Enseignement Protestant"* (BNEP).

Mu mwaka wa 1966, Leta yashyizeho Itegeko rigenga uburezi ryemeraga gusa amashuri ya Leta n'amashuri yigenga. Iri tegeko ryatumwe Amatorero

y'Abaprotesitanti yamburwa amwe mu mashuri yashinze ahindurwa amashuri ya Leta. Ni byo bise mu gifaransa *“la période de la nationalisation des écoles”*. icyakora iri tegeko ryaje kuvugururwa mu mwaka wa 1985, maze hashyirwaho itegeko ryemera amoko atatu y'amashuri: amashuri ya Leta, amashuri yigenga, amashuri afashwa na Leta kubw'amasezerano. Ibi byatumye amashuri amwe n'amwe yongera gusubizwa abayashinze harimo n'Amatorero y'Abaprotesitanti.

Kuva CPR yashingwa, ibiro bishinzwe uburezi mu mashuri y'Amatorero y'Abaprotesitanti (BNEP) byayoborwaga n'Umunyamabanga Mukuru wa CPR. Ibi byaje guhinduka muri Kamena 1988 ubwo BNEP yahabwaga abakozi bahoraho bashinzwe ibikorwa by'uburezi kandi hashyirwaho n'Umuyobozi ukuriye abandi (Directeur) ushinze gukurikirana no guhuza ibikorwa byose by'uburezi mu mashuri y'Amatorero y'Abaprotesitanti agize CPR.

Uyu muni, ibikorwa bya BNEP bigengwa n'amategeko agize igika cya II cy'Itegeko Ngenga N° 20/2003 ryo ku wa 03 Kanama 2003 rigena imiterere y'uburezi mu Rwanda. Ingingo ya 18 muri icyo gika cya II ivuga ko Leta yemera ababyeyi, abantu ku giti cyabo, amashyirahamwe n'indi miryango inyuranye nk'abafatanyabikorwa mu burezi hakurikijwe amategeko ahari agenga uburezi hamwe n'amasezerano Leta igirana n'abafatanyabikorwa bayo. Iri tegeko Ngenga ryaje kuvugururwa n'Itegeko Ngenga N° 02/2011/OL ryo ku wa 27 Nyakanga 2011 aho mu gika cya III, ingingo ya 13 ryemera ubufatanye n'ubwuzuzanye mu burezi hagati ya Leta n'imiryango inyuranye hagamijwe guteza imbere uburezi. Muri iri tegeko, ingingo ya 18 n'ya 20 zo mu gika cya IV zemera amashuri ya Leta, amashuri yigenga n'amashuri y'abafatanyabikorwa na Leta ku bw'amasezerano harimo n'amashuri y'Amatorero y'Abaprotesitanti (Reba Itegeko Ngenga n° 20/2003 ryo ku wa 03 Kanama 2003; n'Itegeko Ngenga N° 02/2011/OL ryo ku wa 27 Nyakanga 2011).

2 Icyerekezo n'intumbero bya BNEP

Uburezi ni imwe mu nshingano zikomeye z'Itorero nk'uko bigaragara mu bitabo byinshi byo muri Bibiliya. Itorero rifite inshingano yo kwigisha no kurera abakristo kugira ngo babe ubwoko bwubaha Imana kandi babe icyitegererezo mu bandi nk'uko tubisanga mu gitabo cyo *Gutegeka kwa Kabiri 4, 6b: “Mbega ukuntu abo bantu bafite ubwenge n'ubushishozi ! Ni ubwoko bukomeye!”*. Soma no muri Matayo 28, 19–20; Yohana 10, 10b–20. Ni muri urwo rwego, BNEP yiyemeje kugengwa no gushingira ibikorwa byayo byose bijyanye n'uburezi

kuri icyi cyerekezo cyo kwigisha no kurera “abantu bafite ubwenge n’ubushishozi” (Dt. 4, 6b).

Mu guharanira kugera kuri icyi cyerekezo, BNEP yihaye intumbero y'imyaka 20 aho abarangiza mu mashuri y'Amatorero y'Abaprotesitanti agize CPR bagomba kurangwa ni ibi bikurikira:

- ubumenyi bushingiye ku gutinya no kubaha Imana;
- umuco wo kwihaza no kwiteza imbere mu buryo bwuzuye;
- kugira uruhare rufatika mu buzima bw'Itorero no muri sosiyeti nyarwanda;
- kuba abayobozi biyemeje, bakorera mu mucyo kandi bubahiriza amahame ya demukarasi;
- kuba baharanira kumenya ibibakikije;
- kugira umuco wo kwineka no kwijora.

3 Intego n'ibikorwa bya BNEP

BNEP ifite intego nkuru zikurikira:

- Kureba ibikenewe mu rwego rw'uburezi mu mashuri y'Amatorero y'Abaprotesitanti;
- Kuvugurura imigendekere n'imikorere y'amashuri;
- Guteza imbere uburere bwa gikristo mu mashuri;
- Kwigisha abakozi bashoboye ku nzego zose z'amashuri;
- Gufasha no guteza imbere amashuri y'imyuga, cyane cyane mu rubyiruko rutagize amahirwe yo kwiga;
- Gushyiraho no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'uburezi y'Amatorero y'Abaprotesitanti.

Mu myaka 20 iri mbere, BNEP ifite intego zihariye zikurikira:

- Guteza imbere uburezi mu banyarwanda hibandwa ku bintu byose bigize umuntu (ibirebana n'ubugingo, indangagaciro, ubwenge, ingufu z'umubiri, ubumenyi ngiro);
- Kugira uruhare mu kongera abantu bakenewe, bashoboye kandi bitangira iterambere ry'igihugu n'Itorero;
- Guteza imbere indangagaciro zishingiye ku ubukristo no ku mucyo nyarwanda n'ibyiza biboneka mu mucyo w'ahandi;

- Guteza imbere uburezi bw'umugore;
- Kwigisha abakozi n'abayobozi b'Amatorero y'Abaprotesitanti;
- Guteza imbere uburezi bufite ireme mu mashuri y'ingeri zose: amashuri y'inshuke, amashuri abanza, amashuri y'imyuga, amashuri yisumbuye, amashuri makuru na za kaminuza, amashuri yihariye;
- Guteza imbere inyigisho z'abakuze;
- Guteza imbere ubufatanye n'imikoranire myiza hagati ya Leta, ababyeyi n'abandi bafatanyabikorwa mu burezi ku rwego rw'igihugu no hanze yacyo;
- Gushishikariza Amatorero y'Abaprotesitanti n'abayoboke bayo gushinga amashyirahamwe agamije gushyiraho no guteza imbere amashuri yigenga, cyane cyane mu mijyi;
- Gushinga amashuri makuru ahuriweho n'Amatorero anyuranye.

Mu rwego rwo kugera kuri izi ntego, BNEP ishinze ku buryo bwihariye guhuza ibikorwa by'uburezi mu mashuri y'Amatorero y'Abaprotesitanti agize CPR:

- guhugura no kongerera abarimu, abakozi n'abayobozi b'amashuri ubumenyi n'ubushobozi mu by'uburezi n'imicungire myiza y'amashuri;
- gukusanya imibare mu mashuri y'amatorero;
- gutegura no gukurikirana inyigisho z'iyobokamana n'ibikorwa by'uburere bwa gikristo mu mashuri;
- gukangurira urubyiruko kwirinda icyorezo cya SIDA, indwara z'ibyorezo n'ibiyobyabwenge;
- gukangurira urubyiruko kwita k'ubidukikije;
- gushishikariza urubyiruko ibirebana no kwimakaza umuco w'amahoro, gukemura amakimbirane, ubumwe n'ubwiyunge;
- kuvuganira Amatorero y'Abaprotesitanti mu nzego zinyuranye zishinzwe uburezi mu Rwanda no mu miryango inyuranye ikorera mu Rwanda no hanze y'arwo;
- n'ibindi.

4 Imibare y'amashuri y'abaprotesitanti mu rwanda (2005–2013)

A. Amashuri y'inshuke

Umwaka w'ama- shuri	Umubare w'ama- shuri	Abanyeshuri			Abarimu		
		Hungu	Kobwa	Igiter- anyo	Gabo	Gore	Igiter- anyo
2005	36	1.048	957	2.005	11	45	56
2006	42	1.166	1.158	2.324	12	56	68
2007	96	3.933	4.256	8.189	37	148	185
2008	89	3.156	3.478	6.634	29	127	156
2009	151	5.155	5.403	10.558	52	181	233
2010	177	5.244	5.728	10.972	50	215	265
2012	310	9.487	10.449	19.936	121	394	515
2013	347	10.643	11.335	21.978	80	422	502

Icyitonderwa: Muri iyi mbonerahamwe, imibare ya 2011 ntabwo iraboneka kandi ntabwo twashyizemo amashuri y'Iterero ry'Abadivatiste b'Umunsi wa Karindwi.

B. Amashuri abanza

Umwaka w'ama- shuri	Umubare w'ama- shuri	Abanyeshuri			Abarimu		
		Hungu	Kobwa	Igiter- anyo	Gabo	Gore	Igiter- anyo
2005	540	206.198	197.944	404.142	2.722	3.052	5.774
2006	552	219.019	210.739	429.758	2.707	3.120	5.827
2007	553	223.204	232.359	455.563	2.961	3.486	6.447
2008	548	228.162	234.523	464.685	3.167	3.589	6.756
2009	547	231.012	239.177	470.189	3.096	3.572	6.668
2010	556	234.778	243.670	478.448	3.344	3.925	7.269
2012	598	243.986	252.677	496.663	3.561	4.210	7.771
2013	603	248.219	256.351	504.570	3.716	4.297	8.013

Icyitonderwa: Muri iyi mbonerahamwe, imibare ya 2011 ntabwo iraboneka kandi ntabwo twashyizemo amashuri y'Iterero ry'Abadivatiste b'Umunsi wa Karindwi.

C. Amashuri yisumbuye

Umwaka w'ama- shuri	Umubare w'ama- shuri	Abanyeshuri			Abarimu		
		Hungu	Kobwa	Igiter- anyo	Gabo	Gore	Igiter- anyo
2005	87	15.613	20.481	36.094	1.093	240	1.334
2006	89	16.521	21.841	38.362	1.137	233	1.370
2007	97	24.181	18.148	42.329	1.251	297	1.548
2008	97	24.342	19.793	44.135	1.259	342	1.601
2009	203	30.217	25.729	55.946	1.509	438	1.947
2010	214	35.427	33.652	69.079	1.811	573	2.384
2012	269	44.598	46.177	90.775	2.416	777	3.193
2013	282	46.880	50.553	97.433	2.649	890	3.539

Icyitonderwa: Muri iyi mbonerahamwe, imibare ya 2011 ntabwo iraboneka kandi ntabwo twashyizemo amashuri y'Itorero ry'Abadivatiste b'Umunsi wa Karindwi.

D. Amashuri makuru y'Amatorero y'Abaprotesitanti mu Rwanda mu mwaka wa 2013

Izina	Abarishinze
Protetant Institut of Arts and Social Sciencies (PIASS)	EPR, EMLR, UEBR, EAR, ADEPR
Rwanda Institut of Evangelical Theology (RIET)	AEBR n'andi matorero menshi ari muri Alliance Evangélique au Rwanda
Kigali Anglican Theological College (KATC)	EAR (Amadiyosezi yose)
Faculté de Théologie Evangelique de Kigali (FATEK)	ADEPR
Kibogora Polytechnic (KP)	EMLR
Muhabura Integrated Polytechnic College (MIPC)	EAR-D/Shyira

Icyitonderwa: Muri iyi mbonerahamwe ntabwo twashyizemo amashuri makuru y'Itorero ry'Abadivatiste b'Umunsi wa Karindwi.

5 Imikoranire ya BNEP n'abandi

BNEP ifite inshingano zo gukorana neza n'abandi bafatanyabikorwa mu burezi. Ibyo bigakorwa mu gusangira ibitekerezo, kuja inama no gufatanya n'abandi bafite uburezi mu nshingano zabo baba bakorera mu gihugu cyangwa mu mahanga hashingiwe kubwumvikane n'ubwubahane.

Mu rwego rw'igihugu, BNEP ikorana neza na Minisiteri y'Uburezi n'ibindi bigo biyishamikiyeho bifite uburezi mu nshingano zabyo za buri muni. BNEP kandi ifite imikoranire myiza n'Ibiro bya Kiliziya Gatulika bishinzwe uburezi "*Secrétariat National de l'Enseignement Catholique*" (SNEC) n'indi miryango itandukanye y'Amatorero n'amashyirahamwe anyuranye bifite ibikorwa by'uburezi mu Rwanda. Ku rwego mpuzamahanga, BNEP ifatanya n'imiryango nterankunga nk'umuryango w'amatorero yo mu Budage witwa "*Oeuvre protestante de diaconie et développement – Pain Pour le Monde – Service Protestant de Développement*" (PPLM-EED), n'abandi.

Urutonde rw'amwe mu magambo yakoreshejwe

Achievement – academic	Ibyo umuntu yagezeho mu bumenyi
Activation – cognitive	Gukangura ubwenge
Autonomy	Ubwigenge – ubwihaze
Capacity building	Kubaka ubushobozi
Citizenship	Ubwenegihugu
Classroom management	Imicungire y'icyumba cy'ishuri
Climate – class	Umwuka uranga icyumba cy'ishuri
Climate – school	Umwuka uranga ikigo cy'ishuri
Coherence	Injyana – bihuye
Cohesion – social	Ubufatanye mbonezamibanire
Competencies – social	Ubushobozi mbonezamibanire
Complexity	Ubukomere, urusobekerane
Democracy	Demokarasi
Empathy	Impuhwe
Esteem	Agaciro
Evaluation	Isuzuma
Feedback	Ugusangira ku bibaye cyangwa ku bivuzwe
Individuality	Gukora ibyawe gusa
Inequality	Ubutaresha – ubusumbane
Learner-centered	Imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku munyeshuri
Literacy rate	Ikigereranyo cy'abazi gusoma no kwandika
Mental mechanism	Imikorere y'ubwenge
Micro-didactic	Ibikorwa bito bito byo kwigisha
Participatory and Active Pedagogy	Imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire ye
Peace education	Uburezi bwimakaza umuco w'amahoro
Recognition	Kuzirikana ikintu
Reference norm – criterial	Byashyizweho (ibireberwaho)
Reference norm – individual	Ibigenderwaho umuntu ku giti cye yishyiriyeho
Reference norm – social	Ibyo rubanda bareberaho
Responsibility	Inshingano

Self-concept	Imitekerereze n'umyumvire y'umuntu ku bintu n'abantu
Self-confidence	Kwigirira (kwiyumvamo) icyizere
Self-consciousness	Kwiyumvamo kugira umutimanama
Self-efficacy	Kwiyumvamo ubushobozi
Self-esteem	kwiyumvamo agaciro
Self-evaluation	Kwisuzuma
Self-reflection	Kwitekererezaho
Self-regulation=	Ubushobozi bwo kwitangira, – kwigarura
Society – fragile	Sosiyeti yugarijwe n'urusobe rw'ibibazo
Sustainability	Iterambere rirambye
Theory of capability – implicit	Ubumenyi (inyigisho) bwihishe mu byo ashoboye

Uburezi bushingiye ku munyeshuri ntibugomba kwibanda gusa ku guteza imbere ireme ry'uburezi, ahubwo bugomba no kwita ku mpamvu zishingiye ku mibereho myiza y'abanyeshuri nko kwiubakamo icyizere, kwiubakamo ubushobozi, kubaka amahoro n'imibanire myiza mu muryango.

Nyuma y'itsembabwoko ryakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 mu Rwanda, Amatorero y'Abaprotesitanti mu Rwanda yatangiye gahunda y'uburezi bushingiye ku munyeshuri mu mashuri yayo. Iyi gahunda igamije kubaka amahoro, imibanire myiza no guteza imbere ireme ry'uburezi.

Iki gitabo ni incamake y'ikindi gitabo cyanditswe mu cyongereza gikubiyemo ishusho rusange y'ibyagezweho muri gahunda y'imyigishirize iha umunyeshuri uruhare mu myigire n'imyigishirize (Pédagogie Active et Participative) mu Rwanda. Kigaragaza kandi inshingiro ry'iyi myigishirize n'ingamba z'ishyirwa mu bikorwa ryayo. Dusangamo ubuhamya bw'abarimu bahuguwe kandi bakoreshe ubu buryo bw'imyigishirize no ku byagezweho mu nyigo yakozwe ku iterambere ry'abarimu no kuri gahunda z'imyigishirize zigira ingaruka nziza ku banyeshuri.

François Rwambonera yayoboye gahunda yo guhugura abarimu n'ishami rishinzwe uburezi muri CPR kuva mu 1995 kugeza muri Kanama 2013. Annette Scheunpflug na Susanne Krogull ni abarimu muri Kaminuza ya Otto-Friedrich i Bamberg mu gihugu cy'Ubudage, akaba aribo bashinzwe gukora iri suzuma ryigenga ry'iyi gahunda. Samuel Mutabazi ni umuyobozi w'Ibiro Bikuru bishinzwe uburezi muri CPR, akaba ariwe wateguye incamake ikubiye muri iki gitabo.

© INAMA Y'ABAPROTESITANTI MU RWANDA (CPR)
IBIRO BISHINZWE UBUREZI (BNEP)
B.P. 79 KIGALI-RWANDA

Website: www.bnep.org
Email: bnep@rwanda1.com
bnep@bnep.org